
# IGISHUSHANYO MBONERA




Filime iheruka y'isi

IVOR MYERS

Copyright © 2013 Ivor Myers

Printed in Rwanda

Published by

Amazing Facts, Inc.

P.o Box 1058

Roseville, CA 95678-8058

800-538-7275

Translated by Precious Present Truth inc.

+250787011189

Uretse aho byagaragajwe gusa, amasomo yandi yose yagiye akurwa mu ngeri nshya ya Bibiliya yitiriwe Umwami Yakobo ® Copyright © 1982 yanditswe na Thomas Nelson, Inc.

Iki gitabo cyemerewe gukoreshwa n'uwahawe uburenganzira. Uburenganzira bwose burarinzwe.

Amasomo yanditsweho KJV ni ayakuwe mu ngeri ya Bibiliya Yera yitiriwe Umwami Yakobo.

Igifuniko cyashushanyijwe na Erin Engle

Inyandiko zashushanyijwe na Greg Solie. Altamont Graphics

ISBN: 978-58019-520-1

# Ibirimo


**Ishusho 1:** ……………………………………………………………………………………

**Ishusho 2:** ……………………………………………………………………………………

**Ishusho 3:** ……………………………………………………………………………………

**Ishusho 4:** ……………………………………………………………………………………

**Ishusho 5:** ……………………………………………………………………………………

**Ishusho 6:** ……………………………………………………………………………………

**Ishusho 7:** ……………………………………………………………………………………

**Ishusho 8:** ……………………………………………………………………………………

**Ishusho 9:** ……………………………………………………………………………………

**Ishusho 10:** …………………………………………………………………………………...

**Ishusho 11:** …………………………………………………………………………………..

**Ishusho 12:** ………………………………………………………………………………….

**Ihamagara:** ………………………………………………………………………………….

## Ijambo ry'Ibanze

Iyo hari ikintu gikomeye kibayeho mu buzima bwacu, dushobora kuba twasubiza amaso inyuma maze tukareba uruhererekerane rw'ibihe byabanjirije icyo kintu kugeza kibaye. Twaba tuzi uruhererekerane rw'ibyo bihe cyangwa se tutabizi uko byabayeho, kandi rimwe na rimwe bishobora gusa naho hari umugambi mwiza wateguwe.

Mu gihe utegura ikintu gikomeye mu buzima bwawe, ushobora guhitamo kucyitegurira cyangwa se ukagishinga undi muntu aka kigutegurira, cyangwa se ugahitamo kutagitegura namba ukazabona kiba. Ushobora gutegura mu myaka myinshi ko uzajya kwiga muri kaminuza, maze ugakurikira izo ntambwe uba waragennye ariko rimwe ugasanga hari ikigukomye mu nkokora. Ibihe bitunguranye byo mu buzima bishobora kubangamira gahunda nziza wateguye. Ariko akenshi burya kugera kuntego biterwa n'uburyo wateguye imigambi. Kubaho mu buzima udafite imigambi bituma utagira icyerekezo.

Mu gihe hari ibyo ukiri gutegura iteka uba ukora "Igishushanyo mbonera", ari cyo gishushanyo cyerekana uko ibintu bitandukanye bizakurikirana kugira ngo ugere ku ntego nyamukuru. Igishushanyo mbonera gishobora kuba ipica yoroheje imeze nk'iyifashishwa n'abahanga mu by'ubwatsi, ariko kandi igishushanyo mbonera gishobora kuba ukongera gusubiramo ikintu cyigeze gikorwa, igisa n'igisanzwe, cyangwa se ikintu runaka nyirizina.

Urugero, twese twumvise iby'ihame ry'ihindagurika rihinyura inkomoko yacu. Uwitwa Charles Darwin yagaragaje igishushanyo mbonera kivuga ko umuntu wa mbere yakomotse ku nyamaswa y'ibinyamabere, nayo yakomotse ku gasimba gato. Ushobora guhita utekereza "imiterere" y'icyo gishushanyo mu bitekerezo byawe kano kanya.

Ariko se bite ku gishushanyo mbonera cy'Imana cy'uburyo abakristo bo babonamo inkomoko y'inyoko muntu? Ese Imana yaba ifite umugambi, igishushanyo mbonera, gishobora kudusobanurira inkomoko yacu n'impamvu ki turi aho turi uyu munsi? Ahari bishobora gusa naho Imana nta mugambi yagize, kubera ko akenshi dukunda kwibaza ibibazo bikomeye bigagara nk'ibidafite ibisubizo bikwiriye. Ariko se, ni gute uwo mugambi waba uhari niba tugifite ibibazo bikomeye nkibi:

*Kuki mu isi harimo ikibi n'icyiza?*

*Ese ni ibiki bizaba mu gihe kizaza?*

*Ese mu kuri koko Imana yaba ibaho… na Satani yaba abaho?*

*Niba Imana ari nziza cyane, kuki bivugwa ko ihana abantu mu muriro "w'iteka"?*

*Ese haba hari igishushanyo mbonera cyasobanura iyi si yacu?*

Binyuze mu gucukumbura cyane muri Bibiliya, navumbuye ko Imana yahishuye igishushanyo gitangaje kirimo amasomo aduha ubusobanuro bwagutse cyane bw'ibiri kubaho ku nyoko muntu mugihe cya none ndetse n'aho ttwerekeza. Nacyise "Igishushanyo mbonera cy'Imana".

Igishushanyo mbonera (Blueprint) nanone ryari izina ry'itsinda ry'abanyamerika ririmba mu njyana ya hip-hop rikomoka mu mugi wa Columbus, muri leta ya Ohio – kandi iri ni izina ry'umuzingo wa 6 w'indirimbo z'umuhanzi witwa Jay-Z. Nanjye nk'uwahoze ari umuhanzi mu njyana ya hip-hop, waririmbiraga mu itsinda ryitwa Boogiemonsters, nanjye nagiye nibaza ibibazo byinshi nk'uko namwe mubyibaza.

Iyo niyo mpamvu nanditse iki gitabo – kugira ngo gifashe abashaka ibisubizo. Iki gitabo gitanga ubusobanuro bw'imbitse ku ntambara no ku mahame yagiye abaho mu ntambara iri hagati y'icyiza n'ikibi. Nk'uko **igishushanyo mbonera** cy'inzu yawe kigufasha kubona ubusobanuro bw'imbitse bw'icumbi ryawe, iki gitabo ni ko kizagufasha gusubira inyuma ugasobanukirwa neza n'ibiri kubera mu isi yacu uhereye mu gihe intambara yatangiriye.

Nanditse iki gitabo cyitwa *Igishushanyo Mbonera* nk'uburyo Imana igaragarizamo iyi ntambara mu cyigisho kimeze nka filimi y'amasaha 2 – akaba ariyo mpamvu iki gitabo gifite undi mutwe wunganira uyu witwa, *Ishusho iheruka y'isi*. Ntiwibeshye, kuko harimo gukabya. Waba udafite icyo uzi muri Bibiliya, waba ufite bike uzi cyangwa se ukaba uzi byinshi muri Bibiliya, iki gitabo ni icya buri wese. Niba ukeneye ibisubizo kuri ibi bibazo, ndetse n'ibindi bibazo, iki ni cyo gihe cyawe cyo kugira ngo ubone igishushanyo mbonera kizakuyobora muri ibi bihe bikomeye tubayemo.

Ushobora kwicara ugasoma iki gitabo mu buryo bwihuse, cyangwa se mu gakora itsinda mu gasomera hamwe nk'uko abandi babikoze, cyangwa se ukaba wagisoma buhoro buhoro utekereza kuri buri ngingo. Uburyo bwose wahitamo bukunogeye wa bukoresha. Ngaho rero nahawe ho gutangira kugisoma maze ubone ibyabaye mu mateka y'igihe kirekire…

**Ishusho ya 1:**

## Intambara mu Ijuru

Tekereza mu gihe cya kanya gato abantu bose bigeze kubaho ku isi ndetse n'abazavuka mu gihe kizaza bose bahurijwe ahantu hamwe. nawe uri aho hantu, hamwe n'umuryango wawe, inshuti zawe, ndetse n'abanzi bawe. Amaso yose atumbiririye ikintu kimwe cy'ingenzi cyane kurusha ibindi.

Abenshi muri iyo mbaga y'abantu bari barigishijwe nabi maze bizera ko uwo munsi utari kuzagera, kandi ko batashoboraga kuhaba. Bose bakitegereza batuje nk'abareba filimi iri imbere yabo, filimi y'ingenzi cyane kurusha izindi zose zigeze zirebwa mu isi. Mu kuri, iyi ni yo filimi iheruka irikwerekanwa mu isi ya none.

Hari amatsinda abiri, kandi uri muri rimwe muri ayo yombi. Ese aya matsinda abiri ni ayahe, arikureba iki, kandi mpamvu ni iyihe?

Ubwo turushaho kubona ibintu bihinduka ku isi, reka tubanze dusubize amazo inyuma mu mateka. Maze turebe amateka arenze ubuzima bwo ku isi. Ibyo tubona biri mu kubaho hano ku isi ya none byatangiriye mu ijuru, ahantu hatunganye h'amahoro kandi hatuje.

Mbere na mbere, kera cyane mbere y'uko n'iyi si yacu iremwa, ijuru ryari ahantu aho abamarayika baremwe n'Imana, bose babagaho bahuje n'ubushake bw'Imana kandi banejejwe n'ubuyobozi bwa Yo. Ariko hari ikintu cyabaye maze kirogoya uwo mutuzo warangwaga mu ijuru. Uwo mutuzo watangiye urogowa n'umumarayika witwaga Lusiferi, ari we waje nyuma kwitwa Satani. Bibiliya ibisobanura neza ngo:


> *"Wari warasigiwe kugira ngo ube umukerubi utwikira, kandi nagushyizeho kugira ngo ube ku musozi wera w'Imana, wagendagenderaga hagati y'amabuye yaka umuriro. Wari utunganye bihebuje mu nzira zawe zose uhereye umunsi waremweho, kugeza igihe wabonetsweho gukiranirwa."* (Ezekiyeli 28:14,15).

"Umukerubi" ni umumarayika, ariko Lusiferi we ntabwo yari umumarayika usanzwe. Yari "umurinzi" cyangwa se umukerubi "utwikira". Kugira ngo dusobanukirwe n'inshingano y'umukerubi murinzi, dukeneye gusobanukirwa inyubako idasanzwe Imana yari yarategetse ubwoko bwo ku isi ku yubaka kugira ngo iyo nyubako ibafashe gusobanukirwa ibintu by'ingenzi byo mu ijuru. Nk'uko byanditswe mu isezerano rya kera, Imana yategetse Mose kubaka "Ubuturo bwera" ari nabwo bwitwa "Ihema ry'Ibonaniro", bubatse mu butayu igihe ubwoko bwa Isirayeli bwari bumaze kuva muri Egiputa. hari hejejwe cyane – wahagereranya n'urusengero cyangwa se ingoro zo muri iki gihe, ariko ubwo buturo bwera bwazirushaga agaciro cyane. Muri iyi nyubako y'ubuturo bwera ni ho Imana "yabonaniraga" n'abisirayeli cyangwa se "Igatura"

hagati mu bisirayeli kugira ngo bajye baza kuyiramya. Iyi nyubako yari ifite ubusobanuro bukomeye kuko yari igishushanyo kigaragaza ubuyobozi bw'Imana, cyari igishushanyo mbonera cy'ingoro y'Imana yo mu ijuru. Murebe uburyo ijambo "igishushanyo/icyitegererezo" ryakoreshejwe muri aya masomo akurikira:

> *"Uwiteka abwira Mose ati 'Bwira Abisirayeli banture amaturo, umuntu wese wemezwa n'umutima we azaba ari we mwakira ituro antura… kandi bandemere ubuturo bwera nture hagati muri bo. Muzabureme buse n'ibyo ngiye kukwereka byose, icyitegererezo cy'ubuturo n'icy'ibintu byabwo byose.'"* (Kuva 25:1,2,8,9).

Ubuturo bwera bwa mbere bwubatswe ku isi bwarimukanwaga bwari bumeze nk'ihema rinini. Nyuma y'igihe runaka ubuturo bwera bwaje kubakwa nk'inzu bwubakishijwe ibikoresho bikomeye kandi bihamye. Ariko igishushanyo n'imiterere byakomeje kuguma ari bimwe. Ubuturo bwera bwari bugizwe n'urugo n'ihema (cyangwa se inyubako) noneho muri iryo hema cyangwa se muri iyo nyubako hakabamo ibyumba bibiri: Ahera n'Ahera Cyane. Ahera cyane habagamo isanduku y'izabahu yari itwikiriwe yitwaga isanduku y'isezerano. Hejuru y'iyo sanduku habaga intebe y'ihongerero, ari yo yashushanyaga intebe y'ubwami y'Imana mu Ijuru. Iyi ni yo mpamvu Pawulo yanditse mu isezerano rishya mu gitabo cy'abaheburayo ati, "Nuko rero, twegere intebe y'ubuntu tudatinya, kugira ngo tubabarirwe tubone ubuntu bwo kudutabara mu gihe gikwiriye" (Abaheburayo 4:16).



Mose yari yarategetswe kurema ishusho y'abamarayika babiri, buri umwe akajya kuri buri ruhande rw''intebe y'ihongerero. Aba bamarayika bombi bitwaga abakerubi "batwikira" kubera ko barindaga isanduku y'isezerano; ayo mashusho abiri y'abamarayika yashushanyaga abamarayika babiri bahoraga bugufi cyane bw'Imana mu Ijuru. Ibi biratumenyesha ko umwanya

wa Lusiferi mu ijuru wari uwo guhagarara bugufi bw'Imana, yabaga yegereye Imana cyane kurusha abandi bamarayika. Uku niko Bibiliya isobanura iby'abo bakerubi iti:

> *"Kandi ureme abakerubi babiri mu izahabu, ubareme mu izahabu icuzwe, ubareme mu mitwe yombi y'iyo ntebe y'ihongerero. Ureme umukerubi umwe mu mutwe umwe, n'undi mu wundi, bacuranwe n'intebe y'ihongerero mu mitwe yayo yombi. Abo bakerubi batande amababa yabo hejuru ngo bayikingiririshe iyo ntebe y'ihongerero, berekerane, barebe iyo ntebe y'ihongerero. Ushyire iyo ntebe y'ihongerero kuri ya sanduku, uyishyiremo ibihamya nzaguha."* (Kuva 25:18-21).

Niba Lusiferi yari umukerubi utwikira, ubwo turamenya ko yabaga bugufi bw'Imana. Ariko se by'umwihariko ni iki yatwikiraga? Ni intebe y'ubwami y'Imana (Yesaya 6:1,2). Intebe y'ihongerero yo mu buturo bwera yashushanyaga intebe y'ubwami y'Imana yabaga hejuru y'isanduku y'isezerano, ariyo yari isanduku iremwe mu buryo bwihariye icuzwe mu izahabu yabagamo amategeko y'Imana ari yo agaragaza urufatiro rw'intebe y'ihongerero. Ibyo bituma tumenya ko mu ijuru, urufatiro rw'intebe y'ubwami y'Imana ni amategeko ya Yo. Iyo abamarayika baba barakomeje kumvira aya mategeko mu ijuru byari gutuma baguma kuba ahantu h'amahoro. Aya mategeko ni yo, avugwa kenshi muri Bibiliya ko ari "amategeko y'urukundo" (Abaroma 13:8-10), ariyo Lusiferi kera yatwikiraga. (Ijambo gutwikira risobanura Kurinda.) icyo gihe Lusiferi, umukerubi utwikira, mu gihe runaka yari umurinzi w'amategeko y'Imana.

Ariko hari ikintu cyabaye kuri Lusiferi: "ugukiranirwa" kwamubonetsemo (Ezekiyeli 28:15). Gukiranirwa, mu yandi magambo ni icyaha, ni cyo cyarogoye amahoro yari mu Ijuru. Iki ni cyo cyatumye habaho kwigomeka mu ijuru. Ikibazo gikomeye aha ni iki ngo, *Icyaha ni iki?* Turamutse dushoboye kuvumbura igisubizo, twaba tubonye ikintu cy'agaciro kenshi mu gusobanukirwa iyi ntambara iri hagati y'Imana na Satani.

Reba uko Bibiliya isobanura icyaha: "umuntu wese ukora icyaha aba agomye (yishe amategeko) kandi icyaha ni bwo bugome (ni ko kwica amategeko)" (1 Yohana 3:4)

Lusiferi, umukerubi wahoze arinda amategeko y'Imana, yatangiye kurwanya amategeko y'Imana ayo yari ashinzwe kurinda. Ubwigomeke bwo mu ijuru bwatewe no kudashaka ubutegetsi bw'Imana, n'ubuyobozi bwayo, ari bwo bwari bushingiye kuri ayo mategeko. Nk'ingaruka y'icyaha, Lusiferi yahise atangiza intambara mu ijuru – ari nabwo yaje kujugunywa. (soma Ezekiyeli 28:16).

Ntabwo byadutangaza kubona, mu gice giheruka igitabo cy'ibyahishuwe handitswe ngo, "Hahirwa abumvira amategeko y'Imana, kugira ngo bemererwe kwegera cya giti cy'ubugingo, kandi banyure mu marembo binjire muri rwa rurembo." (Ibyahishuwe 22:14). Lusiferi yarirukanywe akurwa muri urwo rurembo kubwo kurwanya amategeko, ariko ku bumvira amategeko y'Imana bazakingurirwa kugira ngo bemererwe kuba muri urwo rurembo. Ariko ibyo turaza kubigarukaho mu buryo burambuye nyuma. Reka tugaruke ku byaberaga mu ijuru…

Lusiferi yatangiye kurwanya amategeko yubahaga. Ariko ntabwo yigometse wenyine, ahubwo ya yobeje ibihumbi by'abandi bamarayika benshi biyunga nawe muri ubwo bwigomeke. Ntabwo byamubereye akazi koroshye, ariko inzira yakoresheje, kandi n'ubu agikoresha, yarimo uburiganya bukomeye, atari ukuyobya abamarayika gusa, ahubwo nawe ubwe:

> *"Wa nyenyeri yo muruturuturu we, mwana w'umuseke ko uvuye mu ijuru, ukagwa! Uwaneshaga amahanga ko baguciye bakakugeza ku butaka! Waribwiraga uti 'Nzazamuka njye mu ijuru nkuze intebe yanjye y'ubwami isumbe inyenyeri z'Imana kandi uti nzicara ku musozi w'iteraniro mu ruhande rw'impera z'ikasikazi, nzazamuka ndege aho ibicu bigarukira, nzaba nk'isumbabyose.'"* (Yesaya 14:12-14)

Lusiferi yizeraga ko ashobora kumera nk'Isumbabyose atumviye amategeko yashyizweho. Mu yandi magambo, yizeraga ko ashobora kuba mwiza atumviye amategeko y'Imana. Maze atangiza inyigisho abwira abamarayika ko badakeneye amategeko abagenga, ababwira ko kuko n'ubundi basanzwe batunganye, bashobora kubaho badafite amategeko y'Imana. Ko ubwabo bashoboraga kwibwiriza igikwiriye n'ikidakwiriye. Iyo ibi biza gushoboka, Imana yagombaga kwitwa ko itagira ubutabera, kwihangana, itwaza igitugu, Yirebaho gusa (y'ikunda gusa), kandi Idashaka ko abamarayika basobanukirwa n'ubushobozi bifitemo.

Lusiferi mu nyigisho ze ntabwo yahuranyije ngo agaragaze ko agamije ibikorwa by'ubugome; ahubwo, yigishaga ko bishoboka kuba intungane utabanje gukenera kwumvira amategeko y'Imana. Mu ukwigomeka kwe arwanya amategeko y'Imana kugira ngo bihamye ko bishoboka ko waba intungane utabanje kwumvira Imana. Ubwo buyobe bwamuturutsemo nibwo bwayobeje kimwe cy'agatatu cy'abamarayika babaga mu ijuru (Ibyahishuwe 12:4). Nk'uko bigenda mu kwiyamamaza mu bya politiki, Lusiferi yashyizeho uruhererekerane rw'inyigisho ziyobya, zavugaga ko ashaka kuvugurura ubuyobozi bw'Imana kugira ngo ateze imbere imibereho y'abamarayika, kandi avuga ko ubuyobozi bw'Imana burimo ubwiru bukomeye, ko abamarayika bakwiriye kwigenga bakabaho uko babyifuza ndetse n'uko imitima yabo ibayoboye.

Abantu benshi mu buryo batazi bakomeje gukurikiza iyi nyigisho ku isi ya none. Abahakanamana, bavuga ko badakeneye Imana na gato kugirango bagire imico myiza. Ndetse na benshi mu bitwa abakristo bakiriye iyi myigishirize bahamya ko abakristo badakeneye kwumvira amategeko y'Imana kugira ngo batungane (Abaroma 3:31). Iyi nyigisho ni yo yihariye yatumye mu ijuru habaho intambara, ari nayo yaje gukomereza ubwigomeke mu isi. "Mu ijuru habaho intambara. Mikayeli n'abamarayika be batabarira kurwanya cya kiyoka, ikiyoka kirwanana n'abamarayika bacyo. Ntibanesha kandi mu ijuru ahabo ntihaba hakiboneka."
(Ibyahishuwe 12:7,8)

*Iherezo ry'ishusho ya 1.*

**Ishusho ya 2:**

## Ukwigomeka mu isi

Reka noneho tugarure ibitekerezo byacu kuri uyu mubumbe wacu, aho Satani n'abamarayika be bajugunywe. Ariko mbere y'uko tureba ibyabaye. Reka duhagarare gato maze twibaze ibibazo bike bikurikira:

> *Kuki Imana itahise icira Satani urubanza ako kanya ngo ihite imurimburana n'abamarayika be?*
>
> *Kuki birukanywe mu ijuru gusa maze bakemererwa gukomeza kubaho?*

Ibisubizo byose by'ibyo bibazo tubibona mu ihame ryatanzwe mu gitabo cyo Gutegeka kwa kabiri.

> *"Umugabo w'ibinyoma nahagurutswa no gushinja umuntu icyaha, ababurana bombi bazahagarare imbere y'Uwiteka, imbere y'abatambyi n'abacamanza… abo bacamanza babibarize cyane, nibabona uwo mugabo ari indarikwa washinje mwene wabo ibinyoma, muzamushyire aho yashakaga gushyirisha mwene wabo uwo. Uko azabe ari ko mukura ikibi hagati mu mwe."* (Gutegeka kwa kabiri 19:16-19)

Iri ni ihame ryumvikana. Niba amakimbirane avutse hagati y'abantu babiri, hagomba kubaho umuntu wa gatatu uca urubanza. Urega cyangwa uregwa nta n'umwe waca urubanza ngo rwakirwe ko ruciwe mu buryo bukwiriye. Umuntu umwe cyangwa se itsinda runaka, nk'umucamanza, utari muri iyo migabane ihanganye ni we uba ukenewe. Reka iri hame turihuze n'ishusho yacu y'ibyabaye mu ijuru, Lusiferi n'abamarayika be bashoje intambara bigomeka ku Mana bavuga ko Isaba ibidashoboka kandi ko Itwaza igitugu. Ese ubwo ni iki Imana yagombaga gukora?

Ubwo Imana yirukanye Satani mu ijuru, Yavuze amagambo yahagaritse Satani umutima. amagambo yagombaga gusohorezwa kuri uwo wari umukerubi utwikira:

> "Ubwiza bwawe ni bwo bwateye umutima wawe kwishyira hejuru, kubengerana kwawe ni ko kononnye ubwenge bwawe, *nakujugunye hasi ngutangariza imbere y'abami kugira ngo bakwitegereze*" (Ezekiyeli 28:17).

Ese ni iki Imana yashakaga kuvuga ubwo yavugaga ngo, "nakujugunye hasi ngutangariza imbere y'abami kugira ngo bakwitegereze?" ni nkaho Imana yabwiraga Lusiferi ngo azacirwa urubanza n'itsinda ry'abami. Ibi birashoboka ko byahagaritse umutima wa Lusiferi kubera ko buri wese mu ba marayika yari yamaze guhitamo umugabane ajyamo. Ese ni uruhe rwego rwa gatatu rwagombaga kuza gucira urubanza Lusiferi n'abamarayika be? Niba uketse ko ari

inyokomuntu, ubwo icyo waketse ni ukuri. Intumwa Pawulo yanditse aya magambo aduha umucyo cyangwase atuteza indi ntambwe mu gusobanukirwa n'ikigishushanyo mbonera. "ntimuzi yuko abera bazacira ab'isi urubanza? Kandi ubwo ari mwe muzacira ab'isi urubanza, ntimushobora no guca imanza z'ibintu bito hanyuma y'ibindi? *Ntimuzi ndetse yuko tuzacira abamarayika urubanza*, nkanswe iby'ubu bugingo?" (1 Abakorinto 6:2,3). Turi "abami" abo Imana izakoresha kugira ngo icire urubanza abamarayika baguye.

> "No kuri Yesu Kristo, ari we mugabo wo guhamya ukiranuka n'imfura yo kuzuka, utwara abami bo mu isi, udukunda kandi watwejeshejeho ibyaha byacu amaraso ye, *akaduhindura abami n'abatambyi* b'Imana ye ari yo na Se, icyubahiro n'ubutware bibe ibye iteka ryose, Amena" (Ibyahishuwe 1:5,6).

Imana Irema umuntu imwe mu migambi myinshi yarimufitiye harimo no kuba yakora umurimo w'ubucamanza. Yaremye Adamu na Eva maze Imana ibaha "ubutware" mu isi yose (Itangiriro 1:26,28). Abo bantu ba mbere mu byukuri bari "abami" baremewe kuyobora isi yose, kandi byose bakabikorera kubwo kwumvira Imana. Iteka ryose kuko bagombaga kuba bumvira ubuyobozi bw'Imana, bagombaga kuyobora isi mu mahoro.

Inyokomuntu yujuje ibisabwa gukora umurimo w'ubu bucamanza bigaragazwa n'ibi bikurikira. Mu gihe bahitamo umucamanza, hari ibigomba kugenderwaho. Icya mbere, abacamanza bagomba kuba batari bahari ubwo amakimbirane yabagaho. Adamu na Eva bari batararemwa igihe habagaho ukwigomeka mu ijuru. Icya kabiri, umucamanaza agomba kuba ari umuturage ugendera ku amategeko. Ubwo Adamu na Eva baremwaga n'Imana, Imana yabaremye mu ishusho ya Yo. Amategeko y'ubutegetsi bw'Imana yari yanditswe mu mitima yabo. Bari abaturage bishingikiriza ku mategeko y'ingoma yo mu ijuru. Icya gatatu, umucamanza agomba kuba azi itandukaniro riri hagati y'icyiza n'ikibi. Adamu na Eva bombi bari bazi iryo tandukaniro. Bari bazi neza ko kurya ku giti cy'ubwenge bumenyekanisha icyiza n'ikibi byari icyaha. Imana ibyo yari yarabibasobanuriye neza.

Nyuma y'uko Lusiferi ajugunywa mu isi, y'itegereje ibyo biremwa bishya agira ubwoba. Ese abo nibo bari abami bagombaga ku mucira urubanza maze agatsindirwa ukwigomeka kwe? Ese Imana yashoboraga kumwemerera kuba yakwegera abo bantu yaremye? Lusiferi yagerageje guha aba bacamanza ruswa. Lusiferi ubu witwa Satani, ari byo bisobanuye "uyobya" – yegereye Eva mu ishusho y'inzoka. Ntabwo yigeze asaba Eva kwifatanya nawe mu bwigomeke bubisha; ahubwo, yasubiyemo bwa buyobe yakoresheje mu ijuru. Muri make, yaravuze ngo, "Eva, ushobora kuba nk'Imana utabanje kwumvira ibyo Imana yavuze." Reba uko muri Bibiliya havuga:

> "*Inzoka yarushaga uburiganya inyamaswa zo mu ishyamba zose Uwiteka Imana yaremye. Ibaza uwo mugore iti ni ukuri koko Imana yaravuze iti ntimuzarye ku giti cyose cyo muri iyi ngobyi? Uwo mugore arayisubiza ati Imbuto z'ibiti byo muri iyi ngobyi twemererwa kuzirya, keretse imbuto z''igiti kiri hagati y'ingobyi* ni zo Imana yatubwiye

*iti ntimuzazirye, ntimuzazikoreho, mutazapfa. Iyo nzoka ibwira umugore iti gupfa ntimuzapfa. Kuko izi yuko ku munsi mwaziriyeho, amaso yanyu azahweza mugahindurwa nk'Imana, mukamenya icyiza n'ikibi.* (Itangiriro 3:1-5).

Kuki Imana yemeye ko Adamu na Eva bageragezwa na Satani? Ni ukubera ko umucamanza akwiriye kugeragezwa. Buri mucamanza wese, mbere y'uko yinjira mu nshingano ze, arageragezwa kugira ngo agaragaze ko akwiriye gukora ako kazi. Bamwe bakurwamo; abandi bagasigara. Ni nako byagenze no kuri Adam na Eva. Bari bafite umudendezo wo guhitamo – guhakana Imana cyangwa se kemera amategeko ya Yo – nk'uko n'abamarayika mu ijuru nabo bari bahawe amahitamo. Adamu na Eva batsinzwe n'ikigeragezo. Ushobora kugenekereza ukubaza uburyo Satani yakubise agatoke ku kandi, ngo "ese aba nibo bami wari ugiye gukoresha ngo bancire urubanza?" ese ubu ibi byari birangiriye aha? Hagombaga gukurikiraho iki?

Nk'uko Satani yakuwe mu ijuru kubwo kwica amategeko y'Imana, ni ko na Adamu na Eva nabo bakuwe mu murima wa Edeni kuko nabo bishe amategeko y'Imana. Ariko Imana ntabwo yabaretse ngo bazimire burundu. Mu gihe Satani yahabwagwa ipica yuzuye y'ubuntu bw'Imana, akabwanga. Nta kindi yagombaga gukorerwa; kuko we n'abamarayika be bari bamaze kukora icyaha kitababarirwa. Ariko si ko byagenze kuri Adamu na Eva. Ibi biremwa bishya Adamu na Eva bari bafite ibintu byinshi bagombaga kwigira ku Mana; maze basobanurirwa inama y'agakiza. Iyi nama ari nayo isobanurwa muri iki gishushanyo mbonera (aricyo tuza gutangira mu gice gikurikira), iyi nama y'agakiza yashyizweho kugira ngo igarure inyokomuntu ku buryo hongera kuba abantu bumvira amategeko y'ubwami bw'Ijuru. Ni gahunda igarura inyokomuntu imbere y'Imana.

Ubwo abantu barushagaho kugwira mu isi, bamwe bahisemo kujya ku ruhande rw'Imana maze bakumvira amategeko ya Yo; abandi bahisemo kujya ku ruhande rwo kwigomeka bakifatanya na Satani barwanya ubuyobozi bw'Imana. Uwiteka yemeye ko Satani agaragaza amahame ye kuko bwa mbere yari ahishwe kandi uko ibihe biha ibindi ni ko amahame ye y'ubuyobe yagombaga kwigaragaza biruseho. Satani yahawe amahirwe hano ku isi kugira ngo agaragaze uko yari kuzayobora ubwami iyo aza kuba ari we "Mana".

Imana ntabwo yigeze itererana iyi si yacu yayobejwe. Imana yashyizeho inzira y'abazahitamo kugarukira Imana maze bakayoboka ubuyobozi bwa Yo. Binyuze mu muhanuzi Mose, Imana yasobanuriye isi umugambi ifite wo gukiza inyokomuntu yazimiye. Uyu mugambi, cyangwa se iki gishushanyo mbonera, kiragaragaza neza igishushanyo cy'inzira y'agakiza k'Imana. Nk'uko mushobora kubitekereza, Satani yagombaga kwumva ibye birangiye ubwo yabonaga iyi nyubako yari amenyereye mu ijuru, ubwo yabonaga irimo irubakwa ku isi, ubwo rero satani yagombaga gukora ibyo ashoboye byose kugira ngo arimbure icyo gishushanyo mbonera cy'umugambi Imana Ifitiye inyokomuntu.

*Iherezo ry'ishusho ya 2.*

Ishusho ya 3:

## Igishushanyo mbonera cy'Imana

Uko abantu barushijeho kwiyongera ku isi, bamwe bakurikiye Imana abandi bafata inzira yo kuyirwanya. Nyuma y'igihe, Imana yahisemo umuryango uyihagarariye ndetse ugahagararira n'Ubwami bwa Yo, Ihamagara Aburahamu na Sara kugira ngo batangize ishyanga rikomeye ry'abantu bazagaragariza isi igishushanyo mbonera cy'Imana (Itangiriro 12:1-3). Nyuma ya Aburahamu hakurikiyeho Isaka, waje gukurikirwa na Yakobo. Ubwo inzara yateraga mu gihugu cyabo, umuryango wa Yakobo (ari bo b'Isirayeli) wagiye muri Egiputa (Itangiriro 42:1,2), aho, babanje gukungahara, nyuma y'igihe runaka baje kuba abacakara kubwa Farawo w'umunyeshyari n'urwango (Kuva 1:8:14). Ariko Imana yohereje Mose kugira ngo ayobore ubwo bwoko mu buryo butangaje buve muri Egiputa maze bujye mu gihugu cy'Ikanani, igihugu cy'isezerano (Itangiriro 3:7-10).

Aha tugeze ku kindi gice muri iyi filimi yacu ihishura igishushanyo mbonera cy'Imana…

Abana ba Isirayeli bavuye mu bunyage bw'abanyegiputa. Banyura mu Nyanja itukura, maze batangira urugendo rwabo berekeza i Kanani. Urugendo rwo kuva muri Egiputa bajya i Kanani rushushanya urugendo rw'umuntu wese uva mu bubata bw'icyaha agatangira urugendo rujya mu ijuru. Muri uru rugendo niho Imana yagombaga guha abana ba Isirayeli ubuyobozi budasanzwe butari ubwo kubafasha muru gendo barimo berekeza i Kanani gusa, cyangwa gukurikiza bageze i Kanani, ahubwo, bwagombaga no gusohoza undi mugambi ukomeye.

Imana yashakaga kuyobora inyokomuntu yayobye ngo igaruke yerekeze inzira ijya mu ijuru. Umugambi w'Imana wari ukubiye mu ishusho y' inyubako y'Ubuturo Bwera. Uwiteka yategetse Mose ati, "kandi bandemere ubuturo bwera nture hagati muri bo" (Kuva 25:8). Itegereze uko Umwami Dawidi yasobanuye Ubuturo Bwera ati: "Mana inzira yawe iri ahera (mu buturo bwera); ni nde Mana Ikomeye ihwanye n'Imana yacu?" (Zaburi 77:13).


Inzira Imana yaduhaye igana mu bwami bwo mu ijuru iboneka muri iki gishushanyo gito cyubatswe mu isi gishushanya inyubako y'ubwami bwo mu ijuru. Muri iyi nyubako harimo igishushanyo mbonera cy'agakiza. Ishushanya imico y'Imana n'uburyo Ikora. Iyi nyubako yereka icyihishe inyuma y'ubwigomeke bwa Satani mu isi, kandi muri iyi nyubako haranyomoza ikinyoma cya Satani kivuga ko ubutungane bushobora kugerwaho nta mategeko y'Imana. Muri iyi nyubako harimo ibisubizo by'intambara ikomeye iri hagati y'icyiza n'ikibi n'uburyo Imana izarandura ikibazo cy'icyaha mu isi burundu. Tekereza ibyiyumviro Satani yagize n'umujinya ubwo yabonaga iyi nyubako itangiye kubakwa mu isi isa n'aho yahoze atuye!

Nakoresheje iki gishushanyo kubera ko Uwiteka yahaye Mose "icyitegererezo" mugihe cyo kubaka Ubuturo Bwera. Ariko mu rundi ruhande, iki gishushanyo mbonera kiyobora abantu

mu rugendo. Nubwo ubuturo bwera bwari inyubako, ariko mo imbere hari ibyakorerwagwamo. Hari inzira mu buturo bwera abatambyi bagombaga gukurikiza yashushanyaga inama y'agakiza y'Imana.


Aha mutege amatwi neza. Urugero twatanga muri ikigihe, dushobora gutekereza ubuturo bwera nka GPS (Akantu k'ikoranabuhanga kayobora abantu intambwe ku ntambwe kakabageza iyo bajya) iyobora abantu mu cyerekeza kijya mu ijuru. Iyo ngeze mu modoka yanjye ngashyira muri GPS imyirondoro yaho nshaka kujya, ako kanya mpita mbona inzira ngomba gukurikira izangeza iyo njya. "Ikampa amabwiriza iti kata ibumoso cyangwa se iburyo, igakomeza imbwira ko mu minota runaka mva mu muhanda ndimo ngafata undi, n'ibindi n'ibindi". Uko ni ko ubuturo bwera butuyobora mu nzira, bukaduha igishushanyo mbonera kituyobora mu cyerekezo gikwiriye. Kubw'ibyo dushobora kuvuga ko GPS bishushanya God's "Gospel Path of Salvation / Inzira y'Ubutumwa bwiza bw'agakiza k'Imana."

Ese waba warigeze uzimira kubwo kudakoresha GPS maze ugahagarara ukabaza umuntu ngo akurangire icyerekezo? Uwo muntu ashobora kuba yaraguhaye amakuru agaragara nk'amakuru ahamye akuyobora. Maze nyuma y'igihe runaka ukaza gusanga ko amakuru uwo muntu yaguhaye atakuyoboye neza. Ni ko n'ubu, abantu benshi uyu munsi bari gutanga ibyerekezo bijya mu ijuru, n'amasezerano meza y'ahazaza, ariko bakabikora badafite GPS. Baritwa ko bayobora kandi bayobya! Niyo mpamvu ari ingenzi cyane gusobanukirwa n'iyi GPS y'Imana. Kandi mu buryo bwagutse, ari na yo ntego y'iki gitabo, Ndaza kubivugaho nkoresheje inyito "Igishushanyo mbonera", naho imikorere ya GPS ni ubundi buryo bwo gutekereza ibyerekeranye n'ubuturo bwera mu buryo bwo gushimangira ibyakorerwaga muri iyi nyubako idasanzwe.



Emerera camera (soma kamera) y'ibitekerezo byawe ngo ikurure ibi mu gihe turi kuvuga kuri iki gishushanyo mbonera gitangaje. Ubuturo bwera bwabaga hagati y'inkambi y'abisirayeli, bishushanya ko bwagombaga kuba ishingiro ry'inama y'agakiza. Ubuturo bwera bwari bugizwe n'ibyumba bibiri bizengurutswe n'ihema bibanzirizwa n'ahandi mu rugo. Ubu buturo bwera bwari bufite imiryango itatu, umuryango wa mbere wari uri ku irembo ryinjira mu rugo rw'ubuturo bwera. Mu rugo habagamo ibintu bibiri, habagamo igicaniro cy'ibitambo hakabamo n'igikarabiro cyabagamo amazi abatambyi biyuhagiragamo mbere y'uko binjira mu muryango wa kabiri winjiraga Ahera. Ahera habagamo ibintu bitatu ari byo: ameza y'imitsima, igitekereko cy'amatabaza arindwi n'igicaniro cy'imibavu. Nyuma y'ibi hari nanone icyo twakwita umuryango wa gatatu ari nawo uheruka cyangwa se umwenda winjiraga Ahera Cyane. Ahera Cyane habagamo isanduku y'isezerano, yabagamo amategeko y'Imana. Hejuru yayo habaga intebe y'ihongerero n'abakerubi batwikira. Ushobora kubisoma mu buryo burambuye mu gitabo cyo Kuva 40.

Aha hasi hari imiterere y'icyo gishushanyo mbonera:




Mugerageze iyi shusho igume mu bitekerezo byanyu. Muri iyi shusho, hagaragariramo inama y'agakiza mu buryo bw'agatangaza. Muri buri gikoresho cyose cyo mu buturo bwera harimo ubutumwa bwiza buhura n'inama y'Imana y'agakiza:

1. *Igicaniro cy'ibitambo* niho hatambirwaga buri munsi inyamaswa zidafite inenge, ari byo byashushanyaga igitambo cya Yesu kidafite inenge. Reba Yohana 1:29
2. *Igikarabiro* gishushanya kwuhagirwa, byasuraga umubatizo. Reba Matayo 3:11.

3. *Ameza y'imitsima* ashushanya Ijambo ry'Imana. Reba Matayo 4:4.
4. *Igicaniro cy'imibavu* gishushanya amasengesho. Reba Ibyahishuwe 8:1-3.
5. *Igitekereko cy'amatabaza 7* gishushanya abantu b'Imana batuma amatabaza yabo amurika. Reba Matayo 5:14-16.
6. *Isanduku y'isezerano, intebe y'ihongerero,* bishushanya intebe y'ubwami bw'Imana. Reba Abaheburayo 4:16.

Ese murabona ishusho idasanzwe? Ubundi, ushushanyije ugahuza ibikoresho byose byo mu buturo bwera, uraza kubona ishusho y'umusaraba! Ni nk'aho Imana yabigaragaje imyaka ibihumbi byinshi mbere y'uko Kristo aza, ko umunsi umwe Mesiya azabambirwa ibyaha byacu – ko inzira y'agakiza yagombaga kunyura mu musaraba.

Ikindi kandi, ahantu hose hari igikoresho cyo mu buturo bwera, Kristo yarahakomerekejwe:

1. *Igicaniro cy'ibitambo:* Ibirenge bya Yesu byatewe imisumari ku musaraba.
2. *Igikarabiro:* Yesu yatewe icumu mu rubavu Rwe, ari rwo rwavuyemo amazi avanze n'amaraso (Yohana 19:34). (Wibuke ko igikarabiro ari aho abatambyi biyuhagiriraga ibiganza byabo mu mazi bamaze gukora ku maraso y'ibitambo.)
3. *Ameza y'imitsima:* ikiganza cya Yesu cy'ibumoso cyatewe imisumari ku musaraba.
4. *Igicaniro cy'imibavu:* Kristo yapfuye ashenjaguritse umutima.
5. *Igitekereko cy'amatabaza arindwi:* ikiganza cy'iburyo cya Yesu cyatewe imisumari ku musaraba.
6. *Isanduku y'isezerano:* Kristo Yambitswe ikamba ry'amahwa ritobora umutwe we.

Biratangaje! Ariko nta n'ubwo turarangiza…

Reba kandi nanone ukuntu buri gikoresho cyose cyashushanyaga Kristo. Mu kuri, muri Yohana 2:19,20, Yesu ubwe yavuze ko urusengero (ubuturo bwera) ari we rwashushanyaga:

1. *Igicaniro cy'Ibitambo:* Yesu ni Ntama w'Imana watambiwe ibyaha byacu. Reba Yohana 1:29.
2. *Igikarabiro:* Yesu ni Amazi y'Ubugingo. Reba Yohana 7:73.
3. *Ameza y'imitsima:* Yesu ni Umutsima w'ubungingo. Reba Yohana 6:53
4. *Igicaniro cy'imibavu:* Yesu ni Umuhuza wacu. Reba Abaheburayo 7:26.
5. *Igitereko cy'amatabaza arindwi:* Yesu ni Umucyo w'isi. Reba Yohana 8:12.
6. *Isanduku y'isezerano:* Yesu ni Imana yagaragariye mu mubiri, nk'uko ubwiza bwa Shekina bwagaragazaga ko Imana iri muri iyo ngoro. Reba 1 Timoteyo 3:16.

Dushobora nanone kubonera inama y'agakiza mu kuntu Imana yakuye ubwoko bw'abisirayeli mu bunyage; urwo rugendo rwabo rushushanyijwe muri iyi shusho y'ubuturo bwera:

1. *Igicaniro cy'ibitambo:* Batambye umwana w'intama maze bashyira amaraso yawo ku nkomanizo z'imiryango yabo. Iyo ni yo yiswe Pasika. (Kuva 12)
2. *Igikarabiro:* Banyuze mu Nyanja itukura, ibyo byashushanyaga umubatizo (Kuva 14:21; 1 abakorinto 10:1,2).
3. *Ameza y'imitsima yo kumurikwa:* Nyuma y'aho, bagaburiwe Manu (umutsima) waturutse mu ijuru (Kuva 16).
4. *Igicaniro cy'imibavu:* Bageze aho babwirwa kumara iminsi itatu bibabaza umutima kugira ngo bitegure guhura n'Imana (Kuva 19).
5. *Igitereko cy'amatabaza arindwi:* Bageze aho babwirwa ko ari abantu b'umwihariko ku Mana, ko ari ubwoko bwa Yo bwatoranyijwe, ko ari bo mu cyo mu isi (Kuva 19).
6. *Isanduku y'isezerano:* Imana yababwiye amategeko icumi (Kuva 20).

Ubuturo bwera kandi bweerekana igishushanyo mbonera cy'ubuzima bwa Kristo ubwo yari hano mu isi:

1. *Igicaniro cy'ibitambo:* Yesu yavukiye mu muvure w'inyamaswa, nk'uwavukiye kuzapfa. Yiswe Ntama w'Imana (Yohana 1:29).
2. *Igikarabiro:* Yabatijwe afite imyaka 30 mu mugezi wa Yorodani (Matayo 3:16).
3. *Ameza y'im3itsima:* Yajyanywe mu butayu aho yageragejwe inshuro eshatu. Ikigeragezo cya mbere cyari icyo guhindura amabuye imitsima. (Matayo 4:1-4)
4. *Igicaniro cy'imibavu:* ikigeragezo cya kabiri cyari icyo gusenga isengesho ryo kugerageza Imana (Matayo 4:5-7).
5. *Igitereko cy'amatabaza arindwi:* Ikigeragezo cya gatatu cyari icyo guhabwa ubwiza (urumuri) bw'isi kubwo gupfukamira Satani, kugira ngo abe yashobora "gukiza" abantu atabanje kujya ku musaraba (Matayo 4:8-10).
6. *Isanduku y'isezerano:* Kristo yatsinze ibigeragezo byose uko ari bitatu maze akomeza kubwiriza amategeko y'Imana n'imbabazi z'Imana. Ubuntu n'ukuri nibyo mfatizo z'ubutumwa bwiza (Yohana 14:15).

Iki gishushanyo mbonera gitangaje kandi cyerekana uburyo Kristo yamanutse akava mu ijuru (aha, ibyari bigize ubuturo bwera turabireba duhereye ku byaherukaga, mu kugaragaza uburyo Kristo yamanutse akava mu bwiza Bwe bwo mu ijuru):

1. *Isanduku y'isezerano:* Yasize umwanya we mu ijuru (Yohana 3:13) aza ku…
2. *Igitereko cy'amatabaza arindwi:* ...aba Umucyo w'isi yari yarijimishijwe n'icyaha (Yohana 9:5)…
3. *Igicaniro cy'imibavu:* … kugira ngo abe umuvugizi w'inyokomuntu (Luka 23:34) binyuze mu….
4. *Ameza y'imitsima:* … kuza mu isi nk'Umutsima w'ubugingo (Yohana 6:33), …
5. *Igikarabiro:* … abatizwa ku bwacu kandi ngo atubere urugero (Matayo 3:16)…
6. *Igicaniro cy'ibitambo:* …. Maze arabambwa! (Luka 23:33).

Isezerano rishya naryo rishobora kugaragarira muri iki gishushanyo cy'ubuturo bwera.

1. *Igicaniro cy'ibitambo:* Matayo, Mariko, Luka na Yohana bose bavuga iby'ukuvuka, ubuzima, n'urupfu bya Yesu Kristo.
2. *Igikarabiro:* Igitabo cy'ibyakozwe n'intumwa kivuga ibyerekeye kubatizwa na Mwuka Wera.
3. *Ameza y'imitsima:* Abaroma kugeza muri Yuda hagaragaza akamaro ko kwiga Bibiliya (Ijambo ry'Imana nk'Umutsima w'ubugingo)…
4. *Igicaniro cy'imibavu:*… gusenga (Gusenga mu izina ry'Umuhuza wacu, Yesu)…
5. *Igitereko cy'amatabaza arindwi:* … guhamya (Abakristo bakwiriye kuba umucyo w'isi nk'abagaragaza Yesu mu isi).
6. *Isanduku y'isezerano:* Igitabo cy'Ibyahishuwe kitujyana mu cyumba cy'ubwami bw'Imana.

Biragaragara ko gusobanukirwa n'igishushanyo mbonera cy'ubuturo bwera ari ingenzi cyane bidufasha kumva inama y'agakiza ku buryo budasanzwe nk'uko igaragarizwa muri Bibiliya.

Ushobora kuba wibaza uti sinari narigeze n'umva ikigishushanyo mbonera gikubiyemo ubutumwa bwiza nk'ubu. Nizera ko ari umugambi w'abadayimoni. Kuko Satani azi neza ko aramutse ashoboye guhuma amaso y'abantu ngo badasobanukirwa n'inzira y'Imana, azabigarurira bashinge imizi mu buyobe. Ubuturo bwera ni ingenzi cyane kandi burahuranyije mu buryo bwumvikana kuko bugaragaza intambwe twese tugomba kunyuramo kugira ngo dukizwe. Itegereze neza izo ntambwe z'agakiza ziri mu buturo bwera:

**Igicaniro cy'ibitambo:** Ikintu cya mbere umuntu akwiriye gukora kugira ngo akizwe ni ukwemera igitambo cya Kristo cyo ku musaraba maze akabona imbabazi z'ibyaha. "Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose." (1 Yohana 1:9). Satani n'abadayimoni be bakora ibishoboka byose mu mbaraga zabo kugira ngo badukumire mu gikorwa cy'ibanze cyo ku gicaniro cy'ibitambo – ku musaraba! Ku bw'ubuntu bw'Imana, benshi bazigobotora iyo ngoyi y'abadayimoni maze babone Kristo. Ariko abenshi bakora ikosa rikomeye bakibwirako kwemera Yesu Kristo nk'igitambo cyacu bihagije kugira ngo babe kakijijwe. Satani arishima iyo abonye abantu bizeye ibyo gusa. Ubuturo bwera bwerekana ko hari ibindi bikenewe ngo ugere ku gakiza kurusha kwemera Kristo ku musaraba gusa.

**Igikarabiro:** Umuntu wakiriye Kristo by'ukuri azayoborwa mu kubatizwa. (Reba Yohana 3:1-8). Igikarabiro gishushanya ugukurwaho ibyaha byacu. Niba igicaniro cy'ibitambo gishushanya Kristo wadupfiriye, ubwo igikarabiro gishushanya uko natwe dupfa ku cyaha kubwa Kristo. Mu mubatizo, ubwo umuntu ahagarika guhumeka, bishushanya gupfa, iyo y'ibijwe mu mazi aba asa n'uhambwe, yavamo agasa naho azutse akongera guhumeka. Niba hari abadayimoni 10 bagerageza ku kubuza kwakira Kristo, tekereza abadayimoni 20 baba bashaka kukubuza

kubatizwa. Kandi iyo wemeye guca iyo ngoyi y’abadayimoni, kubw’ubuntu bw’Imana, nanone abadayimoni bazakumvisha ko wageze iyo ujya bati ibyo birahagije. Bakubwire ko ushobora kwicara ugatuza ukumva ko uguwe neza. Ariko kuba dufite igishsushanyo mbonera imbere yacu, turabibona ko ibyo nabyo ari ibinyoma.

**Ameza y’imitsima:** Umukristo wakiriye by’ukuri ko Kristo nk’igitambo cye, kandi akabatizwa azagaragazwa no kwiga Ijambo ry’Imana, kuko muri ryo harimo agakiza. (Reba Yohana 5:39, 40; Matayo 4:4; Abaheburayo 4:12). Niba hari abadayimoni 20 bakubuzaga kubatizwa, ubwo hari abadayimoni 40 bagerageza kukubuza kwiga no gusobanukirwa ijambo ry’Imana. Kubw’imbaraga z’Imana niba ushobora kwigobotora iyo mbaraga y’abadayimoni, bazagerageza kukwumvisha ko gusoma Bibiliya bihagije. Ariko kuba ufite igishushanyo mbonera cy’Imana birakwereka ko aho naho harimo ikinyoma.

**Igicaniro cy’imibavu:** Umukristo wakiriye Kristo by’ukuri, akabatizwa, kandi akiga Bibiliya azasobanukirwa ko mu gihe adasenga adashobora kugira imbaraga. Kugirana umushyikirano na Kristo bifite agaciro gahebuje. Binyuze mu gusenga gusa nibwo umuntu ashobora guhangana n’imitego ya Satani. (reba Abefeso 6:10-18). Niba hari abadayimoni 40 bageragezaga kukubuza kwiga Bibiliya, ubwo hari abdayimoni 80 bagerageza kukubuza gusenga. Ariko, kubw’ubuntu bw’Imana, nuramuka uciye iyo ngoyi y’abadayimoni, bazagerageza kukwumvisha ko noneho ushyitse kandi ko udakeneye gukomeza kujya mbere. Ariko ibyo nabyo tuzi ko atari ukuri dushingiye ku gishushanyo mbonera.

**Igitekereko cy’amatabaza arindwi:** Umukristo wemeye Kristo by’ukuri, akabatizwa, akabaho yiga Ijambo ry’Imana kandi asenga azatuma umucyo we umurika ntabwo azigera awuhisha ngo awutwikirize igitebo. Umukristo nyakuri asangiza abandi ukwizera kwe kandi akumva ko ubutumwa bwiza bukwiriye kubwirizwa mu isi yose (Matayo 28:18-20). Ubu, niba hari abadayimoni 80 bageragezaga kukubuza gusenga, aha hari abadayimoni amagana baba bagerageza ku kubuza guhamya. Ariko kubw’imbaraga z’Imana, iyo ushoboye guca iyo ngoyi y’abadayimoni, uba usigaje intambwe imwe.

**Isanduku y’isezerano:** Ikiruta byose Imana irimo igerageza kuyobora inyokomuntu yacumuye kugira ngo iyigarukire. Rero kugira ngo Umukristo yiyegurire Imana mu kuri, agomba kumvira amategeko y’Imana. Niba hari abadayimoni amagana baba bashaka kukubuza guhamya, ubwo haza ishyano ryose ry’abadayimoni bashaka kukubuza kumvira amategeko y’Imana. Aha ni ho Satani atangariza cya kinyoma yatangirije mu ijuru – ko nta muntu ukeneye kwumvira amategeko y’Imana kugira ngo abe umwere. Miliyoni nyinshi z’abiyita abakristo beza ariko bakaba batarize neza bamaze kugwa muri uyu mutego wa Satani. Kuba bigisha ko amategeko icumi yakuweho, bakavuga ko abakristo batagikeneye gukurikiza amategeko, ubu ni ubuyobe bukomeye, kandi ubu buyobe bwatumye abadayimoni birukanwa mu ijuru nibwo bukomeje kwamamazwa n’abakristo benshi batazi ukuri. Mu kuri Satani arashaka guheza benshi mu buyobe naho baba biga Bibiliya, basenga, barabatijwe kandi bigisha n’abandi ntashaka ko bakurikiza amategeko cumi y’Imana! Kuko bageraho bakagaragaza ibikorwa byiza bakora,

bakibwirako bisimbura amategeko y'Imana, bityo bakavuga bati ntidukaneye gukomeza amategeko.

Ubuturo bwera bugaragaza neza inshingano yacu dukeneye gukora imbere y'Imana, ese sibyo? Kandi isezerano rishya ribisobanura neza nta rujijo. Reba aya masomo akurikira:

"*Nimunkunda, muzitondera amategeko yanjye*" (Yohana 14:15).

"*Na we aramusubiza ati, unyitira iki mwiza? Umwiza ni umwe gusa, ni Imana. Ariko nushaka kugera ku bugingo, witondere amategeko. Aramubaza ati, ni ayahe? Yesu aramusubiza ati, Ntukice, ntugasambane, ntukibe, ntukabeshyere abandi, wubahe so na nyoko, ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda.*" (Matayo 19:17-19).

"Ntimukagire umwenda wose keretse gukundana, kuko ukunda undi aba ashohoje amategeko, kuko ibi ngo ntugasambane, ntukice, ntukibe, ntukifuze n'ayandi mategeko yose, bihurira muri iri jambo ngo ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda. Ufite urukundo ntagirira mugenzi we nabi, ni cyo gituma urukundo ari rwo rusohoza amategeko" (Abaroma 13:8-10).

"*Ikiyoka kirakarira wa mugore, kiragenda ngo kirwanye abo mu rubyaro rwe basigaye, bitondera amategeko y'Imana kandi bafite guhamya kwa Yesu*" (Ibyahishuwe 12:17).

"*Aho ni ho kwihangana kw'abera kuri, bitondera amategeko y'Imana bakagira kwizera nk'ukwa Yesu*" (Ibyahishuwe 14:12).

"Hahirwa abumvira amategeko Ye kugira ngo bemererwe kwegera cya giti cy'ubugingo, kandi banyure mu marembo binjire muri rwa rurembo. Hanze hazaba imbwa n'abarozi n'abasambanyi, n'abicanyi n'abasenga ibishushanyo, n'umuntu wese ukunda kubeshya akabikora" (Ibyahishuwe 22:14,15).

Abenshi badasobanukiwe ubuturo bwera baribeshya maze bakizera ko ubwo Yesu yapfaga, yahise akuraho amategeko icumi. Ariko ibyo si ukuri. Ese kuki Yesu yari gupfe kugira ngo akureho ikintu kigaragaza icyaha? Urupfu rwa Yesu rwatumye amategeko ya Mose asigara adafite agaciro, kuko yari amategeko ajyanye n'ibitambo n'amaturo, ariko amategeko icumi arahamye kandi ni yo rufatiro rw'isezerano rishya. "kandi n'Umwuka Wera ni we mugabo wo kuduhamiriza ibyo, amaze kuvuga ati, Iri ni ryo sezerano nzaserezana nabo, Hanyuma y'iyo minsi, ni ko Uwiteka avuga, Nzashyira amategeko yanjye mu mitima yabo, kandi mu bwenge bwabo ni ho nzayandika" (Abaheburayo 10:15,16).

Binyuze mu buntu bw'Imana gusa ni bwo dushobora kubaho iyi mibereho maze tukabona uko twinjira mu bwami bw'ijuru. Imana Igira ubuntu, kandi abenshi mu bari mu nzira y'agakiza ariko bakaba barapfuye batarasobanukirwa n'ukuri kwose bazemerwa n'Imana. Igisambo ku musaraba cyaratatse maze cyemerera Yesu ku gicaniro cy'ibitambo – ku musaraba (Luka 23:42). Kandi kizabona ubugingo buhoraho. Ntabwo cyashoboraga kumanuka ngo kive ku musaraba kugirango kibatizwe. Hari abantu bashobora kuba barakiriye Kristo, ndetse bakanabatizwa ariko

batarigeze batunga Bibiliya.Abo nabo bazabona ubugingo buhoraho. Ntabwo Imana iducira urubanza kubyo tutazi, ahubwo Iducira urubanza ku byo dukora bihwanye n'ukuri twasobanukiwe.

> "*uko gucirwaho iteka ni uku: ni uko umucyo waje mu isi, abantu bagakunda umwijima kuwurutisha umucyo babitewe n'uko ibyo bakora ari bibi, kuko umuntu wese ukora ibibi yanga umucyo, kandi ntaza mu mucyo ngo ibyo akora bitamenyekana*." (Yohana 3:19,20)

Rero iki ni cyo gishushanyo mbonera Imana yahaye Abisirayeli, ni igishushanyo cyatumye Satani ahinda umushyitsi. Satani yagerageje gukora ibyo ashoboye byose mu mbaraga ze zose kugira ngo arimburire ubwo bwoko mu butayu cyangwa se ngo arimbure ubwo buturo bwera bari bamaze kwakira, nubwo ubwo bwoko butigeze busobanukirwa mu buryo bwuzuye n'icyo ubwo buturo bwera bwasobanuraga.

Ni nk'aho Imana yahaye Abisirayeli umupira, Imana yabahaye ubu buturo bwera kugira ngo babwigishe isi yose. Iyi ni yo yari intego y'Imana ubwo yatoranyaga Abisirayeli, kugira ngo bategurire isi kwakira Mesiya wagombaga kuza ndetse no kugira ngo bagaragaze inzira igana ku ntebe y'Ubwami bw'Imana.

Ariko ubwo bari bagitangira gukina uwo mupira, Abisirayeli barahushije. Satani yagerageje kuyobya Abisirayeli ku ntego yabo ubwo yatangiraga kubinjizamo ugusenga ibigirwamana ndetse no kuzana icyaha mu bwoko bwabo. Ubwoko bw'Imana butangira kuramya ibigirwamana.

Nk'umusaruro, Imana yahise igena "igihe cyo gusimbuza" ikipe y'Abisirayeli kuko nyuma y'imyaka 70 bagombaga kumara mu bunyage bw'ubwami bwa Babuloni. Umurwa wabo, Yerusalemu, n'igishushanyo mbonera cyabo, ari bwo buturo bwera, byaratwitswe kandi birasenywa. (Reba 2 Ngoma 36). Bari mu bunyage bw'abanyababuloni, nibwo umuhanuzi w'umusore Daniyeli yagize uruhererekerane rw'amayerekwa yavugaga ku gishushanyo mbonera cy'ubuturo bwera, yari amayerekwa yagombaga kugira ingaruka ku mateka y'isi by'iteka ryose.

*Iherezo ry'ishusho ya 3*.

Ishusho ya 4:

## Ubuhanuzi bw'imyaka 490

Filimi yacu ku mateka y'isi ubu igiye gukomereza ku mateka y'umuhanuzi ukomeye w'Imana wabayeho mu gihe Abisirayeli babaga mu bunyage mu mahanga. Daniyeli yari umusore muto ubwo Isirayeli yanyagagwa n'Umwami Nebukadinezari wa Babuloni mu mwaka wa 586 B.K (Daniyeli 1). Ubwoko bw'Imana bwanze uburinzi bw'Imana kubwo kwigomeka maze bakarwanya amahame shingiro bigishijwe n'ubuturo bwera, icyo gihe bwari bwabaye amatongo (2 Ngoma 36:19). Ariko nubwo byari bimeze bityo, Imana yagombaga gukoresha uyu musore wari ukiri muto kugira ngo yongere agarure ibyiringiro ndetse n'ukwitanga mu bwoko bw'Abayuda ngo basubire ku ntego yatumye Imana ibatoranya. Bagombaga gutegurira isi mu kuza kwa Mesiya bwa mbere.

Igitabo cya Daniyeli kirimo ibintu bikomeye cyane, amayerekwa ameze nka filimi avuga iby'ibihe bizabaho mu mateka y'inyokomuntu. Atatu muri ayo mayerekwa aratureba by'umwihariko ngo tuyasobanukirwe ubu mu rwego rw'amateka. Ayo mayerekwa uku ni ko akurikirana, iyerekwa ry'ubuhanuzi bw'ibyumweru 70, ubuhanuzi bw'iminsi 1,260, n'ubuhanuzi bw'iminsi 2,300.

Abisirayeli bashyirirweho "igihe bagomaga kumara mu bunyage" *kubera ko bigometse ku* Mana. Muri icyo gihe, Imana yohereje Daniyeli iyerekwa rimwereka ko itegeko rizatangwa rikazemerera Abisirayeli kugira ngo batangire kubaka urusengero rwabo n'umurwa wabo. Iryo yerekwa ryakomeje ryerekana ko ibyumweru bya gihanuzi 69 uhereye icyo gihe (ibyumweru 7 + ibyumweru 62 = ibyumweru 69) ari byo bizageza ku kuza kwa Mesiya.

> "*Ibyumweru mirongo irindwi bitegekewe ubwoko bwawe n'umurwa wera, kugira ngo ibicumuro bicibwe n'ibyaha bishire, no gukiranirwa gutangirwe impongano haze gukiranuka kw'iteka, ibyerekanywe n'ibyahanuwe bifatanishwe ikimenyetso, ahera cyane hasigwe amavuta. Nuko ubimenye ubyitegereze yuko uhereye igihe bazategekera kubaka I Yerusalemu bayisana kugeza kuri Mesiya Umutware hazabaho ibyumweru birindwi, maze habeho ibindi byumweru mirongo itandatu na bibiri bahubake basubizeho imiharuro n'impavu, ndetse bizakorwa mu bihe biruhije. Ibyo byumweru uko ari mirongo itandatu na bibiri nibishira Mesiya azakurwaho, kandi nta cyo azaba asigaranye. Maze abantu b'umutware uzaza bazarimbure umurwa n'ubuturo bwera, uwo iherezo rye rizaba nk'utembanywe n'umwuzure w'amazi, intambara n'ibyago bizarinda bigeza imperuka. Ni ko bitegetswe*" (Daniyeli 9:24-26).

Dushingiye ku mateka, iri tegeko ryatanzwe mu mwaka wa 457 BK ritanzwe n'umwami w'abamedi n'abaperesi witwa Kuro, ari we wari warimbuye Babuloni maze akemerera Abayuda gusubira i Yerusalemu kugira ngo bongere bubake urusengero rwabo. Ubaze ibyumweru 69 mu

buryo busanzwe uhereye icyo gihe ntabwo bitugeza kuri Mesiya. Ariko nidukoresha ihame rya Bibiliya rivuga ko umunsi ungana n'umwaka (Reba Kubara 14:34 na Ezekiyeli 4:6), ibyumweru 69, cyangwa se iminsi 483, ubwo ihwanye n'imyaka 483. Kandi n'ubara imyaka 483 uhereye mu mwaka wa 457 B.K birahita bitugeza mu gihe cy'ingoma ya Roma, neza mu mwaka wa 27 N.K, ari wo mwaka Yesu yabatirijwemo mu mugezi wa Yorodani, ubwo Yohana Umubatiza yatangazaga ko ari we Mesiya! Yesu yari asobanukiwe n'ubu buhanuzi kandi yavuze neza yeruye ko bwasohoye. "Bamaze gushyira Yohana munzu y'imbohe, Yesu ajya I Galilaya avuga ubutumwa bwiza bw'Imana ati, *Igihe kirasohoye, ubwami bw'Imana buri hafi. Nuko mwihane, mwemere ubutumwa bwiza*" (Mariko 1:14-15).

Iyerekwa rya Daniyeli ryari umuburo ku bwoko bw'Imana. Bari bafite igihe cy'ibyumweru 70 ari byo bingana n''imyaka 490 kugira ngo batunganye imitima yabo ndetse bagendere mu byo Imana Ibasaba. Igihe Mesiya yazaga yasanze nubundi batayoboka Imana, maze banga Mesiya ndetse n'inshingano zabo, Uwiteka Imana yabakuyeho ubuturo bwera maze Ibuha irindi shyanga kugira ngo rizarangize umurimo.

Yesu yaje mu gihe gikwiriye – ariko ikibabaje, ni uko Igihugu cy'abayuda cyanze kumwemera. Mu kwanga Mesiya, bahise banga n'icyo ubuturo bwera bwose bwashushanyaga. Banze ntama y'Imana, banze Isoko y'Ubugingo, banga Umutsima w'Ubugingo, banga Umucyo w'isi, banga Umuhuza wabo rukumbi, kandi banga n'amategeko y'Imana ayo bavugaga ko bumvira. Kubw'ibyo, Imana yabatse ayo mahirwe maze iyaha ubundi bwoko. Yesu ibi yari yarabihanuye ati:

> "*Yesu arababaza ati, Ntimwari mwasoma mu byanditswe ngo Ibuye abubatsi banze, ni ryo ryahindutse irikomeza imfuruka! Ibyo byavuye ku Uwiteka, kandi ni ibitangaza mu maso yacu. Ni cyo gitumye mbabwira yuko ubwami bw'Imana muzabunyagwa, bugahabwa ishyanga ryera imbuto zabwo*" (Matayo 21:42,43).

Kristo yapfuye kugira ngo ashyireho isezerano rishya. Ku bw'urupfu rwe, azakura amategeko y'Imana ku bisate by'amabuye maze ayashyire ku bisate by'imitima y'abantu benshi. Kubw'igitambo cye, Yesu azakongeza umuriro w'urukundo mu mitima y'abo bose bayoborwa n'urwo rukundo rwitanga. Urupfu rwe ku musaraba ruzabayobora mu kwiyegurira kumvira amategeko y'ubwami bw'ijuru. Yesu yaravuze ngo, "Nimunkunda muzitondera amategeko yanjye" (Yohana 14:15). Bitandukanye no kuba amategeko yararangiriye ku musaraba, ahubwo amategeko yashimangijwe n'urupfu rwa Yesu. *"Mbese none duhinduze ubusa amategeko kwizera? Ntibikabeho! Ahubwo turayakomeza" (Abaroma 3:31).* Oya rwose! Kwanga amategeko y'Imana ni ukwanga umusaraba Kristo, kuko ari wo ugaragaza ukwera kw'a mategeko!

Kuko abisirayeli bari bigometse, Imana yatoranyije irindi shyanga. Ntabwo ryari rishingiye ku bwoko, ahubwo ni rishingiye ku kwemera Kristo.

> “*ariko mwebweho muri ubwoko bwatoranijwe, abatambyi b’ubwami, ishyanga ryera n’abantu Imana yaronse, kugira ngo mwamamaze ishimwe ry’Iyabahamagaye, ikabakura mu mwijima ikabageza mu mucyo wayo w’igitangaza. Kera ntimwari ubwoko ariko none muri ubwoko bw’Imana. Kera ntimurakababarirwa ariko none mwarababariwe*.” (1 Petero 2:9,10).


> “*kuko ugaragara ko ari Umuyuda atari we Muyuda nyakuri, kandi gukebwa kugaragara ko ku mubiri, atari ko gukebwa nyakuri. Ahubwo Umuyuda wo mu mutima ni we Muyuda, kandi gukebwa ko mu mutima n’umwuka kutari uk’umubiri, ni ko gukebwa nyakuri. Umeze atyo ntashimwa n’abantu, ahubwo ashimwa n’Imana*” (Abaroma 2:28,29).

> “*Mwese muri abana b’Imana mubiheshejwe no kwizera Kristo Yesu, kuko mwese ababatirijwe muri Kristo muba mwambaye Kristo. None ntihakiriho Umuyuda cyangwa Umugiriki, ntihakiriho imbata cyangwa uw’umudendezo, ntihakiriho umugabo cyangwa umugore, kuko mwese muri umwe muri Kristo Yesu. Ubwo muri aba Kristo muri urubyaro rwa Aburahamu, muri n’abaragwa nk’uko byasezeranijwe*” (Abagalatiya 3:26-29).

Ubu agakiza kakinguriwe buri wese (Umuyuda cyangwa Umunyamahanga) wemera ko Kristo ari we Mesiya. Ntabwo habayeho umurongo utambitse gusa ugaragaza ukwimuka ngo isezerano rive ku bisirayeli mu mubiri rijya ku bisirayeli mu by’umwuka, ahubwo hariho n’umurongo uhagaze w’uko ubuturo bwo mu isi burangiye hakomerejwe mu buturo bwera bwo mu ijuru. Ubuturo bwera bwo mu isi bwakuwe mu bisirayeli b’umubiri. Mwibuke, ko ku rupfu rwa Yesu Krist, umwenda wabaga mu rusengero rw’abayuda watabutsemo kabiri, bishushanya ko ubuturo bwera bwo mu isi burangiye. Ubuturo bwera bwo mu ijuru bwahise busimbura ubuturo bwera bwo mu isi. “Ariko Yesu yongera kuvuga ijwi rirenga, aratanga. Umwenda ukingiriza Ahera cyane h’urusengero utabukamo kabiri, utangirira hejuru ugeza hasi, isi iratigita, ibitare birameneka” (Matayo 27:50-51). Kristo yari agiye kwinjira mu buturo bwera bwo mu ijuru nk’Umutambyi wacu Mukuru.

> “*Mu byo tuvuga igikomeye ni iki ngiki: Dufite umutambyi mukuru umeze atyo wicaye iburyo bw’intebe y’Ikomeye cyane yo mu ijuru, ukorera Ahera ho mu ihema ry’ukuri, iryo abantu batabambye ahubwo ryabambwe n’Umwami Imana*” (Abaheburayo 8:1,2).

Guhera ku musaraba ugakomeza, abisirayeli mu by’umwuka bahawe umupira. Bagomba kujyana ubuturo bwera cyangwase igishushanyo mbonera mu isi yose. Kuva ubwo yagombaga kuba inshingano y’itorero rya gikristo ko bahanga amaso yabo kuri Kristo, Umutambyi wacu Mukuru uri mu buturo bwera bwo mu ijuru. Imana yabahaye impano y’indimi kugira ngo babashe kwamamaza ubutumwa bwiza mu ndimi zose z’abantu bashoboraga guhura nabo (Reba Ibyakozwe n’Intumwa 2).




Iryo torero ryarushijeho kujya mbere mu nshingano yaryo nk'aho ari ingabo zidahagarikwa. Satani abonye uburyo ubutumwa butwawe n'abisirayeli mu by'umwuka bituma agaba ibitero ku itorero ryo mu isi, ari bo bisirayeli mu by'umwuka. Mu binyejana bitatu bya mbere, Satani yagerageje mu buryo bwose bushoboka kugirango ahagarike umurongo itorero ryari ryerekejemo. Bwa mbere yakoresheje abisirayeli b'umubiri maze akurikizaho akarengane ka Roma mpagani, Satani yifuje kuba yarimbura Abakristo ku isi yose. Ariko akarengane ko mu mazu y'imikino (sitade) ndetse no kugaburira abantu bazima intare ntibyacogije ukwizera kwabo ahubwo byihutijishe ubutumwa. Uko abakristo barushagaho gutotezwa, ni ko barushagaho kwiyongera. Amaraso yabo bahowe ubusa yabaga ameze nk'imbuto.

Satani yashakaga guhindura ubu buryo yarwanagamo intambara. Kubw'ibyo, yagombaga gukorera mu bwami bushingiye ku buhanuzi bwa Bibiliya bwitwa "Agahembe gato", cyangwa se "Babuloni y'amayoberane". Ubu bwami bwagombaga gukoreshwa kugira ngo n'ubundi bukomeze bukome mu nkokora umugambi w'itorero wo kwaguka, kandi bunarwanye mu buryo bw'iby'umwuka ubuturo bwera bwo mu ijuru. Nk'uko Satani yakoresheje Babuloni y'ibigaragara kugira ngo irimbure urusengero maze bajyane Abayuda mu bunyage, ni na ko yakoresheje Babuloni y'iby'umwuka kugira ngo irwanye ubuturo bwera bwo mu ijuru kandi irenganye n'abisirayeli b'Imana mu by'umwuka. Ese aka "gahembe gato" ni akahe? "Babuloni" ni nde?

*Iherezo ry'ishusho ya 4*.

Ishusho ya 5:

## Ubuhanuzi bw'iminsi 1260

Ese ni iki watekereza kuri kagakoresho k'ikoranabuhanga gashinzwe ku kuyobora murugendo rwawe (GPS) kabaye kadakora neza kakakuyobora mu cyerekezo utari kujyamo? Ese wakumva umeze ute abakubakira inzu baramutse bagiye kuyubaka ariko bagakoresha igishushanyo mbonera kitari cyo? Byakubabaza cyane. Ariko wibaze uko wakwifata umuntu abikoze kubushake akaba ariwe wayobeje ka kantu kikorana buhanga kakuyobora murugendo ndangahantu rwawe cyangwa se akabikora abigendereye akajya ku kubakira ariko akifashisha igishushanyo mbonera kitari cyo? Njye ntabwo nakwishima na gato! Ibi ni byo Satani yakoze neza neza, nk'uko tugiye kubibona muri iki gice.

Ushingiye ku buhanuzi bwo muri Daniyeli igice cya 7 n'icya 8, agahembe gato kazakomoka mu matongo yo muri Roma ya kera. Daniyeli yabonye inyamaswa enye, arizo zishushanya ubwami ushingiye kuri Daniyeli 7:23. Izi nyamaswa enye ari zo, intare, idubu, ingwe, n'inyamaswa ya kane yari "iteye ubwoba", zishushanya nk'uko zikurikirana, Babuloni, Abamedi n'abaperesi, Ubugiriki na Roma. Mu bwami bwa Roma hagombaga kuvukamo ubundi bwami butandukanye, kandi bumwe muri bwo ni bwo bwiswe "agahembe gato". Bwiswe "gato" ariko bwateje ibibazo bikomeye cyane, cyane kubyerekeye kugerageza kurimbura ubuturo bwera bw'Imana. Ubu bwami bw'agahembe gato buzategura ibitero bibiri bikomeye, kimwe ni igitero gitambitse cyo kurwanya ubwoko bw'abisirayeli mu bya mwuka, igitero cya kabiri ni icy'ubuhagarike ari cyo kigendereye kurimbura ubuturo bwera bw'Imana bwo mu ijuru. Ubu buhanuzi bugaragaza ko aka gahembe gato kazanesha muri iki gitero gikaze mu gihe kingana n'iminsi 1,260.

> "*Nuko ririkuza ndetse ryireshyeshya n'umugaba w'ingabo, rimukuraho igitambo gihoraho kandi ubuturo bwera burasenyuka*" (Daniyeli 8:11).
>
> "*Ni we uzavuga ibyo kugomera Isumbabyose, kandi azarenganya abera b'Isumbabyose. Azigira inama zo guhindura ibihe n'amategeko, kandi bizarekerwa mu maboko ye kugeza aho igihe n'ibihe n'igice cy'igihe bizashirira*" (Daniyeli 7:25).

"igihe" mu buhanuzi bwa Bibiliya gishushanya iminsi 360, ari wo mwaka umwe, naho "ibihe" ni ukwikuba kabiri kw'iyo minsi ubwo bikaba iminsi 720, naho "igice cy'igihe" bisobanuye iminsi 180. Kuko ubu buhanuzi bufite aho buhuriye n'ibyumweru 70 by'ubuhanuzi (Daniyeli 9:24-27), iki gihe birumvikana ko kivuga imyaka 1,260, twifashishije rya hame twabonye mbere rivuga ko umunsi ungana n'umwaka. Ubwo twakwanzura ko igihe runaka nyuma yo guhanguka kw'ingoma ya Roma, hari ubundi bwami bushya bwagombaga gukomoka muri Roma kandi akaba aribwo burenganya itorero. Ubu bwami bwagombaga gukoresha isumbwe ryabwo mu gihe

cy'imyaka 1,260. Mu kuri, bwari no kurwanya ubuturo bwera ndetse na buri gikoresho cyose cyo muri bwo. Murebe uko byagombaga kugenda.

Icya mbere, ni uko aka gahembe gato kagombaga gukuraho "igitambo gihoraho" (Daniyeli 8:11), ari cyo cyashushanyaga igicaniro cy'ibitambo. Mu yandi magambo, aka gahembe gato kagombaga kugaba igitero ku gitambo cya Yesu cyo ku musaraba. Kandi "azarenganya abera b'Isumbabyose" (Daniyeli 7:25). Mwibuke ko, abantu b'Imana bashushanywa n'igitereko cy'amatabaza arindwi. Kandi kazarwanya "amategeko" y'Imana, ari yo ashushanywa n'isanduku y'isezerano. Kandi kazarwanya ubuhuza bwa Kristo nk'umutambyi mukuru kubwo kwishyira hejuru kakishyira muri uwo mwanya (Daniyeli 8:11). Mu kuri, ubu bwami "ni umubisha wishyira hejuru y'icyitwa imana cyose cyangwa igisengwa, kugira ngo bwicare mu rusengero rw'Imana, bwiyerekane ko ari Imana" (2 Abatesalonike 2:4). Ubu bwami ibi buzabikora kubwo kujya mu mwanya wa Kristo nk'umutambyi mukuru ndetse bunavuge ko buri mu mwanya wa Data Wera (Holy Father) wicaye ku ntebe y'ubwami y'Ahera Cyane.

Ese ubwami nk'ubu bwaba bwarigeze bukomoka muri Roma? Amateka arabihamya. Nk'uko Satani, yiyoberanya mu iyobokamana, yazanye imvururu mu ijuru, ni nako yagombaga gukorera iyobokamana kugira ngo agere ku ntego ze. Satani yagombaga kunyura mu itorero. Ibyo atashoboraga kugeraho ku gahato, yagombaga kubigeraho akoresheje ubuhendabana no kugoreka ukuri.

Itorero ryarenganyijwe na Roma mu binyejana bitatu. Nyuma yaho Roma yagize umuyobozi mushya, wagaragaraga nk'aho ari Umukristo ndetse binavugwa ko yahindutse umukristo. Izina rye ryari Constantine. Nuko abarenganywaga abahinduramo iyobokamana rishya, maze abapagani benshi bihuza n'iryo torero, ndetse bazanarizanamo ubupagani bwabo. Uku guhuza ubupagani n'ubukristo byagiye bigabanya imbaraga z'itorero biturutse mo imbere. Mu gihe Roma mpagani yari mo kurimburwa n'ibitero by'aba barubaru (nk'uko umuhanuzi Daniyeli yari yarabihanuye hafi imyaka igihumbi mbere y'uko bibaho), habayeho guhererekanya ubwami. Mur'ibyo bihe y'ubwami bwa Roma hakomotsemo itorero ryari ritandukanye cyane n'iry'intumwa. Ubu bukristo "bushya" bwakuyeho ukuri kose tubona mu gishushanyo mbonera (ubuturo bwera).

Ubwo bavugaga kuri iyi ngingo, ahagana mu mwaka wa 500 N.K ubwo ubwami bw'abaroma bwacikagamo ibice, abanyamateka b'abakristo baranditse ngo:

> *"Oya, kiriziya gatulika ntabwo izamanuka ngo ijye mu mva. Izagumaho muri ubu bwami… kugeza n'aho ubwami bwa kabiri buzazira, kandi muri ubu bwami Papa azaba ari we muyobozi w'ikirenga, ikirenze kuri ibi, azaba ari umuyobozi w'ikirenga w'uburayi. Azatanga amabwiriza agomba kwumvirwa n'abami."*[1]

> *"itorero rya Gatulika ya Roma… ryishyize mu mwanya w'ubwami bwa Roma y'isi yose, ari nawo murongo rikomerejemo… Papa ni umusimbura wa Kayizari"*[2]

*"kiriziya gatulika yigihangange ugereranyije yasumbaga n'ubwami bwa Roma. Ingoma ya Roma mpagani yahindutsemo ingoma ya Gatulika ya Roma. Umurwa mukuru w'ubwami bwa kera wabaye umurwa mukuru w'ubwami bwa gikristo. Ibiro bya Pontifex Maximus ni byo byakomeje kuba ibiro bya Papa"*[3]

*"umurwa mukuru wa Roma nkirisitu ndetse n'ubutware bwayo byakomotse muri Roma mpagani"*[4]

Ese ni gute igishushanyo mbonera cy'ubuturo bwera cyaba cyararwanyijwe n'ubupapa? Reka turebe impinduka yose yabaye kuri buri gikoresho cyose cyo mu ihema ry'ibonaniro ry'Imana.

**Igicaniro cy'ibitambo: igitambo gihoraho cyakuweho**

Kiriziya yatangiye kwigisha ko igitambo cya Kristo kidahagije kugira ngo umuntu ababarirwe icyaha n'igihano cyacyo, maze kiriziya itangiza inyigisho ya penetensiya n'indulugensiya. Izi zari inzira zo gukurwaho igihano cy'icyaha. Reba ubu busobanuro buri muri gatigisimu y'abagatulika:

*"Ikibazo: Ese Penetensiya ni iki? Igisubizo: Penetensiya isobanuye amasengesho y'ibikorwa byiza nkuko bigenwa n'umupadiri mu kwicuza. Ibyo bikorwa kugira ngo bibe bihagije kutwezaho ibyaha… Ikibazo: Ni ikihe gihano cy'icyaha gikurwaho n'isakaramentu ya penetensiya? Igisubizo: Igihano cy'iteka cy'icyaha gikurwaho mu isakaramentu ya penetensiya. Ikibazo: ese igihano kidahoraho cy'icyaha gisobanuye iki? Igisubizo: Igihano kidahoraho cy'icyaha ni igihano cyishyurwa mu gihe wamaze igishinja cy'icyaha (guilt of sin) cyababariwe"*[5.]

*"Muri iyi sakaramentu ibyaha bibabarirwa binyuze mu mupadori, umunyabyaha yicuza ibyaha bye abinyujije mu mupadiri asaba kwezwa ibyaha bye. kandi iyi sakaramentu ikuraho igihano cy'iteka, ndetse n'umugabane w'igihano cy'ibyaha by'ahashize."*[6]

Kiriziya muri iki gihe yigishije ko ifite imbaraga zo kugarura Kristo ku musaraba iteka ryose mu gihe bamanyagura ukaristiya, ari wo mutsima w'ubutungane, babikora mu rwego rwo kubamba Kristo mu mubiri ndetse no guhinduza ubusa ubusobanuro n'ukuzura kw'igitambo Cye cyakozwe rimwe by'iteka ryose.

*"Umugati na divayi, ibuye ritagatifu, umupadiri, ni byo bikenewe gusa kugira ngo igihe icyo ari cyo cyose ube uri mu mbaraga zo kuba wahamagara Umwami w'ikuzo mu magambo atunganye kugira ngo amanuke aze mu isi, umuheshe umugisha akanwa kawe, umwakire mu biganza byawe, umushyire mu kanwa kawe, ndetse unamumanyagure umuhe abizera, muri icyo gihe abamarayika baba bari kumwe nawe igihe runaka ngo bamuhe ikuzo mu gihe aba ari gutambwa. Nk'uko byavuzwe na Mutagatifu Bernardine wa Sienna, yavuze ko imbaraga z'umupadiri zirusha ubutware Bikira Mariya; Mariya yazanye Umwana w'Imana mu isi inshuro imwe gusa, ariko umupadiri ashobora kumuzana buri munsi. Iyo umwanya wo kwezwa ugeze,*

*umutwe w'umupadiri uba ucuritse mu gihe amagambo atarimeza aba amusohoka mu kanwa ati: 'uyu ni umubiri wanjye.' Mu mucyo wihuse, Uwiteka Nyiringabo yamanutse ava ku ntebe ye, mu ntoki za padiri ntabwo uba ukiri umugati (ukarisitiya), yo aba yashatse gutunganya, ahubwo uwo mupadiri aba yahindutse Melikesedeki w'amategeko mashya ufashe mu ntoki ze Umuremyi we, Umucunguzi n'umucamanza. Ikindi kandi ni amagambo yo kwezwa yongera kuvuga ngo 'aya ni amaraso yanjye' Ntama w'Imana watambwe mu buryo bw'amayobera ku bw'igitambo cy'i Kaluvari ni kimwe n'uko atambirwa kuri alitari. "*[7]

*"Isumbwe rikomeye ry'abapadiri! Nkuko byavuzwe na mutagatifu Augustine ati, 'mu biganza byabo nko m'unda y'uwahiriwe Mariya, Umwana w'Imana arahahindurirwa ... Mwitegereje imbaraga z'abapadiri! Ururimi rw'umupadiri ruhindura Imana akamanyu ka ukarisitiya! Birenze kuba warema isi. Umuntu umwe yaravuze ati, 'ese mutagatifu Philomena, yakumvira imigenzo ya Ars' Ntagushidikanya yagakwiye kumwumvira, kuko n'Imana nayo Imwumvira. Bikiramariya wahiriwe ntabwo yashobora gutuma Umwana we amanuka ngo ahinduke ukarisitiya. Ariko umupadiri arabishoboye, mu rwego rworoheje rwose yaba arimo."*[8]

**Igikarabiro: Umubatizo**

Kiriziya muri iki gihe yatangiye kwigisha ko kubw'inkomoko y'icyaha, abana bapfa bakiri impinja bahita bajya mu kuzimu. Kubw'ibyo, hatangijwe kuminjagira amazi ku bana. Kuba Umwana abatijwe akiri uruhinja, byafatwagwa ko ari mu burinzi bw'imbabazi z'Imana ko adakeneye kongera kubatizwa amaze gukura. Mu yandi magambo, iyi nyigisho nshya yakuyeho icyemezo bwite cyo kwihitiramo Kristo, kuko ntibikwiriye ko umuntu abatizwa ari uruhinja.

> *"icyaha cy'inkomoko… ni gikwira. Kubw'ibyo buri mwana wese avukana yarandujwe no kutumvira kwa Adamu… kuko umubatizo, ukuraho icyo cyaha cy'inkomoko, ni ingenzi ko buri mwana wese w'uruhinja kimwe n'umuntu mukuru babatizwa, kugira ngo babashe kugera mu bwami bw'ijuru."*[9]

> *"igihe cyose umuntu avuze ko abana batagomba kubarwa mu bizera binyuze mu kubabatiza, kuko batizera; kandi ko bagomba kongera kubatizwa mu gihe bamaze kumenya ubwenge. Cyangwa se ko badashobora kwiyizera kugiti cyabo kuko ari abana, birutwa no kubareka ntibabatizwe, cyangwa se ngo babatizwe binyuze mu kwizera kw'itorero: uvuga ibyo acirweho iteka."*[10]

**Ameza y'imitsima: Ijambo ry'Imana**

Kiriziya yafashe imigenzo yayo yihariye iyishyira mu mwanya w'Ijambo ry'Imana. Nta muntu usanzwe wari wemerewe gutunga cyangwa se gusoma Bibiliya ku giti cye. Bibiliya

yafatwagwa nkaho idakenewe mugakiza k'abantu. Vatikani yagaragaje urwango yanga Ijambo ry'Imana:

> *"ukwizera Bibiliya nk'aho ari yo soko yonyine yo kwizerwa nta shingiro bifite mu mateka, nta bwenge burimo, ntabwo bikwiriye kwizerwa, ndetse bisenya ubumwe."*[11]
>
> *"amahame ya kiriziya gatulika yose ntabwo ashingiye ku Byanditswe Byera."*[12]

Mu itegeko teka ryo mu mwaka wa 1229 N.K ryo mu nteko ya Valencia, Bibiliya yashyizwe ku rutonde rw'ibitabo bibuzanyijwe. Iryo hame ryavuze ko "Ni ikizira kungirango Bibiliya isomwe na rubanda rusanzwe yaba isezerano rya kera cyangwase isezerano rishya. Tubujije gutunga ibyo bitabo byavuzwe haruguru mu ndimi zisanzwe zivugwa na beshi." Papa Gregory wa 9 yashimangiye cyane ko abayobozi ba kiriziya bakwiriye gushaka abo yise abahakanyi bose banze kwitandukanya na Bibiliya zabo "aho bari hose mu mazu yabo, mu mashyamba, ndetse n'aho bihisha munsi y'amazu ko bose bagomba gutsembwa burundu."

Mu mwaka wa 1866 Papa Piyo wa 9 yavuze ko amashyirahamwe acapa Bibiliya ko "aciriweho iteka" ko "yose akwiriye gutsembwa ho munzira zose zishoboka" Kandi nanone ku cyitwa *The question box,* mu mwaka wa 1913, cyanditswe nikinyamakuri cyitwa Columbus Press, ku rupapuro rwa 66 baranditse ngo:

> "Bibiliya ntabwo ikwiriye kuba ariyo igena uburyo umuntu yizera, nk'uko biri mu mahame cyangwa se muri gatigisimu. Nta hantu na hamwe mu isezerano rishya havuga kumugaragaro inyigisho ya Kristo … inkomoko ya Bibiliya ubwayo ihamya ko umuntu wese utekereza adafite uburyo bwizewe bwatuma amenya ibyo Umukiza yigishije." (p.66)
>
> *"Ibyanditswe Byera mu kuri ni igitabo gitunganye ariko ni inyandiko zapfuye zitavuga, zikeneye gusobanurwa, kandi ntizishobora kugera ku byo umubwiriza ashobora kugeraho."*[13]
>
> "*Bibiliya ntabwo yagenewe kuba igitabo cy'iyobokamana rya Gikristo."*[14]

**Igicaniro cy'Imibavu: Ubuhuza bwa Kristo bwajugunywe hasi**

Nk'uko ubuturo bwera bwari bugabanyijwemo ibyumba bibiri n'umwenda, n'Imana yicaye ku ntebe y'ubwami, ni ko na Kiriziya yashyizeho icyumba cyabo cyo kwicurizamo ibyaha: bashyizeho ibyumba bibiri aho umupadiri yicara mu cy'imbo cy'Imana, akumva ukwicuza ibyaha kw'abantu, kandi agahamya ko ababababariye ibyaha byabo. Kuvuga ko bababariye abantu ibyaha Bibiliya ibyita gutuka Imana (Reba Mariko 2:7).

*"Imana ubwayo ikwiriye kugendera ku rubanza rwaciwe n'abapadiri bayo rwaba ari urwo kubabarira cyangwa se kutababarira, nkuko babaye badashatse kubabarira, uwicuzaga akwiriye kubyakira."*[15]

*"Ubu butware bwo guca urubanza burimo n'imbaraga zo kubabarira ibyaha."*[16]

*"Umunyabyaha apfukama ku birenge bye yicuza ibyaha. Aba azi neza ko atari kuvugana n'umuntu usanzwe ahubwo aba avugana "n'undi Kristo", aka mubwira amagambo ngo: 'nkubabariye ibyaha byawe…' maze umutwaro w'ibyaha ukamukurwa mu mutima burundu."*[17]

**Igitereko cy'amatabaza arindwi: Kurenganywa kw'itorero**

Muri iki gihe kandi, kiriziya ya Roma yarenganyije "abahakanyi" abo ni abantu bose bateremeraga n'inyigisho za kiliziya Gatulika. Abayobozi ba kiriziya bashatse kuzimya umucyo nyakuri w'ubukristu. Iki gihe cyitswe igihe cy'umwijima.

*"Iri torero rya Roma ryamennye amaraso menshi y'abera kurusha abandi bantu bose bigeze kubaho mu mateka y'inyokomuntu, nta mu protestanti uzabigiraho ikibazo mu gihe asobanukiwe n'amateka… ntabwo bishoboka kuba wasobanura abantu kiriziya yishe, kandi nta n'uwabasha gusobanukirwa umubabaro bagize."*[18]

"*Ku muntu wese wigishaga inyigisho zinyuranye n'inyigisho za Kiriziya ya Gatulika, amateka avuga ko hishwe abantu barenga miliyoni ijana. Miliyoni y'abawalidensi n'aba albigense (ari bo baprotesitanti bo mu busuwisi no mu bufaransa) biciwe mu giterane cyari cyatangajwe na Papa Innocent wa 3 mu mwaka wa 1208. Guhera mu gihe ubujesuite bwatangizwaga mu mwaka wa 1540 kugeza mu 1580, abantu ibihumbi Magana cyenda barishwe. Abandi ibihumbi ijana na mirongo itanu bicwa mu myaka mirongo itatu mugihe cya "inquisition". Mu myaka mirongo itatu n'umunani kungoma ya Charles wa 5 arwanya ubuprotestanti, abantu ibihumbi mirongo itanu barabambwe, bacibwa imitwe, abandi batwikwa ari bazima ngo ni abayobe. Abantu ibihumbi cumi n'umunani barishwe ku ngoma ya Duke wa Alva mu myaka itanu n'igice."*[19]

*"Kiriziya kubw'uburenganzira butunganye ishobora guciraho iteka abahakanyi, ikabafunga, ndetse ikabacira n'urubanza rwo gupfa. Mu gihe cyacu, uburenganzira bwo guca imanza zikomeye, ndetse harimo n'urupfu, ubwo burenganzira bwose kiriziya irabufite. Nta muntu uteje ikibazo nk'umuhakanyi, kubw'ibyo aba akwiriye kugerwaho n'ingaruka."*[20]

**Isanduku y'Isezerano: Uguhindurwa kw'amategeko y'Imana**

Kiriziya kandi yagize umudendezo wo kugera ku mategeko y'Imana maze barayahindura mu izina ry'Imana. Igitero Satani yagabye ari mu ijuru cyo kurwanya amategeko y'Imana ni nacyo gitero yagabye anyuze mu bikorwa bya Kiriziya. Amashusho yari yareguriwe ibigirwamana muri Roma mpagani ni nayo yashyizwe muri Kiriziya ariko amazina yayo arahindurwa. Ibigirwamana noneho ubu byarasegwa mu izina ry'ubukristo ndetse byanahawe amazina ya gikristo nka "mutagatifu Petero".

Uku kwica itegeko rya kabiri kubuzanya gusenga ibishushanyo kwajyaniranye no guhindura itegeko rya kane, umunsi w'isabato, ukurwa ku isabato (samedi/saturday) ushyirwa ku munsi wa mbere (dimanche/sunday). Bibiliya ivuga ko ubwami bw'iyi nyamaswa "buzigira inama yo guhindura ibihe n'amategeko" (Daniyeli 7:25). Mu magambo atangaje, kiriziya yanditse amagambo akurikira:

> "*Papa afite ububasha bwo guhindura ibihe, agakuraho amategeko, ndetse akaba yahindura ibintu byose, ndetse no gusimbura amahame ya Kristo… Papa afite ubutware kandi yaranabukoresheje, bwo guhindura itegeko rya Kristo."*[21]
>
> *"Kiriziya gatulika kubw'intego yayo n'ububasha bwayo yahinduye umunsi w'isabato iwukura ku munsi wa karindwi (Samedi/Saturday) iwushyira ku munsi wa mbere (Dimanche/Sunday)."*[22]
>
> *"Papa afite ubutware bukomeye ndetse n'imbaraga zo guhindura, gusobanura, no gusemura amategeko yera…. Papa ashobora guhindura amategeko yera, kuko ububasha bwe budakomoka ku muntu, ahubwo bukomoka ku Mana, kandi akora nk'umusimbura w'Imana mu isi."*[23]
>
> "*Ahari, … igikorwa cya mbere cy'impinduramatwara cyabayeho mu itorero, cyabayeho mu kinyejana cya mbere. Umunsi wera, isabato, yakuwe ku munsi wa karindwi (Samedi/Saturday) ushyirwa ku munsi wa mbere (Dimanche/Sunday). 'Umunsi w'Uwiteka' (Dies Dominica) waratoranyijwe, udafite aho ukomoka mu Byanditswe Byera, ahubwo bikorwa kugira ngo hagaragazwe ububasha bwa Kiriziya. Umunsi w'umuzuko, umunsi wa pentekoti, hashize iminsi mirongo itanu, byose byaje ku munsi wambere w'icyumweru. Rero iyi ni yo yahindutse isabato nshya. Abantu batekereza ko Ibyanditswe Byera bikwiriye kuba umutware wabo byonyine, bakwiriye guhinduka abandiventiste b'umunsi wa karindwi, maze bakeza umunsi w'isabato."*[24]
>
> *"Ushobora gusoma Bibiliya ugahera mu itangiriro ukageza mu Byahishuwe, nta hantu na hamwe uzabona hakwemerera kweza umunsi w'icyumweru. Ibyanditswe Byera bishimangira iyobokamana ryo kweza umunsi wa karindwi w'isabato, ari wo munsi tutajya tudafata nkuwera."*[25]

*"Ikibazo: ese umunsi w'isabato ni uwuhe? Igisubizo: umunsi wa karindwi (Samedi/Saturday) ni wo munsi w'isabato. Ikibazo: kuki tweza umunsi w'icyumweru (Sunday/Dimanche) aho kweza umunsi w'isabato (Saturday/Samedi)? Igisubizo: tweza umunsi wa mbere (Sunday/Dimanche) aho kweza umunsi wa karindwi (Saturday/Samedi) kubera ko Kiriziya gatulika mu nteko ya Lawodokiya, yimuye ukwera kw'isabato igukura ku munsi wa karindwi (Samedi/Saturday) maze igushyira ku munsi wa mbere (Sunday/Dimanche)."*[26]

*"Nta hantu na hamwe muri Bibiliya hagaragaza ko kuramya bikwiriye kwimurwa bigakurwa ku munsi wa karindwi (Samedi/Saturday) ngo bijye ku munsi w'icyumweru (Dimanche/Dunday… ubu kiriziya… yatangije, kubw'ubutware bw'Imana, icyumweru nk'umunsi wo kuramya. Iyi kiriziya kandi, ni nayo, kubw'ubutware butagatifu, yigishije ihame rya puligatori kera cyane mbere y'uko na Bibiliya ibaho. Ubwo rero, dufite ubutware bungana yaba ari kuri puligatori ndetse no ku cyumweru."*[27]

**Kwishyira mu mwanya w'Imana**

Kiriziya ya Gatulika yemeza kandi ko umuyobozi wayo uyiyoboye ari we Papa ko angana n'Imana:

*"Papa afite icyubahiro gikomeye, kandi ari hejuru kuburyo atari umuntu usanzwe, ahubwo ni nk'aho ari Imana, ndetse ni umusimbura w'Imana."*[28]

*"amazina muri Bibiliya avuga kuri Kristo, ari yo agaragaza ko ari we washinze kandi akaba n'umuyobozi w'itorero, ayo mazina yose… ni aya Papa."*[29]

*"Papa n'Imana barangana, kubw'ibyo afite ubutware bwose bwo mu ijuru no mu isi."*[30]

*"Kwizera ko Uwiteka Imana yacu Papa adafite ubutware bwo guca iteka, agomba gufatwa nk'umuhakanyi."*[31]

*"Papa ntabwo ari uhagarariye Yesu Kristo gusa, ahubwo ni Yesu Kristo, wihishe mu mwambaro w'umubiri."*[32]

*"Aha ku isi turi mu mwanya w'Imana Ishoborabyose."*[33]

Nta gitangaza ko abantu benshi bagiye babona ko iri torero gatulika n' ubuyobozi bwaryo aribyo byujuje ibivugwa ku gahembe gato ko mu buhanuzi bwa Bibiliya, ko ari byo "Babuloni y'amayobera", umuyobozi waryo ari we munyabugome. Ko ryarwanije ukuri kw'Imana byagiye bibonwa n'abandi mu mateka y'itorero. Reba ibi bitekerezo by'abagorozi bo mu itorero babayeho mu gihe cy'umwijima:

**Martin Luther (1483 – 1546, Abaluterani)**

***"****Luteri… yahamije, kubw'ubuhanuzi bwa Daniyeli na Yohana, no mu nyandiko za* Pawulo, *na Petero, na Yuda, ko Antikristo, yahanuwe kandi igasobanurwa muri Bibiliya, ko ari ubupapa… ni bwo Antikristo wicaye ku ntebe y'ubwami y'ubupapa. Iki gitekerezo gishya, cyaje gikomoka mu busobanuro bwa gihanuzi cyatangijwe na Luteri n'abo bari bafatanyije, maze bigira ingaruka ikomeye cyane kuri Roma.****"***[34]

**John Wycliffe**

"*Ubwo itorero ry'iburengerazuba ryigabanyaga mu gihe cy'imyaka 40 hagati y'abapapa babiri bari bahanganye, umwe i Roma n'undi i Avigon, mu bufaransa, buri mupapa wese yise undi bari bahanganye ko ari we antikristo – maze John Wycliffe bituma bose abona ko bari mu kuri ati: 'impande zombi za antikristo, zihuriye hamwe mu kugaragaza Umunyabugome uri hagati muri bo.'"*[35]

**John Wesley (1703 – 1791, Abametodiste)**

*"Ubupapa mu buryo bugaragara, ni bwo Munyabugome, kuko burushaho* kongera *gusaya mu cyaha ku buryo bukabije. Ubupapa nibwo bwujuje ibivugwa ku mwana wo kurimbuka, kandi bwishe abantu batabarika, yaba ari abitandukanyije nabwo cyangwa se ababuyobotse… ni bwo bwishyize hejuru y'icyitwa Imana cyose, cyangwa se igisengwa cyose… buvuga ko bufite ubutware bwo mu rwego rwo hejuru, ndetse n'icyubahiro gikomeye… bwemeza kandi ko bufite inshingano zigenewe Imana yonyine."*[36]

**Thomas Granmer (1489 – 1556, Abangilikani)**

*"Roma nicyo cyicaro cya antikristo, kandi papa niwe antikristo ubwe. Nshobora nanjye guhamya nifashishije Ibyanditswe Byera, isezerano rya kera, ndetse n'izindi ngingo nyinshi, ziri mu buhanuzi bwa Daniyeli no mu Byahishuwe."*[37]

**John Knox (1505 – 1572, Abapresibiteriyani ba Scotch)**

*John Knox yashimangiye avuga ko "Igitugu cy'ubupapa kimaze imyaka myinshi mu guhagararira itorero." Kimwe na Luteri, yafashe umwanzuro uvuga ko Ubupapa "ari antikristo, n'umwana wo kurimbuka, uwo Pawulo yavuze."*[38]

**John Calvin (1509 – 1564, Abapresibiteriyani)**

*"abantu benshi badutekerezaho mu buryo butaribwo ndetse ko tunarengera mu kuba twita ubupapa bwa Roma ko ari antikristo. Ariko abo bose babitekereza batyo ntibabona ko baba bashaka kunyuranya n'ibyo* Pawulo *yavuze ubwe, uwo tuvuga kandi uwo amahanga yose apfukamira… nshobora kugaragaza ko [amagambo ya Pawulo yo mu 2 Abatesalonike] nta bundi busobanuro wayaha uretse kugaragaza neza ko avuga ubupapa."*[39]

**Roger Williams (1603 – 1683, Umupasitoro wa mbere w' itorero ry'aba Batista muri Amerika)**

Pasitoro Williams yavuze kuri papa ko "uwigize Umusimbura wa Kristo ku isi, ari we wicara nk'Imana mu ngoro y'Imana, kandi akishyira hejuru y'icyitwa Imana cyose, ndetse akayobora ibitekerezo n'imitimanama y'abamuyoboka bose, ndetse ko ari no hejuru y'Umwuka wa Kristo, ndetse n'Umwuka Wera, ndetse ko ari mu manya w'Imana ubwayo… kandi avuga arwanya Imana yo mu ijuru, kandi yigiriye inama yo guhindura ibihe n'amategeko; ariko ni umwana wo kurimbuka."[40]

**Cotton Mather (1603 – 1728, wize iyobokamana)**

"Imiburo y'Imana yabivuze mbere ko mu itorero ryishushanya nka gikristo ariho hazakomokamo antikristo: kandi muri Papa wa Roma, imico yose iranga antikristo arayujuje mu buryo bugaragarira buri wese kandi buri wese usoma Ibyanditswe Byera niba atabibona, harigicu gikomeye gipfutse amaso ye" [41]

**Idini rya Westminster Confession of Faith (1647)**

*"Nta wundi muyobozi w'itorero uretse Uwiteka Yesu Kristo. Kandi Papa wa Roma mu buryo bwose ntiyaba umuyobozi waryo; ahubwo ni we antikristo, umunyabugome, umwana wo kurimbuka wishyira hejuru mu itorero arwanya Kristo n'icyitwa Imana cyose."*[42]


**Turangirize uriyi ncamake:**

*"Wycliffe, Tyndale, Luteri, Calvin, Cranmer, mu kinyejana cya cumi na karindwi, Bunyan, wasemuye Bibiliya yitiriwe Umwami Yakobo ndetse n'abantu bacapye Bibiliya y'ingeri ya Westminster n'abayoboke b'idini rya Baprist Confession of Faith; Sir Isaac Newton, Wesley, Whitfield, Jonathan Edwards; ndetse ukongeraho na Spurgeon, Bishop J.C. Ryle na Dr. Martin Lloyd-Jones; aba bantu ndetse n'abandi benshi, bose babonye ko ubupapa ari bwo antikristo."*[43]

Ikindi kandi, Bibiliya ivuga neza ko ubwo bwami buzarangwa n'umubare wa 666. "aha ni ho ubwenge buri: ufite ubwenge abare umubare w'iyo nyamaswa kuko ari umubare w'umuntu, kandi umubare we ni Magana atandatu na mirongo itandatu n'itandatu" (Ibyahishuwe 13:18).

*"inyandiko ziri ku ngofero ya Papa ni 'VICARIUS FILII DEI', ni amagambo ari mu kilatini asobanura ngo 'umusimbura w'umwana w'imana'. Ubugatulika buvuga ko itorero, nk'umuryango ugaragara rikwiriye kugira umuyobozi ugaragara. Kristo, mbere y'uko azamuka mu ijuru, yashinze mutagatifu Petero ko yajya mu cyimbo Cye… ubu Umushumba wa gatulika ya Roma, nk'umuyobozi w'itorero, yahawe izina ry'* ***umusimbura wa Kristo.*** *"*[44]

Ni ingenzi kwitegereza imibare y'iri zina ryanditse mu mibare y'ikiromani, ari yo yakoreshejwe mu kubara uyu mubare:




None imyaka 1,260 yo utubwira iki?

Mu mwaka wa 538 N.K ubupapa bwatangiye kuyobora Roma. Neza hashize imyaka 1,260, ubupapa bwabaye nk'ubutakaje ubuzima by'igihe runaka ubwo ubufaransa bwangaga ubutegetsi bw'ubupapa, maze bafunga Papa mu mwaka wa 1798.

> *"Gutsindwa kwa Roma itsinzwe na Belisarius, amateka y'umurwa wa kera yabaye nkaho arangiye; Mukwirwanaho n'ingabo ze mu kurwanya Witiges [mu mwaka wa 538N.K] nibwo hahise hatangira amateka y'imyaka yo hagati."*[45]

> *"Ukumenyekana kw'ubutware bw'ikirenga cy'ubupapa byatangiye mu mwaka wa 538 N.K ubwo batangiraga kugendera ku iteka ry'Umwami w'Abami Justinian, ubwo yagiraga Umushuma wa Roma umuyobozi w'amatorero yose, kandi ko ari nawe usobanura amahame ndetse akanaba umukosozi w'abayobye. Vigilius … yazamuhe intebe y'ubupapa (mu mwaka wa 538 N.K) arinzwe n'ingabo za Belisarius."*[46]

> *"Mu mwaka wa 1798, Berthier, yinjiye muri Roma, arwanya ubuyobozi bw'ubupapa maze atangiza ubwami budashingiye ku iyobokamana."*[47]

**Ubuhanuzi bw'inkomoko y'ubuhakanamana/Kwizera ihindagurika**

Impinduramatwara ry'ubufaransa (1789 -99) ni yo yashyizeho iherezo ry'igihe gito ku butegetsi bw'ubupapa bwari bwarayoboye isi yose mu gihe cy'imyaka 1,260. Nk'ingaruka y'ubuhemu kiriziya gatulika yagize, ubufaransa bwagabye igitero gahembe gato, buvuga ko kiriziya yangirije ishusho y'ubukristo nyakuri. Kuko icyo gihe abapadiri ari bo bonyine bari

bemerewe gutunga Bibiliya, abayoboke babonaga ko Kristi, Imana ndetse n'ubukirsto byose byashakiragwa mu bupapa – kandi ntibwari bufite ishusho nziza.

Impinduramatwara y'abafaransa yatangije uburyo bushya bwo guhakana Imana, bavuga ko Imana itigeze ikenerwa kugira ngo ibe yakorera mu itorero riteye gutyo. Bari bafite impamvu nziza yo kwanga ishusho y'Imana bari barеretswe, ariko iyo shusho y'ibinyoma kandi mbi bari barabonye mu bugatulika yangirije ibyiyumviro byabo kuri Bibiliya, bityobanze Bibiliya ndetse banga n'Imana. Icya rimwe, Satani yarwanyije Imana anarwanya n'Ibyanditswe Byera. Icya mbere, Satani yashyizeho ubukristo bwishyiriraho amategeko kandi buvuga ko ari bwo Mana. Burakomera ndetse butuma abantu benshi bashidikanya kandi bava ku Mana no ku mico ya Yo mu gihe cy'imyaka 1,260. Ubu bukristo bw'ibinyoma bwatumye habaho amakosa akomeye yatangiye mu iherezo ry'imyaka 1,260, mu mpinduramatwara y'ubufaransa, kwizera ko nta Mana ibaho kandi ko abantu bashobora kuba intungane Imana itabigizemo uruhare. Ubukristo bw'ibihimbano no guhakana Imana nibyo bintu bibiri Satani yakoresheje mu kuyobya ya koreye mu ijuru.

Uguhakana Imana ubwabyo byagabye igitero ku buturo bwera. Byarwanyije *igicaniro cy'ibitambo:* igitambo cya Kristo cyatswe agaciro, nk'aho kitigeze no kubaho. Bati ese ni iyihe Mana yashoboraga kwohereza Umwana wa Yo ngo aze gupfa? Byarwanyije n'*igikarabiro:* bati ntibyari ngombwa na gato ko umuntu ahinduka mwiza. Umuntu ntabwo akeneye "kuvuka ubwa kabiri" kugira ngo abeho "imibereho myiza kandi itunganye" ishingiye kuri Bibiliya. Byarwanyije n'*ameza y'imitsima:* Ijambo ry'Imana ryafashwe nk'aho ari imigani y'abadakomeye mu bitekerezo. Uguhakana Imana byarwanyije nanone *igicaniro cy'imibavu:* nta Mana bemeraga, kuki wasenga? Ndetse byarwanyije *igitereko cy'amatabaza arindwi:* nta mucyo washoboraga kuboneka mu itorero. Ndetse harwanyijwe itegeko ry'isabato ryo mu *isanduku y'isezerano*.

Mu gihe cy'ihinduramatwara y'abafaransa ni bwo hatangiye inyigisho y'ihindagurika, maze iza kwitwa uguhindagurika, yatangijwe n'umunyasiyansi witwa Jean-Baptiste Lamarck. Satani yakoresheje inyigisho y'ihindagurika n'agahembe gato kugira ngo arwanye amategeko y'Imana muri izo nzego zombi. Mu gihe ubupapa bwahamije ko bufite ubutware bwo guhindura isabato bukayikura ku munsi wa karindwi (Samedi/Saturday) bukayishyira ku munsi wa mbere (Dimanche/Sunday), ihindagurika ryarwanyije Isabato mu rwego rwo gutangizwa kw'inyigisho ivuga ko isi itigeze iremwa mu minsi itandatu yuzuye nk'uko iri, ahubwo ko byabayeho mu myaka amamiliyoni menshi. Kubw'ibyo nta "sabato y'umunsi wa 7 iriho". Kugira ngo barase ku ntego, abafaransa bakuyeho icyumweru kigizwe n'iminsi irindwi maze batangiza kalindari ifite icyumweru kigizwe n'iminsi icumi (ari yo kalindari ya repubulika y'ubufaransa).

Mu kuri Darwin yasohoye inyandiko ye ya mbere ivuga ku ihindagurika mu mwaka wa 1842 no mu mwaka wa 1844. Kandi muri uwo mwaka wa 1844, hadutse indi nyandiko iyobya itigeze igaragaza uwayanditse kandi ni yo yagurishijwe cyane kurusha izindi yitwa, *Vestiges of the Natural History of Creation* yagize uruhare rukomeye mu gushimangira ihame

ry'ihindagurika. Ibyo byombi byari ibitero simusiga bigamije kurwanya irema, ariko byumwihariko isabato, aho bigishaga ko isi yaremwe mu igihe kirekire kirenze iminsi 6, ndetse ibyo ubwabyo bihakana isabato. Ubusobanuro bw'umwaka wa 1844 ari nawo izinyandiko ziyobya zagiye ahagaragara turibuze kubirebera hamwe mu bindi bice.

*Uruhande rw'abahakanyi rwarakomeye ndetse runakomeretsa uruhande rw'abiyitaga abakristo. Mu kuri, amagambo akoreshwa muri politiki "iburyo" n' "ibumoso" ari yo dukoresha muri politiki y'iki gihe, ari naryo hame akomoka ho, bwa mbere yagaragaye mu gihe cy'impinduramatwara y'abafaransa ubwo abanyamuryango b'ihuriro ry'igihugu (National assembly) bigabanyagamo abashyigikiye umwami bakajya I buryo bwa perezida naho abashyigikiye impinduramatwara bo bakajya I bumoso bwe. Umwe mu bayobozi, uwitwa Baron de Gauville yarasobanuye ati, "twatangiye kumenyana: abari bashyigikiye iyobokamana n'umwami bagiye I buryo bw'intebe kugira ngo hirindwe urusaku, indahiro, maze abandi mu rundi rugande bashimishwa no gukururwa mukagozi bajyanwa hirya no hino."*[48]

Ayo makimbirane ya gihanuzi yakomeje kubaho hagati y'iyobokamana ryari riyobowe nabi "bajya I buryo" ndetse n'abibohoye ku iyobokamana (bajya I bumoso) mu gihe cy'impinduramatwara y'abafaransa ni nako byahanuwe ko bizabaho mu ntambara iheruka, iki gihe bwo bizabera muri Amerika, ari cyo gihugu gikomeye kandi cy'ikinyamaboko ku isi. Bumwe muri ubu bwami buzahaguruka maze buhinduke uburenganya itorero nyakuri ry'Imana ku isi.

Ubukristo nyakuri bwagaragaye nk'ubuhagurukiwe n'ibitero by'uburyo bubiri. Ubuyobozi bw'agahembe gato bwaciye intege itorero ry'ukuri. Bwabujije inyokomuntu kumenya ukuri kwerekeranya n'ubuturo bwera bwo mu ijuru. Ubu abahakanamana bahagurukiye kurwanya ubukristo bw'icyiganano, maze muri ukwo kwigaragambya, bahakana Imana y'ukuri n'igishushanyo mbonera (ubuturo bwera). Ariko *hari hasigaye ikindi gihe kimwe cya gihanuzi mu gitabo cya Daniyeli,* ari bwo bwagombaga guhangana n'icyo gitero cy'ubuhakanamana ndetse n'ubukristo bw'ibinyoma, kandi ni bwo bwagombaga gusubizaho ubutumwa bwiza nyakuri bwavuzwe na Kristo ati, "kandi ubu butumwa bwiza bw'ubwami buzigishwa mu isi yose ngo bube ubuhamya bwo guhamiriza amahanga yose, ni bwo imperuka izaherako ize" (Matayo 24:14).

*Iherezo ry'ishusho ya 5.*

1 Andrea Lagarde, *The Latin Church in the Middle Ages* (New York: Charles Scribner's Sons, 1915), p. vi
2 Andre Retif, "The Catholic Spirit", in *The Twentieth Century Encyclopedia of Catholicism*, translated by Dom Aldhelm Dean (New York: Hawthorne Books), p. 85
3 Adolf Harnack, *What is Christianity?*, 2nd edition, translated by Thomas Bailey Saunders (New York: Putnam, 1901), p.270
4 Alexander Clarence Flick, *The Rise of the Mediaeval Church*, reprint (New York: Burt Franklin, 1959), pp. 148, 149
5 Roderick MacEachen, *Complete Catechism of Christian Doctrine* (New Jersey: Catholic Book Company), p. 126
6 Francis J. Butler, *Holy Family Catechism*, No. 3 (Boston: T. J. Flynn, 1904), p. 257
7 William Doyle, *Shall I Be a Priest?*

8 H. Convert, *Eucharistic Meditations: Extracts from the Writings and Instructions of Saint John Vianney*, translated by Mary Benvenuta (Springfield, IL: Templegate, 1960), pp. 111, 112
9 Joseph Deharbe, S.J., *A Complete Catechism of the Catholic Religion*, sixth American edition, translated by John Fander (New York: Schwartz, Kir Win & Fauss, 1908), p. 255
10 John Dowling, *The History of Romanism*, seventh edition, p. 510, 499
11 "Protestantism," *Catholic Encyclopedia*, Vol. XIII, Section III, "Sola Scriptura." Accessed January 16, 2013, www.newadvent.org/cathen/12495a.htm.
12 M. Muller, *Familiar Explanation of Christian Doctrine* (New York: Benzinger Brothers, 1876), p. 151
13 *Our Priesthood*, p. 155
14 *Catholic Facts*, p. 50
15 Liguori, *Duties and Dignities of the Priest*, p. 27
16 *Catholic Encyclopedia*, Vol. XII, Article XII, p. 265
17 William Doyle, *Shall I Be a Priest?*, pp. 14, 15
18 W. E. H. Lecky, *History of the Rise and Influence of Rationalism in Europe*, Vol. II, 1910 edition, p. 32. An excellent, though lengthy article, can be found on the right of the Catholic Church to persecute in *The Catholic Encyclopedia, Vol. 12, p. 266.*
19 *Brief Bible Readings*, p. 16
20 *Public Ecclesiastical*, Vol. 2, p. 142
21 "Decretal, de Tranlatic Episcop. Cap," *Ferraris*' *Ecclesiastical Dictionary*
22 Cardinal Gibbons quoted in the *Catholic Mirror*, September 23, 1983
23 Lucius Ferraris, "Papa", *Prompta Ribliotheca*, Art. 2
24 "Pastor's Page," *Sentinel: Saint Catherine Catholic Church* (Algonac, MI), May 21, 1995
25 Cardinal Gibbons, *Faith of Our Fathers*, p. 111
26 Peter Geiermann, C.S.S.R., *The Converts Catechism of Catholic Doctrine*, Third Edition
27 Martin J. Scott, *Things Catholics are Asked About*, 1927
28 Ferraris, *Ecclesiastical Dictionary*
29 *On the Authority of Councils*, Book 2, chapter 17
30 Pope Pius V, quoted in Barclay, *Cities Petrus Bertanous*, Chapter XXVII, p. 218
31 Pope John XXII, "Extravagantes", *Ad Callem Sexti Decretalium*, Tit. XIV, cap. IV (Paris, 1685)
32 *The Catholic National*, July 1895
33 Pope Leo XIII, *Encyclical Letter*, June 20, 1894 (New York: Benziger Brothers, 1903), p. 304
34 J. H. Merle D'aubigne, *History of the Reformation of the Sixteenth Century*, Book VI, chapter xii, p. 215. Luther declared, "We are here of the conviction that the papacy is the seat of the true and real Antichrist" (August 18, 1520). Quoted in LeRoy Froom, *Prophetic Faith of Our Fathers*, Vol. 2, p. 121.
35 Ibid.
36 "II Thessalonians," in John Wesley, *Explanatory Notes upon the New Testament*, Vol. II (London: Thomas Cordeux, 1813), p.216
37 "A Confutation of Unwritten Verities" in *Miscellaneous Writings and Letters of Thomas Cranmer* (Cambridge: The University Press, 1846), p. 63
38 John Knox, *The Zurich Letters*, trans. By Hastings Robinson (Cambridge: The University Press, 1842), p. 199
39 John Calvin, *Institutes of Christian Religion*, Vol. 3, trans. By John Allen (Philadelphia: Published by Philip H. Nicklin, et Al), p. 149
40 Quoted in LeRoy Froom, *Prophetic Faith of Our Fathers*, Vol. 3 (Washington, D.C.: Review and Herald, 1950), p.52
41 Ibid., p. 113
42 Philip Schaff, *The Creeds of Christendom, With a History and Critical Notes*, Sixth Edition, Vol. III (New York: Harper & Brothers Publishers, 1877), Ch. 25, sec. 6, p. 658, 659
43 Michael de Semlyen, *All Roads Lead to Rome* (Dorchestor House Publications, 1991), p.205
44 "Bureau of Information," *Our Sunday Visitor (Catholic Weekly)*, (Huntington, IN),April 18,1915
45 George Finlay, *Greece Under the Romans* (Edinburgh and London: William Blackwood and Sons, 1844), p. 295.
46 Philip Schaff, *History of the Christian Church*, Vol. 3, 6th Edition, (New York: Charles Scribner's Sons, 1908), p. 327
47 A. H. McDannald, ed., *The Encyclopedia Americana*, (New York: Americana Corporation, 1941)
48 Marcel Gauchet, "Right and Left", as quoted in Lawrence D. Kritzman, Eds., *Pierre Nora* (New York: Columbia University Press, 1997), pp. 242–245

Ishusho ya 6:

## Imyaka 2,300 ya gihanuzi no Gusubizaho ibyakuweho

Ese ni iki cyatumye habaho impinduka mu ntambara ya 2 y'isi yose? Abanyamateka bavuga ibintu byinshi bitandukanye kur'ikibazo. Bamwe baravuga ngo Abayapani bagabye igitero ahitwa Pearl Harbor ku itariki ya 7/12/1941, "igihe ibintu byabaye bibi cyane". Abandi bo bavuga ko byatewe n'intambara ya Stalingrad, yatangiye mu kwezi kwa mu munani mu mwaka wa 1942, ari bwo ingabo z'abarusiya zatsindaga aba nazi.

Muri iyi shusho ya *filimi iheruka amateka y'isi*, turaza kureba ku iherezo ry'ubuhanuzi burebure muri Bibiliya. Ni ingingo ikomeye cyane mu gusubizwaho igishushanyo mbonera – ubutumwa bw'agakiza k'ubuturo bwera bw'Imana ndetse bunagaruke ku ngingo y'intambara iri hagati y'icyiza n'ikibi.

Ubuhanuzi bwa Daniyeli yahawe irindi yerekwa, riri muri Daniyeli 8, iki gihe kivuga ibirenze ubuhanuzi bw'imyaka 1,260. Muri izi nzozi, Imana yeretse Daniyeli isekurume y'ihene n'impfizi y'intama yashushanyaga Abamedi n'abaperesi n'ubugiriki. (Babuloni yari yarahangutse niyo mpamvu itavugwa muri iri yerekwa.) maze Daniyeli abona agahembe gato kazamuka, kandi ako gahembe gato kari ninako yabonye mu iyerekwa ryari ryabanje, ari ko gashushanya ubwami bwagombaga gukomoka muri Roma. Mu gihe Daniyeli yitegerezaga imirimo y'aka gahembe gato, yarogowe n'ikiganiro cy'abamarayika babiri bavugaga ibyerekeye ako gahembe gato:


> "*Kuri rimwe muri ayo hashamikaho agahembe gato karakura cyane, kaba rinini ryerekeye ikusi n'iburasirazuba n'igihugu gifite ubwiza. Rihinduka rinini rigera mu ngabo zo mu ijuru, ndetse ingabo zimwe n'inyenyeri zimwe ribijugunya hasi rirabisiribanga. Nuko ririkuza ndetse ryireshyeshya n'umugaba w'ingabo, rimukuraho igitambo gihoraho kandi ubuturo bwera burasenyuka. Izo ngabo hamwe n'igitambo gihoraho, bihanwa mu butware bwaryo ku bw'igicumuro. Iby'ukuri ribijugunya hasi, rikajya ribasha ibyo rigambiriye. Nyuma numva uwera avuga, maze undi wera abaza uwo wavugaga ati 'ibyo byerekanywe by'igitambo gihoraho n'igicumuro kinyagisha bizageza ryari, ubwo buturo bwera n'izo ngabo bizasiribangwa?' aransubiza ati 'bizageza iminsi ibihumbi bibiri na Magana atatu uko bukeye bukira, nyuma ubuturo bwera buzabone kwezwa*'" (Daniyeli 8:9-14).

Aha, umumarayika yabajije ati agahembe gato kazageza ryari gasiribanga ubuturo bwera. Igisubizo cyaratanzwe ngo bizageza iminsi 2,300 ya gihanuzi ari nayo myaka 2,300 maze ubuturo bwera buzabone kwezwa ndetse bwongere gusubizwaho. Daniyeli ntabwo yigeze ahabwa igihe ubwo buhanuzi bw'iminsi 2,300 buzatangirira kugeza mu gice cya 9 nibwo yaje


guhishurirwa icyo gihe. Ntabwo yigeze asobanukirwa ubwo buhanuzi neza maze marayika aragaruka ngo amuhe umucyo uruseho.

> "*Ugitangira kwinginga haje ijambo, kandi nzanywe no kurikubwira kuko ukundwa cyane. Nuko iryo jambo uritekereze cyane, umenye n'ibyo weretswe. Ibyumweru mirongo irindwi bitegekewe ubwoko bwawe n'umurwa wera, kugira ngo ibicumuro bicibwe n'ibyaha bishire, no gukiranirwa gutangirwe impongano haze gukiranuka kw'iteka, ibyerekanywe n'ibyahanuwe bifatanishwe ikimenyetso, ahera cyane hasigwe amavuta. Nuko ubimenye, ubyitegereze yuko* ***uhereye igihe bazategekera kubaka I Yerusalemu bayisana kugeza kuri Mesiya Umutware hazabaho ibyumweru birindwi, maze habeho ibindi byumweru mirongo itandatu na bibiri bahubake basubizeho imiharuro n'impavu****, ndetse bizakorwa mu bihe biruhije*" (Daniyeli 9:23 -25).

Ibi birahishura ko ubuhanuzi bw'ibyumweru 70 n'ubuhanuzi bw'imyaka 2,300 butangirira igihe kimwe. Ubu buhanuzi bw'ibihe bitatu, ari ubuhanuzi bw'iminsi (imyaka) 2,300 ari nabwo buhanuzi burebure mu gitabo cya Daniyeli. Hamwe n'ubuhanuzi bw'imyaka 1,260, ni imigabane itandukanye ariko igize ubuhanuzi bumwe:




Buri buhanuzi bwibandaga ku ngingo runaka yerekeranye n'inama y'agakiza. Imyaka 490 yavugaga ku murimo wa Kristo wo ku musaraba ndetse n'imitego ya Satani yo kurwanya uwo murimo ndetse no kurwanya abisirayeli b'umubiri ndetse no kurwanya ubuturo bwera bwo mu isi. Ubuhanuzi bw'imyaka 1,260 bwo bwibanda ku murimo wa Kristo nk'Umutambyi wacu Mukuru mu buturo bwera bwo mu ijuru ndetse no ku ntambara ya Satani yo gushaka kurimbura ubumenyi mu bijyanye n'uturo bwera. Ubuhanuzi bw'imyaka 2,300 bwibanda ku gice giheruka cy'umurimo wa Kristo mbere y'uko Agaruka, ndetse no gusubizaho ukuri kwose kwasenywe n'agahembe gato mu gihe cy'imyaka 1,260.



Ubuhanuzi bw'imyaka 2,300, bwatangiranye n'itegeko ryatanzwe ryo kubaka no gusana Yerusalemu mu mwaka wa 457 B.K, bukarangira mu mwaka wa 1,844 N.K, neza neza bihura n'imyaka 2,300. Mu yandi magambo, imirimo yose y'agahembe gato mu gihe cy'imyaka 1,260 yagombaga gushyirwa ahagaragara kandi n'ubuturo bwera bwo mu ijuru, igishushanyo mbonera nyakuri cy'agakiza, buzongera kugaragarizwa isi mu buryo bwuzuye nanone. Ubu butumwa bwiza bwuzuye bwasubijweho bugomba kubwirwa isi yose hakubiyemo n'amateka y'isi. "kandi ubu butumwa bwiza bw'ubwami buzigishwa mu isi ngo bube ubuhamya bwo guhamiriza amahanga yose, ni bwo imperuka izaherako ize" (Matayo 24:14).

Itorero ry'Imana nyakuri nanone rizaba risobanukiwe n'iki gishushanyo mbonera. Ni ryo rizabwiriza ubu butumwa buheruka maze ritegurire abatuye isi kugaruka kwa Kristo. Ubu butumwa ntabwo buzagaragaza gusa inyigisho z'ibinyoma z'itaganisha kunzira y'agakiza, buzanatanga ibisubizo ku buhakanamana bwahindanije ishusho y'imico y'Imana n'imiterere ya Bibiliya. Ntabwo ari igitangaza ko Charles Darwin yasohoye inyandiko ye ya mbere kuri iri hame ry'imihindagurikire karemano neza ahagana ku iherezo ry'ubuhanuzi bw'imyaka 2,300 mu mwaka wa 1844. Ntabwo byapfuye kubaho kubw'impanuka kuba Darwin yakurikije umuhanga mu by'ubuzima Charles Lyell, waje nawe gushishikazwa muri iyo myumvire na Jean-Baptiste Lamarck, wari mu mpinduramatwara y'ubufaransa kandi ufatwa na benshi nk'uwabaye uwa mbere mu gushimangira iri hame ry'ihindagurika ahagana ku iherezo ry'ubuhanuzi bw'imyaka

1,260 (538 - `798)! Satani yari azi ko umwaka wa 1844 wagombaga kuba umwaka w'ingenzi cyane!

Ubutumwa bwo kwezwa kw'ubuturo bwera ndetse bukanasubizwaho ni bwo butumwa buzasubiza ibibazo byerekeranye no kwibaza ukubaho kw'Imana ndetse n'amategeko ya Yo. Ariko se ni gute Imana yagombaga gusubizaho uku kuri? Mu gihe cy'imyaka 500 yerekeza mu mwaka wa 1844, Imana yatangiye guhagurutsa abagabo n'amatorero yagombaga gushyira mu buryo ibyangirijwe n'agahembe gato. Reka turebe kuri bamwe muri aba bagorozi bakomeye bagiye basubizaho imigabane y'ubuturo bwera yari yarasiribanzwe, kandi nabo ubwabo bakaba barabikoraga batazi ko bari gusubizaho umugambi w'Imana!

**Mu mwaka w'ahagana 1300: Ameza y'imitsima yasubijweho**

John Wycliffe yavutse mu 1320 kandi yari umucurabwenge w'umwongereza kandi akaba n'umwigisha w'iyobokamana. Abamukurikiye bari bazwi ku izina ry'aba Lollards kandi nibo babaye aba mbere mu kwamagana kiriziya gatulika. Iri tsinda ryaharuye inzira y'ubugorozi. Ku bw'iyi mpamvu Wycliffe azwi nk' "Inyenyeri yo muruturuturu y'ubugorozi". Mu mwaka wa 1382 nibwo yarangije gusemura Bibiliya ayishyira mu rurimi rw'icyongereza. Mu kuri, yasubijeho ameza y'imitsima maze ashyira Ibyanditswe Byera mu biganza by'abantu. Ijambo ry'Imana kuko ryari rimaze kuboneka, inzira yari imaze guharurwa kugira ngo igaragaze amakosa yose yakorwagwa n'ubutegetsi bw'ubupapa. Ingaruka yavuye muri ibyo ni uko aba Lollards baje gucibwa na Kiriziya Gatolika.

**Hagati y'imyaka 1400 -1500: Igicaniro cy'Ibitambo cyasubijweho**

Martin Luther yavutse mu mwaka wa 1483. Yari umupadiri, ndetse akaba n'umwigisha w'iyobokamana muri kiriziya gatulika. Amaze gucukumbura ukuri ko "umukiranutsi azabeshwaho no kwizera" (Habakuki 2:4), Luther yahakanye inyigisho y'indulugensiya maze ashimangira ko igitambo cya Kristo cyonyine kirahagije kuko ababarira kandi agakuraho n'ibihano. Mu mwaka wa 1517, Luther yamanitse amahame 95 ku rugi rwa kiriziya yitwa "Saints' church" iri ahitwa Wittenberg, mu Budage, ari yo mahame yahakanaga indulugensiya. Ibi nibyo byatangije ubugorozi bw'ubuporotestanti. Mu rwego rugaragara Luther mu buryo bwuzuye yasubijeho ukuri kwigishijwe ku birebanye n'igicaniro cy'ibitambo. Abamukurikiye bari bazwi nk'abaluterani. Abo nabo, bararenganyijwe kuko bishingikirije kuri Bibiliya maze banacibwa na Kiriziya gatulika ya Roma.

**Ahagana mu 1500: Igicaniro cy'Imibavu cyasubijweho**

John Calvin wavutse mu 1509. Yari umuyobozi w'ubugorozi bw'abaprotestanti mu busuwisi. Amatorero y'abagorozi n'abapresibiteriyani bose bashingiye ku bugorozi bwe. Kandi yanagize ijambo rikomeye mu nyigisho z'abangilikani. Mu mwaka wa 1536, Calvin yanditse inyandiko yitwa *Institutes of Christian Religion/Amabwiriza y'iyobokamana rya Gikristo* muri yo yashimangiye cyane akamaro ko gusenga nk'amahirwe ndetse ko ari inshingano ya buri

muntu yo kuvugana n'Imana. Mu kuri yasubijeho igicaniro cy'imibavu maze aba ateye intambwe yegera ku iherezo ryo gusubizaho ubuturo bwera bwose. Ibyo byatumye Abapresibiteriyani nabo bafatwa nk'ibicibwa.

**1600: Igikarabiro cyasubijweho**

John Smyth wa Amsterdam (1570-1612) na Roger Williams wo muri Amerika (1603-1683) bafatwa nk'abashinze itorero ry'ababatista. Bose bashimangiye akamaro k'umubatizo wo kwibiza mu mazi menshi, ko ari bwo buryo rukumbi bukwiriye bwo kubatiza. Kuberako inyigisho zabo zari zishingiye ku mubatizo, itorero ry'ababatista mu buryo bwuzuye ryasubijeho ukuri kwerekeranye n'igikarabiro, ari wo mu batizo wo kwibizwa. Nabo bafashwe nk'ibicibwa bidaturutse kuri Gatulika gusa, ahubwo no baluterani n'aba presibiteriyani.

**1700: Igitereko cy'amatabaza**

John Wesley (1703 - 1791) yari umuyobozi w'abangilikani akaba n'umwigisha w'iyobokamana washinze itorero ry'aba Metodiste. Yatangije gahunda yo kubwiririza hanze kandi ashimangira amaro ko kuvuga ubutumwa ndetse n'umurimo w'aba misiyoneri, ari wo murimo ushushanywa n'igitereko cy'amatabaza arindwi. Binyuze mu nyigisho ze, igitereko cy'amatabaza arindwi cyasubijweho mu buryo bwuzuye. Abametodiste, nabo, bararenganyijwe nk'ababanjirije kandi bafatwa nk'abayobye mu buryo bukomeye kimwe n'abandi baporotestanti bose bababanjirije.

**1844: Isanduku y'Isezerano**

Kimwe mu bigize ubuturo bwera cyari gisigaye gusubizwaho, ni isanduku y'isezerano. Mwibuke ko, muri iki gikoresho cy'ubuturo bwera ariho ubupapa "bwahinduriye' isabato bukayikura ku munsi wa karindwi (Samedi/Saturday) bukayishyira ku munsi wa mbere (Dimanche/Sunday).

Ese ni irihe torero Imana yazanye kugira ngo ryuzuze umurimo wo gusubizaho ubuturo bwera ku mwuzuro wabwo? Guhera ahagana mu mwaka wa 1820, abanyeshuri, abarimu, abigisha iyobokamana, abacuruzi bose babonekaga mu madini atandukanye (ababatista, abametodiste, abaperesibiteriyani, abangilikani, abagatulika, abaluterani), ndetse n'abandi bantu benshi bo mu bindi bihugu bose buri muntu ku giti cye kandi mu buryo bw'ibanga batangiye kwiga ubuhanuzi bwa Daniyeli, by'umwihariko ubuhanuzi bw'iminsi 2,300. Maze bose bagera ku mwanzuro wo kwitega ko hari ikintu kidasanzwe kigomba kubaho hagati y'umwaka wa 1843 na 1844. Abenshi bizeraga ko "kwezwa k'ubuturo bwera" byashushanyaga kugaruka kwa Yesu aje kweza iyi si.

Avuga ku buryo abantu bashishikajwe no kwiga ubuhanuzi bw'imyaka 2,300, Leroy Froom, mu nyandiko ye yise, *The Prophetic Faith of Our Fathers,* yaranditse ati:

"Nyuma yo gufungwa kwa Papa Piyo wa 6, mu mwaka wa 1798, kumpande zombie za "Atlantic" humvikanye gusohora kw'ubuhanuzi burangiza imyaka 1,260. Ubwo hari hasigaye igihe kigaragaza irangira ry'ubuhanuzi bwa Daniyeli 7 bwagombaga gusohozwa n'igihe cyo guca urubanza ku mperuka y'isi."

"Byatumye abantu bose batangira gushishikarira kwiga Daniyeli 7 ndetse na Daniyeli 8 n'ubuhanuzi bw'iminsi 2300. Mu busobanuro butandukanye butatangiwe gusa mu Bwongereza no mu Burayi, ahubwo bwanabonetse no muri Afrika ndetse, mu buhinde, ndetse cyane muri Amerika habonetse abanyeshuri b'ubuhanuzi, mu madini atandukanye ndetse no mu ndimi zitandukanye, bose bahuriza ku kuba iminsi cyangwa se imyaka 2,300 yagombaga kurangira ahagana mu mwaka wa 1843,1844, cyangwa se 1847, icyo batandukanyirizagaho gusa ni icyagombaga kubaho. Abantu ibihumbi mu Bwongereza gusa, tubwirwa ko, bose bakiriye ubu butumwa, ndetse no muri Amerika y'amajyaruguru naho niko bigishaga. Nta gihe na kimwe higeze kubaho uguhuza nk'uko kuva ubuhanuzi bwatangira gusobanurwa."

"*Mu mwaka wa 1836, abantu amagana b'abigisha iyobokamana ndetse n'ababwiriza muri Amerika y'amajyaruguru bose bahagurukiye rimwe, ndetse noneho barushaho gufatanyiriza hamwe barangururira hamwe amajwi yabo muri iyo si nshya (Amerika) bituma abantu bose bakanguka, nubwo umusaruro waje kuboneka wateje amakimbirane, nk'uko turi buze kubibona.'*[49]

Abenshi batekerezaga ko kweza ubuturo bwera bisobanuye kugaruka kwa Yesu, Ubwo Kristo atagarytse, habayeho gucika intege gukomeye. Ariko hari abongeye gusubiramo biga ubuhanuzi bw'iminsi ya gihanuzi 2,300 mu mwaka wa 1844 ngo basobanukirwe neza n'ubusobanuro bwo kwezwa kw'ubuturo bwera. Itsinda ry'abantu bake ryaje gusobanukirwa n'ubuturo bwera bwavuzwe ubwo ari bwo. Aba bashakashatsi mu buhanuzi baje gusobanukirwa ko ubuturo bwera atari isi, ahubwo ko ari ubuturo bwera bwo mu ijuru. Basobanukiwe by'imazeyo icyari cyarahinduwe mu mategeko y'Imana, n'ibiranga agahembe gato, ndetse n'umurimo ukenewe kugira ngo ubutumwa bwiza bwuzuye bw'ubuturo bwera bubwirwe isi yose. Ndetse bize uburyo Kristo yinjiye mu mugabane uheruka w'umurimo we nk'Umutambyi wacu Mukuru mbere yuko azava mu buturo bwera bwo mu ijuru kugira ngo agaruke mu bwiza maze acungure abantu Be abakure mu isi.

Iri tsinda ry'abantu bake niryo ryakomeje rivukamo itorero mpuzamahanga ryagutse vuba cyane mu gihe kigufi kurusha ayandi madini yose yo mu isi ari ryo torero ry'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi. Muri ikigihe, Satani arigukora ibyo ashoboye byose kugira ngo iri torero arisige ishusho mbi agoreka umucyo ritwaye. Kandi ibyo ntibitangaje!

*Iherezo ry'ishusho ya 6*.

49 Leroy Froom, *The Prophetic Faith of Our Fathers*, Vol. 4, p. 208.

Ishusho ya 7:

# Itangira ry'urubanza

Ese waba warigeze wandikirwa "ticket" kubwo kurenza umuvuduko maze ukabwirwa ngo, "nuramuka uvuganye n'umucamanza, ushobora kugabanyirizwa ku yo wandikiwe cyangwa se ugasonerwa"? Abantu benshi bahuza umucamanza no guhana. Ariko nanone abacamanza bashobora no kuyobora mu nzira zikurengera! Muri aka gace k'iyi filimi, turaza kureberahamwe ibyabaye ubwo umuhanuzi burebure muri Bibiliya bwarangiraga. Mwibuke ubwo Marayika muri Daniyeli 8 yabazaga ati, "iri yerekwa rizageza ryari?" undi mu marayika yaramusubije ati, "bizageza iminsi ibihumbi bibiri na magana atatu uko bukeye bukira, nyuma ubuturo bwera buzabone kwezwa" (Daniyeli 8:14).

Mu mitekerereze y'abaheburayo, interuro "nyuma ubuturo bwera buzabone kwezwa" nta gushidikanya ku ishusho y'umunsi udasanzwe wizihizwaga mu migenzo y'abayuda witwaga Umunsi w'Impongano, cyangwa se Yom Kippur. Wafatagwa nk'umunsi wo guca urubanza.

> "*Yom Kippur ni umunsi wa cumi w'ukwezi kwa Tishireyi kandi nanone wafatwaga nk'isabato y'amasabato. dushingiye ku muco w'abayuda, Imana yandikaga mu gitabo buri kintu cyakozwe na buri muntu, mu gitabo cy'ubugingo, igihe cya "Rosh Hashanah", maze bagategereza umwaka utaha ko Yom Kippur igera kugira ngo ifatanyishe ikimenyetso uwihannye by'ukuri. Mu minsi yo gutegerezanya ubwoba, umuyahudi yabaga yigenzura mu mico ye kugira ngo ashake imbabazi z'ibibi yakoze yaba ku Mana cyangwa se bagenzi be. Ijoro n'amanywa by'umunsi wa Yom Kippur byabaga byihariye kugirango abantu bicuze ibyaha yaba mu ruhame cyangwa mu bwiherero. Iyo Yom Kippur yarangiraga, umuntu yizeraga ko yababariwe n'Imana.*"[50]

Uyu munsi washushanyaga umunsi uheruka w'urubanza rw'Imana ku bwoko bwa Isirayeli buri mwaka. Ariko kandi uwo munsi washushanyaga ukundi kuri guhebuje ko igihe kizagera ubwo Imana izaca urubanza ruheruka ku nyokomuntu yose mbere y'uko imperuka iba. Daniyeli yanditse iby'iki gihe mu gitabo cye cy'ubuhanuzi. Nyuma yo kwandika mu gice cya 7 ku bwami bune (Babuloni, Abamedi n'Abaperesi, Abagiriki, na Roma) n'agahembe gato ariko kiriziya gatulika (mu buyobozi bwayo bw'imyaka 1,260), Daniyeli yahise yandika aya magambo ati:

> "*Nkomeza kwitegereza kugeza aho bashyiriyeho intebe z'ubwami, haza Umukuru nyir'ibihe byose aricara. Imyambaro ye yeraga nka shelegi, kandi umusatsi we wasaga n'ubwoya bw'intama bwera. Intebe y'ubwami bwe yasaga n'ibirimi by'umuriro, kandi inziga zayo zasaga n'umuriro ugurumana. Imbere ye hatembaga umuriro, uduhumbagiza baramukoreraga kandi inzovu incuro inzovu bari bamuhagaze imbere. Imanza zirashingwa, ibitabo birabumburwa*" (Daniyeli 7:9,10).

Daniyeli yatubwiraga ko igihe runaka nyuma y'umwaka wa 1798, ari ryo herezo ry'imyaka 1,260 y'ubuhanuzi, igihe cy'urubanza ruheruka kizatangira. Mu gice gikurikiraho cya 8, haratubwira neza igihe urwo rubanza rwagombaga gutangirira, nyuma y'imyaka 2,300. Daniyeli 9 noneho hakatwereka aho guhera ubara, ku itegeko rya Aritazeruzi wa mbere ryo kubaka no gusana Yerusalemu, ari ryo ryatanzwe mu mwaka wa 457 B.K. Uhereye mu mwaka wa 457 B.K ugateranyaho imyaka 2,300, ugera mu mwaka wa 1844 N.K; uyu ni wo mwaka watangiriyemo urubanza rw'Imana ruheruka.

Ukuri kw'ubuturo bwera (igishushanyo mbonera) kwose kwagombaga gusubizwaho mu mwuzuro muri iki gihe. Ushingiye kuri Daniyeli 7 urubanza rwagombaga gutangirira mu ijuru: "ibitabo birabumburwa" (umurongo wa 10). Kandi nanone haduhishurira Imana Data yicaye ku ntebe y'ubwami Igoswe n'abamarayika ibihumbi. Ibi bitabo bibumbuye birimo amazina y'abacunguwe. Murebe uburyo isezerano rishya ribitangaho umucyo uhagije: "Muri rwo ntihanzijiramo ikintu gihumanya cyangwa ukora ibizira akabeshya, keretse abanditswe mu gitabo cy'ubugingo cy'Umwana w'Intama" (Ibyahishuwe 21:27).

Igihe urubanza ruheruka rwatangiraga mu mwaka wa 1844, ntabwo byari ku bw'inyungu z'umuntu, nta n'ubwo zari iz'Imana. Byari kubw'inyungu z'abamarayika. Abamarayika, kimwe n'abantu, ntabwo bashobora gusoma imitima; Imana yonyine ni yo ibishoboye. Ibitabo bibumbuwe byemerera abamarayika kubona impamvu abatoranyijwe ari bo bakwiriye koko kwinjira mu ijuru. Muri icyo gitabo kandi gihishura ko hari abo dukeka ko bazimiye by'itekaryose bazabona ubugingo buhoraho. Bashobora kuba barabaye nk'igisambo ku musaraba, aho ku iherezo ry'ubuzima bwacyo, cyarasenze kiti "Mwami, mbabarira kandi uzanyibuke" (Reba Luka 23:42).

Igihe uru rubanza ruzaba rwarangiye kandi n'abamarayika bakaba bamaze kugenzura rwose ko Imana ica urubanza rutabera, ubwo Yesu nibwo azaza kugira ngo ajyane abanditswe mu gitabo cy'ubugingo. Mu yandi magambo, uru rubanza rugendanye no kwemeza kw'abamarayika batacumuye n'abantu bacunguwe bose bazerekwa neza ibyo Sanati, abamarayika be ndetse n'abantu bose banze inama y'agakiza. Kuri iyi ntebe y'ubucamanza hazicara Adamu, Eva, Abeli, Seti, Aburahamu, Isaka, Yakobo, Mosse, ndetse na buri mugabo n'umugore wese na buri mwana wese wigeze kubaho agatungana. Aba bantu bazaba baratanze ubuhamya ko bababariwe kandi bagacungurwa n'amaraso ya Yesu Kristo.

Ariko ibyo si byo gusa bisobanura umunsi w'impongano. Ushingiye ku Balewi 16, kuri uwo munsi, umutambyi mukuru yagombaga kweza ubuturo bwera ndetse n'abantu bagakurwaho ibyaha byababagaragayeho muri uwo mwaka (reba umurongo wa 16, 19, 30). Uburyo ubuturo bwera bwezwaga ni kimwe n'uburyo tubigenza mu ngo zacu. Twoza ingo zacu maze tugashyira imyanda hanze kugira ngo inzu zacu zisigare zitarimo umwanda. Ariko mu kuri umwanda uba ugihari. Hari umunsi ugera maze tugatwara uwo mwanda wose kumuhanda.

Kubera iki? Kubera ko imodoka itwara umwanda izaza ku munsi runaka wihariye mu cyumweru maze itware wa mwanda wose ahawugenewe. Icyo gihe nibwo wibagirwa uwo mwanda. Mbere y'uko ibi bikorwa niyo inzu zacu zaba zisukuye ariko umwanda ukirunze ahantu murugo, iyo myanda iba ikiri mu bitekerezo byacu. Ariko iyo yamaze kujyanwa, ntabwo twongera guterwa impungenge n'umwanda.

Uku ni ko ubuturo bwera bwakoraga. Igihe umuntu yacumuraga, baturiraga ibyaha byabo ku mutwe w'inyamaswa nzima (Abalewi 1:4). Ku bw'iki gikorwa ibyaha byakuragwa ku muntu maze bikajya ku gitambo. Maze iyo nyamaswa akaba ari yo yicwa, bishushanya ko ukiranuka apfuye mu cyimbo cy'umunyabyaha. Ibyaha byababaga byashizwe ku nyamaswa noneho byarakomezaga bigashyirwa mu buturo bwera kubw'igikorwa cyo gushyira amaraso y'iyo nyamaswa ku gicaniro cyo mu buturo bwera (Abalewi 4:7).

Iki gihe ubuturo bwera bwose bwababaga bwandujwe n'ugukiranirwa kw'abana ba Isirayeli (Abalewi 16:16). Nubwo umunyabyaha yabaga yatsindishirijwe kandi yabohowe, umwanda cyangwase icyaha cyabaga kikiri aho. Uku "gukiranirwa" kwagumaga mu buturo bwera, gutegereje umunsi udasanzwe ubwo ibyaha byose byakusanyijwe mu mwaka bizakurwamo. Icyo gihe gusa ni bwo abantu bamenyaga ko ibyaha byabo byakuweho burundu, maze ntibizabagaruke mu bitekerezo ukundi. Ibi byabagaho rimwe mu mwaka, buri mwaka.

Ni muri ubwo buryo, igitambo cya Kristo ku musaraba cyaduhaye uburenganzira ku mbabazi z'ibyaha (Abakolosayi 1:14), ariko ukuri ni uko ibi byaha bikomeza kugaruka mu bitekerezo. Turacyagwa kandi rimwe na rimwe tugasubira mu byaha. Ariko igihe kizaza ubwo igikorwa cyo kweza burundu kizatangira, ari cyo cyashushanyagwa n'umunsi w'impongano. Uyu munsi w'impongano w'igishushanyo (kugira icyo ushushanya bisobanuye ishusho cyangwa se icyitegererezo) ku isi washushanyaga undi munsi w'impongano nyakuri wo mu ijuru. Mu buturo bwera bwo mu ijuru, hari igitabo cyanditse mo ibyiza n' ibibi twakoze, muri icyo gihe cya gihanuzi, bizatangira kwezwa. Mu yandi magambo, ugukurwaho ibyaha guheruka ku bakiranutsi byagombaga gutanira mu mwaka wa 1844. "Nuko mwihane muhindukire, ibyaha byanyu bihanagurwe ngo iminsi yo guhemburwa ibone uko iza ituruka ku Mwami Imana" (Ibyakozwe n'Intumwa 3:20).

*Uku gukurwaho ibyaha burundu nibyo kwezwa kw'ubuturo bwera. Kuri uyu munsi gusa, umutambyi mukuru yinjiraga Ahera Cyane maze agatangira gukora uyu murimo wasozaga umwaka. Byari nko kugenzura mu bitabo mu gusoza umwaka. Ni ko, Kristo Umutambyi wacu Mukuru yinjiye mu murimo we w'Ahera cyane mu mwaka1844.*[51]

Ikintu giheruka ibindi umumtabyi mukuru yakoraga ku munsi w'impongano mu buryo bw'ibishushanyo cyari ugukura ibyaha mu buturo bwera ndetse no ku bantu. Ibyaha byose byaba biri mu buturo bwera yabishyiraga ku mutwe w'ihene yo kwoherwa ayishyizeho ibiganza (Abalewi 16:19-22). Iyi hene yo kwoherwa yahitaga ijyanwa ahantu hadatuwe kugira ngo yikorere ibyaha by'abantu.

Ni ko, igihe kizagera ubwo Yesu azahaguruka ahera cyane, ave mubuturo bwera bwo mu ijuru aze ku isi. Azafata ibyaha byose Satani yakoresheje abantu b'Imana, maze byose abishyire ku mutwe wa Satani, ngo we nkomoko yabyo abihanirwe mu gihano cyo gutwikirwa ikizimu. Ni yo mpamvu Bibiliya ivuga ngo:

> "Mbona marayika amanuka ava mu ijuru afite urufunguzo rufungura ikuzimu, afite n'umunyururu munini mu ntoki ze. Afata cya kiyoka, ari cyo ya nzoka ya kera, ari yo Mwanzi na Satani, akibohera kugira ngo kimare imyaka igihumbi, akijugunya ikuzimu arahakinga, ashyiriraho ikimenyetso gifatanya, kugira ngo kitongera kuyobya amahanga kugeza aho iyo myaka igihumbi izashirira, icyakora nishira gikwiriyie kubohorerwa kugira ngo kimare igihe gito" (Ibyahishuwe 20:1-3).

Ibi bizabaho Kristo agarutse. Interuro ngo "akibohera" risobanura ngo "agishyiraho ibiganza". Mu yandi magambo, ubwo ibiganza bizashyirwa kuri Satani, ibyaha byose bizahita bimushyirwaho nk'ihene yo kwoherwa kandi azaboheshwa umunyururu maze ashyirwe ahantu hatari abantu. Ubuhanuzi bw'imyaka 2,300 n'urubanza ruheruka ni inkuru mbi kuri Satani n'abamarayika be.

Dusubiye mu mwaka wa 1844, ese ni gute ubutumwa bw'igishushanyo mbonera cy'ubuturo bwera bwabwirwa abatuye isi?

*Iherezo ry'ishusho ya 7.*

50 http://en.wikipedia.org/wiki/Day_of_Atonement (accessed January 31, 2013).
51 twibuke ko ahagana mu mwaka wa 1844, ababatista benshi, abametodiste, n'abo mu yandi madini bibeshye ko ubu buhanuzi busobanuye ko Kristo aribwo azagaruka kweza isi. Nyuma y'icyo gihe baje gucika intege cyane ariko baje kuvumbura ko kwezwa kw'ubuturo bwera bidasobanuye kwezwa kw'iyi si ahubwo kwari ukwezwa kw'ubuturo bwera bwo mu ijuru. Muri iyo myizerere ni ho hakomotse itorero ry'Abadiventiste b'umunsi wa karindwi.

Ishusho ya 8:

## Ubutumwa bw'Abamarayika Batatu

Uburyo bwo gutambutsamo ubutumwa bwagiye buhinduka cyane mu gihe cy'imyaka igihumbi ishize. Mu buryo abantu bahanahana amakuru bwagiye buhinduka cyane kuva ku nyandiko zicapwe, telefoni, fibure opitike, ndetse n'ubutumwa bw'akanya gato nka "SMS". Imbuga nkoranyambaga zahuje abantu benshi cyane kuburyo ubutumwa bushobora kugera ku bantu benshi mu gihe gito. Ariko se ni ubuhe butumwa bw'ingenzi buri muri iri tumanaho? Birashoboka ko atari bwinshi.

Imana, ku rundi ruhande, yatanze ubutumwa bwihariye bureba isi yacu, ni umuzingo uvugwa ko uzanywe n'abamarayika batatu bazengurutse isi. Ese bwaba ubu butumwa mvajuru bufite aho buhuriye "n'igishushanyo mbonera"?

Ubuhanuzi bw'iminsi 2300 bwasohoye mu mwaka wa 1844, ubutumwa buheruka bwagombaga kubwirwa isi yose. Iki cyari igihe cyo gusubizwaho kw'ukuri k'ubuturo bwera, ari bwo gishushanyo mbonera cy'Imana. Iki cyari igihe gitangira urubanza ruheruka rw'Imana. Niba urubanza rwo mu gihe cya Nowa rwaratwaye imyaka 120 hariho abantu bake ku isi kandi bose baravugaga ururimi rumwe (Itangiriro 6:3), urubanza rwo mu minsi y'imperuka rwo rugomba kugota buri mukiranutsi wo mu gisekuru cyose cyabayeho kandi ubutumwa bugomba kubwirwa iyi si yuzuye abantu bavuga indimi zitandukanye birumvikana ko rwo rugomba gufata igihe kirenzeho. Intumwa Yohana, wanditse igitabo cy'Ibyahishuwe, yarabyeretswe. Yabonye abamarayika baguruka baringanije ijuru bafite ubutumwa butatu buheruka ngo babubwire "amahanga yose, amoko yose, indimi zose, n'imiryango yose" (Ibyahishuwe 14:6). Ubutumwa bwa mbere muri ubu bwitwa "ubutumwa bwiza bw'iteka ryose". Nyuma yo gutanga ubu butumwa butatu, reba ikizakurikiraho:

> "*Mbona igicu cyera, no ku gicu mbona Uwicayeho usa n'Umwana w'Umuntu, wambaye ikamba ry'izahabu ku mutwe kandi afite umuhoro utyaye mu ntoki ze. Marayika wundi ava mu rusengero arangurura ijwi rirenga, abwira uwicaye kuri icyo gicu ati 'Ahuramo umuhoro wawe, usarure kuko isarura risohoye, kandi ibisarurwa byo mu isi byeze cyane.' Nuko uwicaye ku gicu yahura umuhoro we mu isi, isi irasarurwa. Marayika wundi ava muri rwa rusengero rwo mu ijuru, na we afite umuhoro utyaye. Hakurikiraho undi uvuye mu gicaniro ari we mutware w'umuriro, arangurura ijwi abwira wa marayika wundi ufite umuhoro utyaye ati 'Ahura umuhoro wawe utyaye, uce amaseri yo ku muzabibu w'isi kuko inzabibu zawo zinetse' nuko marayika yahura umuhoro we mu isi, aca imbuto z'umuzabibu w'isi azijugunya mu muvure munini w'umujinya w'Imana. Uwo muvure wengesherezwamo ibirenge inyuma yawa mudugudu, uvamo amaraso agera ku*

*mikoba yo ku majosi y'amafarashi, ageza sitadiyo igihumbi na Magana atandatu.*" (Ibyahishuwe 14:14-20).

Biragaragara ko ubu butumwa buheruka bw'igihe cy'urubanza buhamagarira abantu kwakira ubutumwa bwiza buheruka. Igihe "ubu butumwa bwiza" (ubutumwa bwiza bwasubijweho ku iherezo ry'iminsi 2300) ni bumara kugera mu isi yose, nibwo imperuka izaherako ize. Igihe Yesu azahura umuhoro we maze agasarura iyi si, azajyana abera be mu ijuru aho bazahabwa ubucamanza, maze batangire inshingano yabo yo guca imanza mu gihe cy'imyaka 1,000 (Reba 1 Abakorinto 6:1-3). Mu gihe uru rubanza ruzaba rurangiye, ibyaha Satani azaba yarakoresheje abantu byose, bizashyirwa ku mutwe we kandi azababazwa n'umuriro n'amazuku. Iki gihe turaza kukigarukaho. Ubu, reka turebe twitonze ubu butumwa bw'abamarayika batatu.

**Ubutumwa bwa Marayika wa mbere**

"*Nuko mbona Marayika wundi aguruka aringanije ijuru, afite ubutumwa bwiza bw'iteka ryose ngo abubwire abari mu isi bo mu mahanga yose n'imiryango yose n'indimi zose n'amoko yose. Avuga ijwi rirenga ati, Nimwubahe Imana muyihimbaze, kuko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye, muramye Iyaremye ijuru n'isi n'inyanja n'amasoko*" (Ibyahishuwe 14:6,7).

Ushobora ahari gusobanukirwa n'impamvu ki Satani azagerageza kubuza, kurwanya cyangwa se gucecekesha ubutumwa bw'abamarayika batatu ndetse n'ababuvuga ku isi. Ubutumwa bwa marayika wa mbere bwatangiye kuvugwana imbaraga nyuma y'umwaka wa 1844. Abantu baturutse mu madini atandukanye bibumbiye hamwe kugira ngo babe itsinda rimwe maze batangaze ubutumwa bumwe buvuga ngo: "mwubahe Imana." Ijambo "mwubahe" ntabwo rishatse gusobanura ngo "mutinye" Imana, ahubwo ni "kugandukira" Imana. Ni uguha Imana Icyubahiro. Kubera iki? Kuko igihe cyo gucira abantu urubanza cyasohoye. Mu magambo yoroheje, ubu butumwa bwahamagariraga abantu kongera kwubaha amategeko y'Imana yakuweho kugira ngo batagerwaho n'urubanza.

"*ariko kandi mwana wanjye uhuguke. Kwandika ibitabo byinshi ntibigira iherezo, kandi kwiga cyane binaniza umubiri. Iyi ni yo ndunduro y'ijambo, byose byarumviswe. Wubahe Imana kandi ukomeze amategeko yayo, kuko ibyo ari byo bikwiriye umuntu wese. Kuko Imana izazana umurimo wose mu manza, n'igihishwe cyose ari icyiza cyangwa ikibi*" (Umubwiriza 12:12-14).

Ubu butumwa, bumeze nk'ubutumwa bwa Nowa abwira abo mu gihe cye, buraha buri muntu wese inzira yo guhungiramo umuriro ugiye kuzaza kandi bukamurarikira kwinjira mu nkuge, ariko iki gihe cyo ni uguhungira mu isanduku y'isezerano, ariyo irimo amategeko y'Imana. Abahakanamana n'abakristo b'ibinyoma bose batumye abantu bakura ibitekerezo byabo ku Mana. Ubutumwa bwa marayika wa mbere bwahamagariye abantu ku kugaruka ku kuramya Imana y'ukuri. Cyari ikibwiriza cyo gukangurira abantu kubaha amategeko, kandi cyari

kingendereye by'umwihariko ku itegeko ry'isabato y'umunsi wa karindwi, yahinduwe n'agahembe gato ndetse ikanahindurwa ubusa n'abahakanama n'abemera ihindagurika. Muri ubu butumwa harimo guhamagarira abantu ku "kuramya Iyaremye ijuru n'isi, n'inyanja n'amasoko" (Ibyahishuwe 14:7). Iri ni nk'aho ari ijambo ku ijambo ryakomowe mu itegeko rya kane rivuga ngo,

> "*Wibuke kweza umunsi w'isabato. Mu minsi itandatu ujye ukora, abe ari yo ukoreramo imirimo yawe yose, ariko uwa karindwi ni wo sabato y'Uwiteka Imana yawe. Ntukagire umurimo wose uwukoraho, wowe ubwawe, cyangwa umuhungu wawe cyangwa umukobwa wawe, cyangwa umugaragaru wawe cyangwa umuja wawe, cyangwa itungo ryawe cyangwa umunyamahanga wawe uri iwanyu, kuko mu minsi itandatu ari yo* ***Uwiteka yaremeyemo ijuru n'isi n'inyanja n'ibirmo byose****, akaruhukira ku wa karindwi. Ni cyo cyatumye Uwiteka aha umugisha umunsi w'isabato, akaweza*" (Kuva 20:8-11).

Ese byaba byarapfuye guhurirana n'inyandiko ya Darwin yasohotse nayo mu mwaka wa 1844, ari wo mwaka hatangiragamo itorero ryagombaga gusubizaho isabato y'ukuri y'Imana? Birakomeye! Ubutumwa bwa marayika wa mbere, igihe runaka, bwagombaga kuzagera kuri buri muntu wese uri ku isi. Ubwo, nibwo buri wese azafata icyemezo cyaba icyo kuba muruhande rw'Imana cyangwa ku ruhakana, ni bwo Yesu azahera ko akagaruka. Kutanyeganyezwa kw'ubuhanuzi bwa Daniyeli n'Ibyahishuwe kwatumye abapfobya ijambo ry'Imana n'abahakanama benshi ku isi bongera umurava. Muri icyo gihe, ukuri kw'amategeko y'Imana kwafunguye amaso y'abakristo bajijishijwe kubera kutumva ubutumwa bwiza. Ubutumwa bukubiye mu gishushanyo mbonera (ubututo bwera) bw'ubuhanuzi bw'iminsi 2300 bwavuguruje abahakanama, ubukristo bw'ibinyoma, n'andi madini yose yayobye yarimbuye imico y'Imana n'ubuturo bwa Yo bwera.

### Ubutumwa bwa Marayika wa kabiri

Ubutumwa bwa marayika wa mbere ni ubuhamagarira abantu kuramya Imana y'ukuri. Ubutumwa bwa marayika wa kabiri ni ubuhamagarira abantu kuva mu madini y'ibinyoma. "Marayika wundi wa kabiri akurikiraho ati "Iraguye, iraguye! Babuloni wa mudugudu ukomeye, wateretse amahanga yose inzoga ari zo ruba ry'ubusambanyi bwawo" (Ibyahishuwe 14:8). Babuloni ishushanya imyizerere y'ibinyoma. Ibyahishuwe 17 hagaragaza ubusobanuro burambuye kuri Babuloni iti:

> "*Haza umwe wo muri ba bamarayika barindwi bari bafite za nzabya ndwi arambwira ati 'ngwino nkwereke iteka maraya ukomeye azacirwaho yicara ku mazi menshi. Ni we abami bo mu isi basambanaga na we, abari mu isi bagasinda inzoga ari zo busambanyi bwe.' Anjyana mu butayu ndi mu Mwuka, mbona umugore yicaye ku nyamaswa itukura yuzuye amazina yo gutuka Imana, ifite imitwe irindwi n'amahembe cumi. Uwo mugore yari yambaye umwenda w'umuhengeri n'uw'umuhemba. Yari arimbishijwe n'izahabu n'amabuye y'igiciro cyinshi n'imaragarita, mu ntoki ze yari afite igikombe cy'izahabu*

*cyuzuye ibizira n'imyanda y'ubusambanyi bwe. Mu ruhanga rwe afite izina ry'amayoberane ryanditswe* ngo ***BABULONI IKOMEYE, NYINA W'ABAMARAYA, KANDI NYINA W'IBIZIRA BYO MU ISI****. Mbona ko uwo mugore asinze amaraso y'abera n'amaraso y'abahowe Yesu*" (Ibyahishuwe 17:1-6).

Umugore mu buhanuzi bwa Bibiliya ashushanya itorero (Reba Yeremiya 6:2 na 2 Abakorinto 11:2). Umugore uri muri iri somo ashushanya itorero ryatumye amahanga asinda inzoga kandi rifite ubutware ku bami bo mu isi. Ni itorero rifite icyitiriro "nyina". Kuko ni nyina w'abakobwa ba maraya bamukurikije mu gukora ibidakwiriye. Ese ni iki gituma itorero ryitwa maraya? Kiroroshye, maraya ni utumvira isezerano ryakozwe hagati y'umugore n'umugabo. Kandi ni byo, Kristo n'umugeni we (itorero) bafitanye amasezerano.

**Isezerano Rishya**

Isezerano n'ikigenderwaho n'impande zombi. Uku ni ko Bibiliya ivuga iby'iyo ndahiro. "iri ni ryo sezerano nzasezerana nabo, Hanyuma y'iyo minsi, ni ko Uwiteka avuga, Nzashyira amategeko yanjye mu mitima yabo, kandi mu bwenge bwabo ni ho nzayandika" (Abaheburayo 10:16). Niba itorero rivuga ko ari umugeni wa Kristo, ariko rikaba ritaguma mu masezerano, ubwo rihinduka maraya. Ese ni nde wujuje ibivugwa kuri nyina w'abamaraya? Ni itorero rimwe gusa: ni itorero rya Gatulika, ariko gahembe gato kihamiriza ko ari "Umubyeyi Utunganye" w'andi matorero yose. Abo bakobwa rero bashushanya amatorero yose yakurikiye ubuyobozi bwa Gatulika mu kutumvira amategeko y'Imana. Gaturika yateretse amahanga vino, kandi iyo vino yatumye basinda maze bagata ubwenge bw'iby'umwuka.

Igitabo cy'imigani kirimo uyu mucyo w'umuburo umurikira ubutumwa bwa marayika wa kabiri. Wite cyane kuri iri somo aho rihurira n'amategeko:

"*Ntugahe abagore intege zawe n'ubugingo bwawe, kuko ari cyo kigusha abami. Ntibikwiriye abami, Lemuweli we, Abami ntibakwiriye kunywa vino, cyangwa ibikomangoma kubaririza ibisindisha aho biri. Be kunywa bakibagirwa ibyategetswe, bakagoreka imanza z'abarengana*" (Imigani 31:3-5).

Mu gukoresha izina Yesu, Babuloni n'abakobwa bayo bigisha ko ntacyo bitwaye kwibagirwa ikintu cy'ingenzi Imana yavuze ngo "wibuke", atari ukwibuka amategeko y'Imana muri rusange, ahubwo by'umwihariko kwibuka Isabato. Ni uko bihagaze muri iyi filimi iheruka amateka y'isi. Mu buryo butangaje, byitwa uburenganzira bw'amadini, mu kuba bigisha ko amategeko y'Imana by'umwihariko Isabato, ko yakuweho cyangwa se ko abakristo batagikeneye kuyubahiriza, bajyakure yaho bakavugako isi irushaho kuba mbi kuberako amategeko y'Imana atubahirizwa! Kandi ayo mategeko bita ay'Imana ni ay'umuntu bahisemo. Babyirengagiza mu mitima yabo, bakabyihutishiriza mu nkiko! Ntabwo babibona ko guhindura imitima bitari mu nshingano z'urukiko, ahubwo ko ari umurimo wa Mwuka Wera. Kuva mu mwaka wa 1960, uburenganzira bw'amadini muri Leta Zunze Ubumwe bwagiye busaba ko ("igihugu kigomba

gusubira mu mahame y'Imana") mu gihe mu rundi ruhande abandi basaba ko habaho umudendezo w'ubwigenge rusange ukomoka mu mpinduramatwara y'abafaransa.

Nk'uko turi buze kubibona mukanya, ushingiye ku buhanuzi bwa Bibiliya, Amerika ya giporotestanti izasubirana ubuyobozi maze *igerageze guhatira abantu uburyo basenga* muri Amerika, ndetse n'ahandi hose ku isi, nk'uko Kiriziya ya Gatolika yigeze kubikora mu gihe cy'imyaka y'umwijima. Mu kuri, Abagatulika n'Abaporotestanti ("Umubyeyi n'Abakobwa") bamaze kwihuriza hamwe kugira ngo uyu mugambi bazawusohoreze mu itegeko ryo gutuma Amerika ihinduka iya Gikristo by'itegeko. Babuloni n'abakobwa bayo bazagerageza guhatira abantu bose kunywa vino yayo isindisha.

Iyo ukoze ubushashatsi ku mbuga za interineti ku ijambo ryitwa "Dominionism[52] / kwigarurira ubutware" cyangwa se ijambo ryitwa "Reconstructionism / kwongera kwubaka", baguha ishusho iteye ubwoba y'ubukristo bw'iki gihe bwizera ko imbaraga za politiki ari inzira y'Ubukristo kugira ngo bwongere bwigarurire Amerika buyegurire Yesu. Iyobokamana ry'ubutware rivuga ko Kristo azayobora isi mu gihe Abakristo bazaba bagamugandukiye mu rwego rwa politiki. "Dominion theology/ inyigisho z'iyobokamana zo kwigaturira ubutware" zivugako Kristo azayobora isi ubwo abakistu bazaba bamaze kuyigarurira mu rwego rwa politike. Uburenganzira bw'amadiki bushingiye kuri iyi nyigisho, akaba ari nayo mpamvu hakomeje kuvugwa ko igihugu cya Amerika gikwiriye gusubira mu kumvira Imana, ndetse no kongera kubaka umurongo ngenderwaho mugari wasenyuse ndetse ushingiye mu kunaniza no guhana abatumvira amategeko icumi. Iri hame rishingiye mu kumva nabi ingoma y'Imana mu isezerano rya kera.

Ubutumwa bwa marayika wa kabiri ni umuhamagaro ubwira abantu b'Imana gusohoka muri Babuloni, gusohoka mu madini y'ibinyoma ari gushyira imbere ibyo mu isi bakabirutisha ukuri kw'ingoma yo mu ijuru. (bimeze kimwe n'uko abayuda bo mu gihe cya Kristo bashyize imbere igihugu cyabo bakakirutisha Imana). Ni umuhamagaro ubwira abantu kuva mu myizerere yose yigisha kandi yishyira mu mwanya wa Kristo (cyangwa se kumera nk'Imana) batumviye amategeko ya Yo. Ni umuhamagaro wo gusohoka mu madini yigisha ko amategeko y'Imana yakuweho cyangwa se ko isabato mu buryo runaka itakiri ngombwa. "Numva irindi jwi rivugira mu ijuru riti 'Bwoko bwanjye, nimuwusohokemo kugira ngo mwe gufatanya n'ibyaha byawo, mwe guhabwa no ku byago byawo'" (Ibyahishuwe 18:4).

Miliyoni y'Abakristo b'indahemuka ariko bayobejwe, ariko Imana igihamagara ngo "Bwoko bwanjye", barikunywa vino ya Babuloni. Abenshi bazumva ubutumwa bwa marayika wa mbere n'ubwa marayika wa kabiri maze bemerere uwo muhamagaro w'uko bagomba gusohoka muri Babuloni. Gusobanukirwa igishushanyo mbonera (ubuturo bwera), bazahuriza hamwe amajwi yabo kugira ngo nabo baburire abandi ku makosa ya Babuloni n'abakobwa bayo, n'ukuntu bagoreka imico y'Imana. Bazayobora abandi intambwe ku ntambwe binyuze mu gishushanyo mbonera cy'Imana kugeza ubwo bazagera ku ntebe y'ubuntu y'ubwami bw'Imana.

**Ubutumwa bwa Marayika wa gatatu**

Intumwa Yohana noneho agiye gukomeza asobanura ubutumwa bwa marayika wa gatatu ati:

> "*Marayika wundi wa gatatu akurikiraho avuga ijwi rirenga ati 'umuntu naramya ya nyamaswa n'igishushanyo cyacyo, agashyirwaho ikimenyetso cyayo mu ruhanga rwe cyangwa ku kiganza, uwo ni we uzanywa ku nzoga ari yo mujinya w'Imana, yiteguwe idafunguwemo amazi mu gacuma k'umujinya wayo. Kandi azababazwa n'umuriro n'amazuku imbere y'abamarayika bera, n'imbere y'Umwana w'Intama. Umwotsi wo kubabazwa kwabo ucumba iteka ryose, ntibaruhuka ku manywa na nijoro abaramya ya nyamaswa n'igishushanyo cyacyo, umuntu wese ushyirwaho ikimenyetso cy'izina ryayo'. Aho ni ho kwihangana kw'abera kuri, bitondera amategeko y'Imana bakagira kwizera nk'ukwa Yesu*" (Ibyahishuwe 14:9-12).

Ubutumwa bwa marayika wa gatatu ni umuburo uheruka uhabwa isi mbere y'uko Yesu agaruka. Butuburira kudafata ikimienyetso cy'inyamaswa. Turabizi ko muri Bibiliya ikimenyetso cy'inyamaswa ari ikinyuranya n'amategeko y'Imana mu buryo bwahuranyije. Mwitegereze uburyo umurongo wa 12 unyuranya aya matsinda yombi: ari ryo tsinda ry'abakira ikimenyetso cy'inyamaswa n'itsinda ry'abitondera amategeko y'Imana kandi bakagira guhamya kwa Yesu. Mu yandi magambo, umuntu wese witondera amategeko y'Imana azakira ikimenyetso cy'Imana ntabwo azakira ikimenyetso cy'inyamaswa. Iki kimenyetso cy'inyamaswa kigomba kuba ari ikintu kinyuranye n'amategeko y'Imana. Ikindi kandi mu Byahishuwe haratubwira ngo: "itera bose aboroheje n'abakomeye, n'abatunzi n'abakene, n'ab'umudendezo n'ab'imbata, gushyirwaho ikimenyetso ku kiganza cy'iburyo cyangwa mu ruhanga, kugira ngo hatagira umuntu wemererwa kugura cyangwa gutunda, keretse afite icyo kimenyetso cyangwa izina rya ya nyamaswa, cyangwa umubare w'izina ryayo" (Ibyahishuwe 13:16,17).

Iyo uhuje iri somo ryo hejuru n'iryo muri Daniyeli 7:25 ("azigira inama yo guhindura ibihe n'amategeko"), uhita ubona ikintu kidasanzwe. Satani azagerageza gushyiraho itegeko ry'icyikinyuranyo rirwanya itegeko runaka ry'Imana. Kandi iryo tegeko rizaba rishushanywa n'ikimenyetso kiri mu ruhanga cyangwa mu kiganza. Nta muntu uzemererwa kugura cyangwa kugurisha keretse yarakiriye iki kimenyetso. Iki kimenyetso kizagaragara nk'ikimenyetso cyerekana ko umuntu ari kumwe n'Imana by'ukuri koko cyangwa se ko atari kumwe nayo.

Kugirango tubashe gusobanukirwa mu buryo bwuzuye akamaro k'amategeko y'Imana muri iyi mirongo ya Bibiliya, reka dusubire inyuma akanya agato ku byabaye kuri Mose n'abakuru 70 muri Isirayeli igihe bari ku musozi Sinayi. Ese ibi byaba bihuriye he n'amategeko y'Imana? Reka dusome.

> "*Bareba Imana y'Abisirayeli: munsi y'ibirenge byayo hameze nk'amabuye ashashwe ya safiro ibonerana, ihwanye n'ijuru ryumupyemure ubwaryo… Uwiteka abwira Mose ati 'Zamuka uze aho ndi ku musozi ugumeyo, nanjye nzaguha ibisate by'amabuye biriho amategeko n'ibyategetswe nandikiye kubigisha'*" (Kuva 24:10,12).

Mose yabonye Imana ya Isirayeli, kandi musi y'ibirenge bya Yo hari hasennye nk'amabuye ya safiro; *ayo ni amabuye y'ubururu.* Ako kanya nyuma y'ibi, Mose yahise abwirwa kuzamuka umusozi aho Imana yamuhereye ibisate by'amabuye. Ese ni ayahe mabuye? Ni *amabuye y'ubururu!* Amategeko y'Imana yari yanditswe ku mabuye y'ubururu. Amategeko icumi, ubwo, yari amategeko y'ubururu y'Imana, ari yo yashyizwe mu isanduku y'isezerano mu buturo bwera, Muyandi magambo ni igice cy'igishushanyo mbonera cy'Imana!

Mbere y'uko twemeza ko ubururu bufite aho buhuriye n'ubu buturo bwera, reba uburyo Bibiliya ikoresha ubururu kugira ngo ibushushanyishe kwumvira amategeko y'Imana:

> "*Bwira Abisirayeli batere inshunda ku misozo y'imyenda yabo, bagumye kubikora mu bihe byabo byose, kandi badode ku nshunda zo ku musozo wose agashumi k'umukara wa kabayonga (ubururu). Izo nshunda muzambarire kugira ngo muzitegereze, mwibuke amategeko y'Uwiteka yose muyitondere, mwe gukurikiza kwifuza kw'imitima yanyu n'ukw'amaso yanyu, bikunda kubavusha mu isezerano*" (Kubara 15:38,39).

Ubururu ni ikimenetso cyo kumvira. Bibiliya iravuga ngo, "ntimuzi yuko uwo mwihaye kuba imbata zo kumwumvira, muri imbata z'uwo mwumvira uwo, imbata z'ibyaha *Bizana* urupfu, cyangwa izo kumvira Imana *kuzana* gukiranuka?" (Abaroma 6:16).

Niba Satani yari agiye gukura abantu ku mategeko y'Imana, ese ntibyumvikana ko yagombaga gushyiraho amategeko y'ibibimbano? Birumvikana, ko mu buryo bwo kuyobya, Satani yashyizeho amategeko ye nkunko bayita "blue law/amategeko y'ubururu" nkuko bamaze kuyashyiraho muri Amerka n'ahandi, kandi ayo mategeko abereyeho kurwanya amategeko y'ubururu y'Imana. Ijambo "amategeko y'ubururu" rikunda gukoreshwa cyane muri Leta Zunze Ubumwe[53] bisobanuye amategeko azabuza abantu kugura no kugurisha ku cyumeru(Sunday) kugira ngo uwo munsi wubahiriziwe nk'Isabato. Mu kuri, itegeko rya mbere ryo kweza umunsi w'icyumweru ryashyizweho mu gihe irenga cy'imyaka 1,600. Ryatangijwe na Constantine mu mwaka wa 321N.K.

> "Mureke abacamanza bose n'abantu bose bo mu mijyi ndetse n'abacuruzi bose baruhuke ku munsi weguriwe izuba (Dies Solis); ariko abandi bose bo mu byaro, bisanzure, bajye guhinga; kuko bigaragara ko nta wundi munsi bafite wo kubiba ibigori ndetse no gutera inzabibu; kugirango mugihe runaka cy'ingenzi baruhuke, kuko bitabaye botyo abantu bazabura imigisha ikomoka mu Ijuru."[54]

Kuva icyo gihe amategeko y'icyumweru yakomeje kugendana natwe, kandi yakomeje kuba umugabane ugize Amerika kuva yatangira. Abantu bamwe batekereza yuko bitashoboka ko itegeko ry'icyumweru ryahinduka agahato muri Amerika uyu munsi, ariko nk'uko igikorwa cy'ubwiyahuzi cyabaye ku itariki ya 11/09/2001, cyahinduye isi burundu, ni nako hari uruhererekanye rw'ibindi bikorwa nkibyo biri mugukorwa kugira ngo bibe imbarutso y'iryo tegeko. Ntabwo turi kure y'uko rishyirwaho. Twite kuri izi ngero zikurikira:

Urugaga rw'ubumwe bw'abanyaburayi mu kurengera icyumweru rwashinzwe mu kwezi kwa 6 mu mwaka wa 2012. Ihame ryo gushinga urwo rugaga rwabo riravuga ngo:

> "*Ntamurimo ukwiriye gukorwa ku cyumweru kuko ni amasaha y'ingenzi afitiye akamaro abaturage bagize ubumwe bw'uburayi bwose. Twe, abashyize umukono kuri iyi nyandiko, twizera ko abaturage bose bagize ubumwe bw'uburayi bazungukira mu kutagira icyo bakora muri ayo masaha y'uwo munsi, kandi ni ihame rigomba gukurikizwa harimo, abakora mu masaha akuze y'umugoroba, amajoro, amakanki ndetse n'indi mirimo yo kucyumweru. Twizera ko uyu munsi, abashingamategeko mu muryango w'ubumwe bw'uburayi ndetse n'abahagarariye za leta bakeneye kurinda ubuzima, umutekano, ishema rya buri muntu wese kandi bakwiriye kurushaho kwimakaza uburyo imiryango ya kwihuriza hamwe. Twizera ko ugusabana mu miryango y'abaturage b'abanyaburayi bikwiriye gushyirwamo imbaraga."*[55]

Kandi ku rubuga rwabo rwa interineti handitswe amagambo akurikira:

> "Urugaga rw'abanyaburayi rwo kurengera icyumweru ni ihuriro ry'ingaga nyinshi zirengera icyumweru, Amashyirahamwe y'ubucuruzi, abaturage ubwabo, ndetse n'amadini yose ashaka kugaragaza agaciro kari mu kugena igihe cyo kuruhuka mu miryango migari y'abanyaburayi. Icyumweru, ndetse no muri rusange, n'andi masaha yakazi, ni yo ntumbero yacu muri ubu bukangurambaga. Mu ihame rishyiraho uru rugaga, twashyize imbaraga ku bijyanye no guha agaciro ubuzima bwaburi munsi butabangamiwe n'umurimo Abantu benshi bakeneye umwanya wo kw'iyitaho, gusabana n'abandi kuko batakibona umwanya bitewe n'imirimo."[56]

Ku itariki ya 4/9/2012, ikinyamakuru cyitwa *The Guardian* cyanditse inkuru ivuga ngo: "Uburayi burasaba ubugiriki ko bwakora iminsi 6: guverinoma yo muri Atenayi (Athens) yashyizweho igitutu kugira ngo itangize gahunda yo gukora iminsi 6 mu cyumweru kugirango bave mu kibazo cy'ubukungu bafite."[57] Gukora iminsi 6 mu cyumweru bizongera umusaruro maze hasigareho umunsi umwe wo kuruhuka no kujya gusenga, ari wo ku cyumweru. Ibi kandi bizakomereza no muri Leta Zunze ubumwe za Amerika mugihe kidatinze, kuko nabo bazaba barwana n'ikibazo cy'ubukungu nk'uko bimeze mu bigugu byacu. Ikinyamakuru cyitwa the Catholic News Service cyo ku wa 6/9/2012 cyari gifite umutwe uvuga ngo: "icyumweru gikwiriye kuba umunsi wo kuruhuka weguriwe Imana n'imiryango, ni ko Papa yavuze"[58] Ibindi bitangazamakuru byo birahishura ko hari igitutu cyo guhatira abantu ayo mategeko y'iswe "blue laws/ amategeko azahatira abantu kuruhuka ku cyumeru"mu rwego rwo kurushaho kongerwa amasaha yo gukora mu cyumweru ku mpamvu z'ubukungu, ndetse no kugira ngo hubahirizwe umunsi w'Umwami ndetse no kurengera imiryango.

Ikinyamakuru cyitwa Fox News, cyo ku wa 22/4/2012, cyari gifite uyu mutwe w'amagambo uvuga ngo: "reka icyumweru tukigire umunsi wo kuruhuka, nk'uko Imana Ibishaka"[59] iyi nkuru irangira muri aya magambo ngo: "Abanyamerika barakora cyane. Ndetse

cyane bikabije. Ubu ni ubutumire ku bayahudi, abahindu, abasiramu, abahakanamana, aba agnostic, ababudiste, n'abakristo. Bose bakwiriye kuruhuka umunsi umwe mu cyumweru. Kuko Imana ibishaka"

Ubuvugizi bwo kugira itegeko kuruhuka umunsi w'icyumweru noo kandi kuwuhatira abantu bose bivugwa mu buryo bwinshi buyobya, bati ni igihe cy'umuryango, uburenganzira bw'abakozi, kongera umusaruro, umudendezo w'amadini, cyangwase indi shusho yose babyambika, ishusho y'ubuhanuzi ibyihishe inyuma yo igaragaza ko ntakwibeshya kurimo.

Mu isezerano rishya, amategkeo y'Imana yanditswe mu mitima (Abaheburaho 8:8-10). Buri tegeko ryose rifatanyishijwe ibendera ry'ubutware, riba ryarashyizweho n'umwanditsi waryo. Amategeko y'Imana nayo afatanyishijwe ikimenyetso kiri mu itegeko ryerekana Imana nk'umuremyi w'isi – ari ryo tegeko rya kane. Ni ikimenyetso hagati y'Imana n'abantu bayo. "Maze kandi mbaha n'amasabato yanjye ngo abe ikimenyetso hagati yanjye nabo, kugira ngo bamenye yuko ari jye Uwiteka ubeza" (Ezekiyeli 20:12).

Ikimenyetso cy'inyamaswa ni ikinyuranyo cy'isezerano rishya, itegeko ry'ikinyuranyo ryakirwa mu ruhanga. Mwibuke, ubururu bushushanya kumvira. Kandi uwo twumvira, duhinduka imbata ze. Mu gihe iri tegeko rihatiwe abantu mu gihugu cyacu, kugira ngo twumvire amategeko "Blue laws" ya satani aho kwumvira amategeko y'Imana, ubwo ni bwo hazagaragara uwo twemeye kuba imbata ze mu by'ukuri koko.

Itegeko ry'isabato ni ryo tegeko ryonyine rifite aho rihuriye no kugura no kugurisha, kuko nta muntu n'umwe ugomba kugira umurimo wose akora kuri uwo munsi. Satani azakora ibishoboka byose kugira ngo umuntu wese wanze kwica Isabato y'ukuri azarenganywe kandi ntiyemererwe kugura cyangwa kugurisha ku wundi munsi w'icyumweru. Mu gihe isi irikwinjira mu bihe by'amakuba atarigeze kubaho, mu gihe Ibiza (karemano, mu bukungu ndetse n'ibikorwa n'abantu) birikwiyongera mu isi, uburenganzira bw'amadini buzemeza isi ko ibyiringiro byonyine biri mu Mana. Iyobokamana ry'ibihimbano ni ryo rizashyirwa imbere. Abantu bose bazanga kugendana n'iyo migami iyobya ya Satani bazashinjwa ko aribo bari mu guteza ibizaba birushaho kwiyongera. Nibwo bazasohorezwaho n'aya magambo y'ubu buhanuzi:" Ikiyoka kirakarira wa mugore, kiragenda ngo kirwanye abo mu rubyaro rwe basigaye, bitondera amategeko y'Imana kandi bafite guhamya kwa Yesu" (Ibyahishuwe 12:17).

Bibiliya ihanura ko Satani azakora ibitangaza kugira ngo ayobye abantu benshi. Amayerekwa, ibitangaza byo mukirere (UFOs), n'ibindi bikorwa ndengakamere bizatuma abantu bakira kristo w'ibinyoma. "kandi ibyo si igitangaza, kuko na Satani ubwe yihindura nka marayika w'umucyo" (2 Abakorinto 11:14). Ku bakahakanamana, "bizera ibyo babona". Umuntu wese wemezwa no kubona ibitangaza ndengakamarere uwo azaba umunyantege nke mu gusobanukirwa n'ibitangaza by'umwanzi. Imyizerere yose ifata Kristo nk'umuntu mwiza gusa ntabwo azabasha gusobanura impamvu y'ibyo byiswe "amayerekwa" kubera ko uko kwizera kuzaba kutarubatswe ku rufatiro rw'ukuri kw'Ijambo ry'Imana.

> “kandi ikora ibimenyetso bikomeye, imanura umuriro uva mu ijuru ugwa mu isi mu maso y’abantu. Iyobesha abari mu isi ibyo bimenyetso yahawe gukorera imbere ya ya nyamaswa, ibabwira kurema igishushanyo cya ya nyamaswa yari ikomerekejwe n’inkota ikabaho. Ihabwa guha icyo gishushanyo cy’inyamaswa guhumeka, ngo kivuge kandi cyicishe abatakiramya” (Ibyahishuwe 13:13-15).

Rero mu gihe runaka, “ikimenyetso cy’inyamaswa” kizahatirwa abantu, kandi umuntu wese uzanga kukiramya azicwa. Ese icyo kimenyetso ni ikihe? Hari ubwami bubiri bwagaragajwe mu Byahishuwe 13: bumwe ni ubwami bw’inyamaswa yaturutse mu Nyanja (umurongo wa 1 kugeza ku wa 8), ubundi ni ubwami bwaturutse ku butaka (umurongo wa 11 kugeza ku wa 18). Inyamaswa yatututse mu nyanja igaragara nk’iyayoboye igihe kingana n’amezi 42 (umurongo wa 5). Iki ni gihe kigaragaza ubuyobozi bw’agahembe gato, bisobanura ko inyamaswa ya mbere yo mu Byahishuwe 13 nta yindi itari kiriziya y’ubupapa. Yayoboye mu gihe cy’imyaka 1,260, cyangwa se amezi 42 y’ubuhanuzi, kugeza igihe yagiriye uruguma rwica mu mwaka wa 1798 mu mpinduramatwara y’abafaransa. Ariko Bibiliya ivuga ko uruguma rwica rugomba gukira, bisobanura ko kiriziya izongera ikagira imbaraga ku isi yose. Ibyo turimo turabibona uyu munsi.

Kandi duhereye ku murongo wa 11 kugeza ku murongo wa 18 twiga ko inyamaswa ya kabiri ishyira hejuru inyamaswa ya mbere. Ni inyamaswa imeze nk’intama yavutse mu gihe inyamaswa ya mbere yagiraga uruguma rwica. Kuko “inyamaswa” ishushanya ubwami cyangwa se igihugu (Daniyeli 7:19), igihugu cyonyine cyagize ubutware mu gihe cyo mu myaka ya za 1700 kandi kigashushanywa n’intama (bisobanuye igihugu cyisanisha na Kristo) ni Leta Zunze Ubumwe za Amerika.

Vuba bidatinze Amerika y’ubuporotestanti (abakobwa ba maraya) bazihuza na kiriziya gatulika (ari yo nyina w aba maraya) kugira ngo bashyireho akarengane katigeze kabaho mu mateka. Inyamaswa ya kabiri ishishikariza isi kubaha inyamaswa ya mbere, ari yo ubupapa. Munsi y’ubuyobozi bwa kristo w’ibinyoma, bazashyiraho ubumwe bw’itorero na leta aho leta izaba iyobowe n’itorero (nk’uko ubupapa bwabigenje mu gihe cy’imyaka y’umwijima), kandi leta izajya ishyira mu bikorwa amategeko y’itorero. Abantu bose bazanga iyi mikorere, ndetse bakamagana kristo w’ikinyoma, bazashinjya gutuka “imana”. Itegeko ryo kwicwa rizashyirwaho. Ariko Imana Izatabara…

> “*Maze icyo gihe Mikayeli, wa mutware ukomeye ujya ahagarikira abantu bawe azahaguruka, hazaba ari igihe cy’umubabaro utigeze kubaho uhereye igihe amahanga yabereyeho ukageza icyo gihe. Nuko icyo gihe abantu bawe bazaba banditswe mu gitabo, bazarokoka*” (Daniyeli 12:1).

*Iherezo ry’ishusho ya 8*

52 **“Dominionism/ ubutware** ni impinduramatwara mu bya politiki yatangijwe nabakristo bo muri leta zunze ubumwe bagamije kugira leta iyoboywe n’abakristo cyangwa se mo kimwe ikaba iyobowe n’umukristo w’umukonserivateri usobanukiwe n’amategeko ya Bibiliya.”
(“Dominionism”, *Wikipedia*, en.wikipedia.org/wiki/Dominionism, accessed January 23, 2013).
53 Reba “Blue law/Amategeko y’Ubururu” in Wikipedia (en.wikipedia.org/wiki/Blue_law).
54 Lex Constantini a. 321 (Cod. Just. 1. iii., Tit. 12, 3), quoted in Phillip Schaff, *History of the Christian Church*, Vol. 3, 5th edition revised (Grand Rapids, MI: Christian Classics Ethereal Library, 2002, original edition published 1882), p. 223.
55 (accessed January 31, 2013).
56 http://www.europeansundayalliance.eu/site/whoweare (accessed January 31, 2013).
57 (accessed January 31, 2013).
58 http://www.catholicnews.com/data/stories/cns/1202360.htm (accessed January 31, 2013).
59 http://www.foxnews.com/opinion/2012/04/22/let-make-sunday-day-rest-for-gods-sake/?intcmp=features#ixzz2D7juYGFm

**Ishusho ya 9:**

## Ibyago, Kugaruka kwa Yesu, n'Umuzuko

Ikirere gisa n'icyamaze gutakaza imiterere karemano yacyo. Mu myaka mike ishize, isi yacu yagize ibihe byo guhindagurika kw'ikirere mu buryo budasanzwe bitigeze bibaho mu mateka. Hajemo ukwivumbagatanya kw'isi mu buryo budasanzwe, imiyaga idasanzwe, ndete n'uguhindagurika kw'ubushyuhe byose byagiye bigaragaza ko isi igenda irushaho kwangirika. Vuba aha hari kibonumwe iherutse kugwa mu burusiya maze ituma hangirika ibintu byinshi. Abenshi bahise bibaza niba iryo atari iherezo ry'isi. Ese ibyo byaba ari byo byago by'Imana irimo irasuka muri iyi si yacu? Cyangwa se haba hari ibindi bizaza? Mu gihe tugikomeje kureba iyi *Filime iheruka amateka y'isi,* ubu tugiye kureba ku gihe kibanziriza ukugaruka kwa Kristo.

Ubwo ubu butumwa buheruka buzaba bwamaze kubwirwa isi yose kandi yamaze kuburirwa. Aya magambo ya Kristo azaba amaze gusohozwa: "Kandi ubu butumwa bwiza bw'ubwami buzigishwa mu isi yose, ngo bube ubuhamya bwo guhamiriza amahanga yose, ni bwo imperuka izaherako ize" (Matayo 24:14). Abantu ibihumbi bazumva ubu butumwa bave muri Babuloni maze bifatanye n'ubwoko bw'Imana bwumvira amategeko.

Kubwiriza ubutumwa bw'abamarayika batatu bizarakaza isi, maze hatangwe itegeko ry'urupfu ryo kurimbura abasigaye, ari bo banze gupfukamira ishusho y'ubukristo bw'ibinyoma ndetse n'ishusho y'imana y'ibinyoma. Aba ni abantu bumvira amategeko yo mu ijuru (Ibyahishuwe 13:15). Ariko Uwiteka azatabara, nk'uko yabigenje ubwo ubwoko bwa Isirayeli bwarenganyirizwaga muri Egiputa. Mu gihe abanyabyaha bazaba bashaka kurimbura ubwoko bw'Imana bw'abasigaye, Uwiteka Ubwe azasubirisha gusuka ibyago mu isi. "Numva ijwi rivugira muri rwa rusengero, ribwira abo bamarayika barindwi riti, nimugende musuke mu isi izo nzabya ndwi z'umujinya w'Imana" (Ibyahishuwe 16:1).

Ibyago birindwi bizasukwa bizagira ingaruka ku migezi, ku izuba, mu kirere, ku mwuka, ndetse no ku bantu ubwabo. Buri cyago cyose kigenewe kurinda abakiranutsi ngo badakorwaho n'ibiganza by'abanyabyaha. Mu gihe abanze Imana bazaba barikubabazwa, abantu b'Imana bo bazaba barinzwe, nk'uko byagenze muri Egiputa. Ibi byago byakomotse mu rusengero rwo mu ijuru. Ibi bisobanuye ko abazagerwaho n'ibi byago ari abanze kwakira ibyari muri ubwo buturo bwera bwo mu ijuru, ari yo mategeko y'Imana. Muri iki gihe, Zaburi 91 izasohozwa ku bantu binjiye mu buryo bw'umwuka mu rwihisho rw'isumbabyose – ari ho Hera Cyane – ku bwo kwizera, bakubahiriza amategeko y'Imana.

> "*Uba mu **rwihisho rw'Isumbabyose**, azahama mu gicucu cy'Ishoborabyose. Ndabwira Uwiteka nti, uri Ubuhungiro bwanjye n'igihome kinkingira, Imana yanjye niringira. Kuko ari we uzagukiza ikigoyi cy'umugoyi, na mugiga irimbura. Azakubundikiza amoya ye, kandi uzajya uhungira munsi y'amababa ye, umurava we ni ingabo n'icyuma kigukingira. Igiteye ubwoba cya nijoro ntikizagutinyisha, cyangwa umwambi ugenda ku*

*manywa, cyangwa mugiga igendera mu mwijima, cyangwa kurimbura gutsemba ku manywa y'ihangu. Abantu igihumbi bazagwa iruhande rwawe, abantu inzovu bazagwa iburyo bwawe, ariko ntibizakugeraho. Uzabirebesha amaso yawe gusa, ubone ibihembo by'abanyabyaha. Kuko ari wowe buhungiro bwanjye Uwiteka, wagize Isubambyose ubuturo, nuko nta kibi kizakuzaho, kandi nta cyago kizegera ihema ryawe*" (Zaburi 91:1-10).

Mu kuri, ibyago birindwi biheruka bifite aho bihuriye n'ibikoresho byabaga mu buturo bwera. Igihe marayika wa mbere yamenaga icyago cye, ibisebe bibi kandi binuka byafashe abantu bose bari bafite ikimenyetso cy'inyamaswa kandi bakaba bararamije igisushanyo cyayo (Ibyahishuwe 16:2). Iki kimenyetso kizashyirwa ku bantu bose banze ibyari bigize ibyari ahera cyane, ari yo mategeko y'Imana. Kuko banze kwemera ko Isabato ibabera ikimenyetso mu migambi yabo, iki gihe bazashyirwaho iki cyago kizakora ku mubiri wabo.

**Marayika wa kabiri** maze asuka urwabya rwe mu Nyanja, ihinduka amaraso nk'ay'intumbi (Ibyahishuwe 16:3). Inyanja ishushanya umubatizo, nk'uko ubwoko bw'abisirayeli bwambutse inyanja itukura; Pawulo yaranditse ati Isisrayeli *yabatijwe* na Mose (1 Abakorinto 10:2). Kuko abanyabyaha bazaba baranze kwemera impano y'umubatizo unyura mu mazi, ushushanya **igikarabiro,** inyanja ubu iragaragaza ko ntacyo umubatizo uzaba ukimaze, bishushanya ko nta yandi mahirwe azaba ahari yo kwongera kubyarwa n'amazi n'Umwuka kugira ngo wemererwe kwinjira mu bwami bwo mu ijuru (Yohana 3:5).

**Marayika wa gatatu** asuka urwabya rwe "mu nzuzi n'imigezi n'amasoko, na byo bihinduka amaraso. Numva marayika w'amazi avuga ati, wa Wera we, uriho kandi wahozeho kandi uzahoraho, uri umukiranutsi kuko ari ko wabitegetse. Bavushije amaraso y'abera n'ay'abahanuzi, nawe ubahaye amaraso ngo abe ari yo banywa, ni byo bibakwiriye" (Ibyahishuwe 16:4-6). Iki cyago cya gatatu kimenwa ku bantu bose bamennye amaraso y'ubwoko bw'Imana. Imigezi n'amasoko ni yo nkomoko y'ibyo abantu banywa. Ku **Meza y'imitsima yo kumurikwa** niho habaga "ibikombe" bashyiragamo "amaturo y'ibyo kunywa", bishushanya Yesu wamennye amaraso ye ku bwacu (Kubara 4:7) kandi uwo amaraso ye ni ikimenyetso cyo kunywa isezerano rishya. Ku gusangira n'abigishwa be buheruka, bicaye ku meza (Luka 22:21) aho Kristo yafashe umutsima, arawushimira, arawumanyagura, "maze awuha abigishwa be, arababwira ati, 'nimwende murye, uyu ni umubiri wanjye. Yenda igikombe aragishimrra arakibaha, arababwira ati munywere kuri iki mwese, kuko aya ari amaraso yanjye y'isezerano rishya, ava ku bwa benshi ngo bababarirwe ibyaha'" (Matayo 26:26-28). Mu kwanga iyo mpano ishushanywa no kunywa amaraso ya Kristo maze ahubwo bakarenganya ubwoko bw'Imana, bakamena amaraso ya benshi, Imana izabaha amaraso nyayo abe ari yo banywa.

**Marayika wa kane** amena urwabya rwe "mu zuba, rihabwa kokesha abantu umuriro. Abantu botswa n'icyokere cyinshi, batuka izina ry'Imana ishobora kubateza ibyo byago, ntibihana ngo bayihimbaze" (Ibyahishuwe 16:8,9). Igicaniro cy'**ibitambo** bikongorwa n'umuriro

(Kuva 30:28) cyashushanyaga igitambo cy'umwana w'Imana. Kuko abanyabyaha bazanga ku bushake bwabo iki gitambo gikongorwa, Imana izabaha izuba kugira ngo ribakongore.

**Marayika wa gatanu** amena urwabya rwe "ku ntebe y'ubwami ya ya nyamaswa. Ubwami bwayo bucura umwijima, kuribwa gutuma bahekenya indimi zabo, kandi kuribwa kwabo n'ibisebe byabo bituma batuka Imana nyir'ijuru ntibihana imirimo yabo" (Ibyahishuwe 16:10,11). Mu kwanga umucyo wa Yesu Kristo bishushanya kwanga **igitereko cy'amatabaza,** Imana izabateza umwijima.

**Marayika wa gatandatu** amena urwabya rwe "mu ruzi runini Ufurate. Amazi yarwo arakama… nuko mbona mu kanwa ka cya kiyoka no mu kanwa ka ya nyamaswa, no mu kanwa ka wa muhanuzi w'ibinyoma, havamwo imyuka itatu mibi isa n'ibikeri, kuko ari yo myuka y'abadayimoni, ikora ibitangaza igasanga abami bo mu isi yose, ngo ibahururize kujya mu ntambara yo ku munsi ukomeye w'Imana Ishoborabyose" (Ibyahishuwe 16:12-16). Mu cyago cya gatandatu, abantu bazahuzwa "n'amagambo" ya kidayimoni. Kuko banze ubuhuza bwa Kristo ku **gicaniro cy'imibavu,** bazahabwa imyuka iyobya.

Maze bwa nyuma, **Marayika wa karindwi** asuka urwabya rwe mu kirere "urubura rukomeye rumanukira abantu ruvuye mu ijuru, ibuye ryarwo rimwe riremera nk'italanto. Icyo cyago cy'urubura gituma abantu batuka Imana, kuko icyago cyarwo gikomeye cyane" (Ibyahishuwe 16:21). Mu kuba baranze umutsima wamanutse uva mu ijuru, ari wo manu yo mu ijuru (Yohana 6:58), Imana yabahaye urubura ruremereye ruva mu ijuru.

Mu kuba baranze ubu buturo bwera, abanyabyaha bahawe igihano gishingiye kuri buri gikoresho cyose cyo mu buturo bwera. Mu gihe ibi byago bizaba birangiye, Kristo azaza gufata ubwoko Bwe abujyane mu ijuru, iki kizaba ari ighe cya Kristo aje gusarura isi.

> "*Mbona igicu cyera, no ku gicu mbona uwicayeho usa n'Umwana w'umuntu, wambaye ikamba ry'izahabu ku mutwe kandi afite umuhoro utyaye mu intoki ze. Marayika wundi ava mu rusengero arangurura ijwi rirenga, abwira uwicaye kuri icyo gicu ati, Ahuramo umuhoro wawe, usarure kuko isarura risohoye, kandi ibisarurwa byo mu isi byeze cyane. Nuko uwicaye ku gicu yahura umuhoro we mu isi, isi irasarurwa*"
> (Ibyahishuwe 14:14-16).

Yesu azasohoka mu buturo bwera bwo mu ijuru, ari cyo iki gishushanyo mbonera, maze azane n'abamarayika Be bose. "kuko Umwana w'umuntu azazana n'abamarayika be afite ubwiza bwa Se, agaherako yitura umuntu wese ibikwiriye ibyo yakoze" (Matayo 16:27). Kandi amaso yose azamubona. "Dore arazana n'ibicu kandi amaso yose azamureba, ndetse n'abamucumise nabo bazamureba, kandi amoko yose yo mu isi azamuborogera. Na none, Amena" (Ibyahishuwe 1:7).

> "*Icyo gihe umuntu nababwira ati, Dore Kristo ari hano, n'undi ati, ari hano, ntimuzabyemere. Kuko abiyita Kristo n'abahanuzi b'ibinyoma bazaduka bakora*

> *ibimenyetso bikomeye n'ibitangaza, kugira ngo babone uko bayobya n'intore niba bishoboka. Dore mbibabwiye bitaraba. Nuko nibababwira bati, Dore ari mu butayu, ntimuzajyeyo, cyangwa bati Dore ari mu kirambi, ntimuzabyemere. Kuko nk'uko umurabyo urabiriza iburasirazuba ukabonekera aho rirengera ni ko no kuza k'Umwana w'umuntu kuzaba*."

Abo bose bazaba batiteguye kugaruka kwa Kristo nta mahirwe ya kabiri bazigera bahabwa.

> "*Uko iminsi ya Nowa yari iri, no kuza k'Umwana w'umuntu ni ko kuzaba, kuko nk'uko bari bameze muri iyo minsi yabanjirije umwuzure, bararyaga, baranywaga, bararongoraga, barashyingiraga, bageza umunsi Nowa yinjiriye mu nkuge, ntibabimenya kugeza aho umwuzure waziye ukabatwara bose. Ni ko no kuza k'Umwana w'umuntu kuzaba. Icyo gihe abagabo babiri bazaba bari mu murima, umwe azajyanwa undi asigare*" (Matayo 24:37-41).

Mu minsi ya Nowa, abantu batinjiye mu nkuge nta mahirwe ya kabiri bigeze bahabwa "umwuzure warabatwaye bose" (umurongo wa 39). Abasigaye ari bazima ni ab'injiye mu nkuge gusa. Ni muri ubwo buryo ubwo Kristo azaba agarutse, kandi buri wese azaba yaramaze kwifatira icyemezo, "maze natwe abazaba bakiriho basigaye duhereko tujyananwe nabo, tuzamuwe mu bicu gusanganirira Umwami mu kirere. Nuko rero tuzabana n'Umwami iteka ryose" (1 Abatesalonike 4:17). Abazaba basigaye bazajyanwa ku Mana, mu gihe abanyabyaha bo bazarimburwa. Igihe kimwe abigishwa babajije Kristo aho amanyabugome bazashyirwa bati:

> "*Abagore babiri bazaba basera hamwe, umwe azajyanwa undi asigare. Ababiri bazaba bari mu murima, umwe azajyanwa undi asigare. Baramubaza bati, Databuja, bizabera he? Arababwira ati, aho intumbi iri hose, ni ho inkongoro ziteranira*" (Luka 17:35-37).

Abanyabugome bazajyanwa ari byo bisobanura "kurimburwa", mu gihe abakiranutsi bazaba basigaye ari bazima bo bazajyanwa gusanganira Umwami mu kirere. Igitabo cya Yesaya gisobanura neza impamvu y'uku kurimburwa kw'abanyabyaha:

> "*Dore Uwiteka arahindura isi umwirare, arayiraza, arayubika, atatanya abaturage bayo… isi izanyagwa ihinduke umwirare rwose, kuko Uwiteka ari we uvuze iryo jambo. Igihugu kirarira kandi kibaye umuhonge, isi icitse intege ibaye umuhonge, abanyacyubahiro b'isi bacitse intege. Kandi isi ihumanyijwe n'abaturage bayo kuko bishe amategeko, bagahindura ibyategetswe, bakica isezerano ridakuka. Ni cyo gitumye umuvumo utsemba isi n'abayibamo bagatsindwa n'urubanza, ni cyo gitumye abaturage b'isi batwikwa hagasigara bake*" (Yesaya 24:1,3-6).

Abazasigara ari bazima bazajya gusanganira Umwami bazaba ari bake ugereranyije n'umubare w'abanyabyaha bazarimburwa Kristo agarutse. Ihame rivuga ko hari abazasigara ari bazima ku isi, maze bakazahabwa amahirwe ya kabiri yo kwihana yo kumara hagati y'imyaka itatu n'igice kugeza ku myaka irindwi ni ubundi buyobe bwo Babuloni yashyizeho kugira ngo

abantu benshi bazasangwe batiteguye kugaruka kwa Kristo. Ariko nk'uko mu gihe cya Nowa, nta mahirwe ya kabiri yahawe abantu, nta nkuge ya kabiri yaje ninako bizagenda!

Nanone, witegereze impamvu ki isi igomba kurimburwa. Ni ukubera ko "abantu bishe amategeko, bagahindura ibyategetswe, bakica isezerano ridakuka" (umurongo wa 5). Uguhindura itegeko ry'Isabato ni ukugerageza guhindura amategeko y'Imana; kubw'ibyo, isi izasukwaho umuvumo.

Ukuza kwa Yesu kumaze igihe kirekire gutegerejwe kuva mu gihe cyo gupfa kwa Abeli. Kuva igihe icyaha cyinjiriye mu isi, abantu bose basaga n'aho baciriwe igihano cy'urupfu, nk'uko byari byarabwiwe Adamu mu murima wa Edeni. "gututubikana ko mu maso hawe ni ko kuzaguhesha umutsima kugeza usubiye mu gitaka, uri umukungugu, mu mukungugu niho wavuye kandi ni mo uzasubira" (Itangiriro 3:19).

Abantu benshi batabarika bapfuye bizera ko umunsi umwe ubwo Kristo azamanuka azabahamagara ngo bave mu bituro byabo. Inyigisho ya Purigatori (yatangijwe na kiriziya gatulika iyikomoye mu gusobanura nabi umugani wa Lazaro n'umukire maze iyo nyigisho iza no gukomereza mu madini yagiporotestanti mu buryo buvuguruye) yigisha ko iyo umuntu apfuye ahita ahabwa ingororano ye. Ariko Kristo yabivuze neza ati: "kuko Umwana w'umuntu azazana n'abamarayika be afite ubwiza bwa Se agahera ko agororera umuntu wese ibikwiriye ibyo yakoze" (Matayo 16:27). Ikindi kandi, Yongeyeho ati, "Dore ndaza vuba, nzanye ingororano kugira ngo ngororere buri muntu wese ibikwiriye ibyo yakoze" (Ibyahishuwe 22:12).

Ingororano yo guhabwa Ijuru cyangwa se kurimbuka izatangwa ku munsi w'umuzuko, ntabwo ihabwa umuntu igihe apfuye yaba umukiranutsi cyangwa se umunyabyaha. Bose kimwe baruhukira mu gituro, bakaruhukira mu isi, kugeza igihe icyo Pawulo, Yohana na Daniyeli bose bemeranyaho:

> "*Kandi niringiye Imana, ntegereje icyo aba nabo bategereza, yuko hazabaho kuzuka kw'abakiranutsi n'abakiranirwa*" (Ibyakozwe n'Intumwa 24:15).
>
> "*Ntimutangazwe n'ibyo kuko igihe kizaza, ubwo abari mu bituro bose bazumva ijwi rye bakavamo, abakoze ibyiza bakazukira ubugingo, naho abakoze ibibi bakazukira gucirwaho iteka*" (Yohana 5:28,29).
>
> "*Kandi benshi bo muri bo bazaba barasinziriye mu gitaka bazakanguka, bamwe bazakangukira ubugingo buhoraho, abandi bazakangukira gukorwa n'isoni no gusuzugurwa iteka ryose*" (Daniyeli 12:2).

Bibiliya igaragaza neza ko abapfuye batari mu muriro cyangwa se ngo babe bari muri purigatori, iryo ni hame ritakomotse muri Bibiliya, ahubwo rikomoka ku gahembe gato. Iyi ni yo mpamvu Imana ibuzanya ibyitwa kuvugana n'abapfuye cyangwa se "imyuka" (Abalewi 19:31),

kubera ko iyi myuka mu kuri ari imbaraga za satani yiyambika amashusho n'amajwi y'abantu bapfuye.

> "*Abazima bazi ko bazapfa, ariko abapfuye bo ntacyo bakizi kandi nta ngororano bakizeye, kuko batacyibukwa. Urukundo rwabo n'urwangano rwabo n'ishyari ryabo, byose biba bishize, kandi nta mugabane bakizeye mu bikorerwa munsi y'ijuru byose, ugeza ibihe byose*" (Umubwiriza 9:5,6).

Abacunguwe bazahamagarwa bave mu bituro mu gihe Kristo azaba agarutse maze bahindurwe mu kanya gato nk'aho guhumbya. Urupfu ruzaba rumizwe by'iteka ryose, maze abakiranutsi bahabwe ukudapfa. Ibi bizabaho ku mpanda ya nyuma, ntabwo ari mbere yayo! Icyo ghe ni bwo abakiranutsi bazahindurirwa imibiri, ubwo uyu mubiri wacu ubora uzambikwa undi mubiri mushya utabora. Icyo gihe nibwo tuzasa n'Umwami wacu (2 Abakorinto 5:6-8).

> "*Dore mbamenere ibanga: ntituzasinzira twese, ahubwo twese tuzahindurwa mu kanya gato, ndetse mu kanya nk'ako guhumbya, ubwo impanda y'imperuka izavuga. Impanda izavuga koko, abapfuye bazurwe ubutazongera kubora natwe duhindurwe, kuko uyu mubiri ubora ukwiriye kuzambikwa kutabora, kandi uyu mubiri upfa ukwiriye kuzambikwa kudapfa. Ariko uyu ubora numara kwambikwa kutabora, n'uyu upfa ukambikwa kudapfa, ni bwo hazasohora rya jambo ryanditswe ngo 'urupfu rumizwe no kunesha. Wa rupfu we, kunesha kwawe kuri he? Wa rupfu we, urubori rwawe ruri he?*'" (1 Abakorinto 15:51-55).

Mu kugaruka kwa Kristo, abakiranutsi bazahabwa ubugingo, ariko abanyabyaha bazarimbuka nk'uko byagenze mu minsi ya Nowa. Si ibi gusa, ndetse n'abanyabyaha bazaba bari mu bituro ntabwo bazigera bazuka kugeza ku munsi Bibiliya yita umuzuko wa kabiri – ariwo muzuko w'abakiranirwa. Uyu uzabaho nyuma y'imyaka 1,000 hatambutse umuzuko wa mbere – ari wo muzuko w'abakiranutsi.

> "*Mbona marayika amanuka ava mu ijuru afite urufunguzo rufungura ikuzimu, afite n'umunyururu munini mu ntoki ze. Afata cya kiyoka, ari cyo ya nzoka ya kera, ari yo Mwanzi na Satani, akibohera kugira ngo kimare imyaka igihumbi, akijugunya ikuzimu arahakinga, ashyiriraho ikimenyetso gifatanya, kugira ngo kitongera kuyobya amahanga kugeza aho imyaka igihumbi izashirira, icyakora nishira gikwiriye kubohorerwa kugira ngo kimare igihe gito. Mbona intebe z'ubwami, mbona bazicaraho bahabwa ubucamanza. Kandi mbona imyuka y'abaciwe ibihanga babahora guhamya kwa Yesu n'ijambo ry'Imana, ari bo bataramije ya nyamaswa cyangwa igishushanyo cyayo kandi batashyizweho ikimenyetso cyayo. Barazuka bimana na Kristo imyaka igihumbi. Uwo ni wo muzuko wa mbere. Abapfuye basigaye ntibazuka iyo myaka igihumbi itarashira. Ufite umugabane wo kuzuka kwa mbere arahirwa kandi ni uwera. Urupfu rwa kabiri ntirubasha kugira icyo rutwara abameze batyo, ahubwo bazaba abatambyi b'Imana na Kristo kandi bazimana nayo iyo myaka igihumbi*" (Ibyahishuwe 20:1-6).

Uyu mwobo w'ikuzimu uwo satani ajugunywamo muri iki gihe Yeremiya yawusobanuye neza:

> "*Nitegereje isi mbona idafite ishusho kandi irimo ubusa, n'ijuru na ryo nta mucyo rifite. Nitegereje imisozi miremire mbona itigita, ndetse n'iyindi yose nayo inyeganyega. Nitegereje mbona nta muntu uhari, n'ibisiga byose byo mu kirere byahunze. Nitegereje mbona ahantu hari uburumbuke harabaye ubutayu, n'imidugudu yabo yose yasenyukiye imbere y'Uwiteka ku bw'uburakari bwe bukaze. Kuko Uwiteka avuga atya ati, igihugu cyose kizaba amatongo ariko sinzagitsembaho rwose*" (Yeremiya 4:23-27).

Ese waba wibuka umuhango wakorerwaga ku "ihene yo kwoherwa" ku munsi w'impongano (Reba Abalewi 16), uwo twavuzeho mu "ishusho ya 7: Urubanza Rutangiye" ubwo umutambyi mukuru yabaga agiye kweza ubuturo bwera abukuramo ibyaha by'ubwoko bw'Abisirayeli babaga barakoze muri uwo mwaka? Kubibutsa muri make, umuntu yagombaga kuvugira ibyaha bye ku mutwe w'inyamaswa nzima, maze ibyaha bye bikajya kuri iyo nyamaswa, maze iyo nyamaswa ikicwa. Ibyaha byababaga byashyizwe kuri iyo nyamaswa noneho byajyanagwa mu buturo bwera ku bwo kuminjagira amaraso y'iyo nyamaswa ku gicaniro cyo mu buturo bwera. Ubuturo bwera bwababaga buhumanyijwe n'ibyaha by'abisirayeli, rero Imana yatanze iki gishushanyo mbonera kugira ngo ikure ibyaha mu buturo bwera.

Ikintu giheruka umutambyi yakoraga kuri uwo munsi w'Impongano cyashushanyaga ugukura mu buturo bwera ibyaha byababaga byarahashyizwe mu gihe cy'umwaka wose maze ibyo byaha "akabishyira" ku mutwe "w'ihene yo kwoherwa" (Abalewi 16:8). Iyi hene yo kwoherwa noneho yajyanagwa ahantu "hitaruye hataba abantu" kugira ngo yikorere ibyaha by'abantu (Abalewi 16:10). Iki gikorwa cyashushanyaga Umunsi w'Impongano wagombaga kuzabaho mu ijuru, ndetse wanatangiye, guhera mu mwaka wa 1844 niba mubyibuka. Yesu ubu ari kudukorera nk'Umutambyi Mukuru, aho ari kubwacu, ariko igihe Azaba asohotse Ahera Cyane arangije umurimo waho maze akaza mu isi, Azafata ibyaha byose Satani yigeze kuyoboramo abantu b'Imana maze byose abishire ku mutwe we nk'ihene yo kwoherwa, kandi nk'uko byagendaga ku ihene yo kwoherwa yo mu gihe cy'umunsi w'impongano wo ku isi, Satani nawe azabohwa maze ashyirwe ahantu ha wenyine hatariho undi muntu, kubw'ibyo, "Mbona marayika amanuka ava mu ijuru afite urufunguzo rufungura ikuzimu, afite n'umunyururu munini mu ntoki ze. Afata cya kiyoka, ari cyo ya nzoka ya kera, ari yo Mwanzi na Satani, akibohera kugira ngo kimare imyaka igihumbi; akijugunya ikuzimu arahakinga…" (Ibyahishuwe 20:1-3).

Uku "kuzimu" ni "ubutayu" ubwo Yeremiya yabonye, ari yo iyi si, izaba yarimbuwe n'ubwiza bw'Imana, ni yo Satani azagumanamo n'abamarayika be gusa mu gihe cy'imyaka 1000.

Abanyabyaha bazaba barapfuye batataniye hirya no hino ku isi mu bituro, kandi abakiranutsi bapfuye bazaba barazuwe bahurire mu kirere hamwe n'abakiranusi bazaba bakiriho, nta muntu n'umwe uzaba usigaye ku isi uretse Satani n'abamarayika be gusa. Azaba aboshywe

kuko nta muntu azaba afite wo kuyobya. Abakiranutsi bazaba barimuriwe mu ijuru; n'abanyabyaha bazaba bapfuye. Isi izamara imyaka 1000 mu mahoro kuko nta muntu n'umwe uzaba uriho ku isi. Satani n'abamarayika be bazaba babohewe ku isi kuko ntawe bazaba bashuka, kugeza igihe abanyabyaha bapfuye bazazurirwa nyuma y'iyo myaka 1000.

Uretse Enoki, Mose, Eliya, n'abandi bantu wenda batigeze baheranwa n'urupfu cyangwa se bakazuka mu muzuko udasanzwe (reba Itangiriro 5:24, Yuda 9, 2 Abami 2:11), abera bo mu bihe byose bazinjirira mu ijuru icyarimwe mu gihe Kristo azaba agarutse. Bazatangira inshingano yabo y'ubucamanza mu gihe cy'imyaka 1000 mu rukiko rukuru rwo mu ijuru. Mbere y'uko abanyabyaha bazurwa kugira ngo bacirweho iteka riheruka, ijuru ryose, ndetse harimo n'abacunguwe, bose bazahuriza ku butabera bw'Imana. Nuko ibitabo birabumburwa maze imanza zihabwa "abera" (Daniyeli 7:22).

*Iherezo ry'ishusho ya 9*

**Ishusho ya 10:**

# Imyaka Igihumbi

Ese waba wibuka ishusho ya 1 y'iyi filimi yacu uburyo kwigomeka byatangiriye mu ijuru? Waba wibuka ukuntu Imana *yanze guhita Irimbura* abari bigometse bose ku mategeko ya Yo, ahubwo Ikemera ko umusaruro w'ibinyoma bya Lusiferi ushyirwa ahagaragara? Ikintu cy'ingenzi muri iki gishushanyo mbonera cy'agakiza ni uko ubutabera bw'Imana n'imbabazi za Yo bigendana. Uwiteka ashaka ko buri wese ahabwa amahirwe y'urubanza rutabera. Iki gice cya *filimi iheruka amateka y'isi* itangirana, n'igihe umucamanza atangira umurimo w'ingenzi. Reka dutangire twiyibutsa iyi ngingo:

> "*Iyo umuntu wo muri mwe afite icyo apfa na mugenzi we, mbese ahangara kuburanira ku bakiranirwa ntaburanire ku bera? Ntimuzi yuko abera bazacira ab'isi urubanza? Kandi ubwo ari mwe muzacira ab'isi urubanza ntimushobora no guca imanza niz'ibintu bito hanyuma y'ibindi? Ntimuzi ndetse yuko tuzacira abamarayika urubanza, nkanswe iby'ubu bugingo?*" (1 Abakorinto 6:1-3).

Igikorwa cya mbere aba bacamanza bo mu myaka igihumbi bazakora ni ukugenzura neza babyitondeye ukwigomeka kwa Luciferi mu ijuru. Bazahera aho ibintu byose byatangiriye, abantu b'Imana bazahabwa ibihamya by'ukwigomeka kwa satani. Nubwo Bibiliya yasubije ibibazo by'agakiza, ntabwo yatanze imyirondoro yose ijyanye no kwigomeka kwa Satani. Hari ibindi bibazo by'inshi abantu bakwibaza kuri ubwo bwigomeke. Ariko abantu b'Imana kubwo kwizera, bizeye ko umunsi umwe, ku bw'ubuntu bw'Imana, ibyo bibazo byose bizasubizwa.

Icyo gihe kizaba cyageze. Ibitabo bizabumburwa kandi imbere y'amaso y'abakurikiye Imana amateka yose azizingura uko yakabaye mu buryo burambuye. Nk'abantu bazaba barahisemo kuba ku ruhande rw'Imana igihe bazaba barikugenzura muri ibyo bitabo, bazabona ibintu bitigeze kumenywa kera kose. Bazabona ubutabera bw'Imana n'imbabazi zayo mu buryo yakemuye ikibazo cyatangiriye mu ijuru. Ibyanditswe muri ibyo bitabo bizahishura imikorere yo mu bwiru ya Lusiferi, no kwihangana kw'Imana mu gukemura ikibazo cy'ubwigomeke, n'uburyo abamarayika bari abera bayobejwe kuva ku Mana. Bazasobanukirwa n'ubutabera bw'Imana mu gukura Satani mu ijuru.

Ibyanditswe muri ibi bitabo bizahishura neza imigambi y'Imana yo kuba yaremeye kurema abamarayika bafite umudendezo wo guhitamo kugera ubwo bahitamo kuba babi ndetse no kuba Imana yaremereye ko icyaha gikomeza kugeza icyo gihe cyose. Bose bazasobanukirwa n'impamvu ki Imana yaremye inyokomuntu n'impamvu ki Yemereye Satani kuba yarashoboye gucumuza babyeyi bacu ba mbere.

Hari izindi ngingo zizahishurirwa abacamanza. Ibirego byose abantu bareze Imana mu mateka bizumvikana kandi bisubizwe, ibibazo byerekeye Genocide, kwica abana, kurimbura ubwoko, no kurenganya. Kuki ibi byose byemerewe kubaho? Mu gihe aba bacamanza bazaba basoma ibyobitabo, bazabona ko ibirego byose bishyirwa ku Mana ari ibinyoma.

Urugero ku byerekeranye na Genocide, ibitabo bizabanza kugaragaza ko Imana nk'Umuremyi yari ifite uburenganzira bwo kuba yarimbura inyokomuntu yose kubw'ingaruka y'icyaha. Imana yari kuba iri mu kuri mu buryo bwuzuye iyo ibikora Ityo. Kuko ibihembo by'ibyaha ari urupfu, kandi abantu bose bakaba baracumuye ku witeka, byari inshingano y'Imana kubarimbura bose iyo Ibihitamo. Ariko aho kubarimbura, Imana yatanze igishushanyombonera, inama y'agakiza, kugira ngo ihe umuntu amahirwe ya kabiri. Imana Yacu ntiyagombaga guhamwa n'igikorwa cyo 'kwica" kuko bose abakoze icyaha bagombaga gupfa. Kuko no mu migenzereze y'abantu umwicanyi ntagomba kwidegembya adahanwa kubw'ibyaha bye.

Ese bite ku bihugu byagiye birimburwa n'abisirayeli ubwo barwaniriraga igihugu cy'isezerano? Ese bite ku bayanyakanani, abaheti, abamori, abahevi n'abayebusi bose batsembweho? Hazatangwa ibihamya bitangaje biziyongera kubyatanzwe muri Bibiliya. Bizagaragara ko ibi bihugu byari byarakoze ibyaha bikomeye kuburyo byagombaga gukurwa muri ubwo butaka bwabo. Kandi ntabwo Imana yigeze icira abisirayeli urwa kibera, ahubwo nabo yababwiye uko bizabagendekera nabo nibanyuranya n'inzira ya Yo. (Abalewi 18:1-28). Bizagaragara ko Imana idahinduka mu buryo yitwara ku bihugu biyihakana, ko Itarobanura ku butoni. Nk'uko Imana yohereje Yona mu gihugu cy'abanyamahanga cya Niniwe na Nowa kugira ngo yubake inkuge y'abazashaka guhunga bose, bizagaragara ko Imana yatanze umuburo ku bihugu byose bya kera kugira ngo bihane. Bizagaragara ko Uwiteka mu kuri yatanze inzira y'ubuhungiro kugirango buri gihugu, buri bwoko na buri muntu batarimbuka.

Ikindi kandi, bizagaragara ko uburyo Imana yakoresheje ikura ibihugu byamahanga imbere y'abisirayeli yoherezaga amavubi mbere kugirango avane abantu mu nzira. Ubwo bitashobokaga, Uwiteka yoherezaga abahanuzi kugira ngo baburire abantu. Iyo abantu binangiraga bakuzuza igikombe cyabo ibizira byakorerwaga mu gihugu cyabo, igihe bangaga kuvanwa mu nzira n'amavubi, bakanga n' umuburo w'abahanuzi. icyo gihe nibwo bagerwagaho n'urubanza rw'Imana.

Uru rubanza kandi ruzagaragaza impamvu ki Imana yakijije abo yakijije. Hazagaragazwa kandi n'abantu basa naho batari bakwiriye ijuru, ariko nyuma baje gukurikiza ibyanditswe byera, nyuma yaho bakaza kuzira kwizera kwabo. Hari n'abandi bazaba baramenyekanye ku isi nk'abicanyi, abajura, abanywa urumugi bose hazerekanwa uburyo bihannye mu gihe runaka cy'ubuzima bwabo. Bashobora kuba bariyunze na Kristo ku maherezo y'ubuzima bwabo, maze bamusaba imbabazi. Bacungujwe amaraso Ye, bacika ingoyi z'umwanzi. Bizagaragazwa kandi ko bamwe mu batari bazi Bibiliya cyane ariko bakurikije ibyo bari bazi ko ari byo bikwiriye maze Imana ibabara nk'abakiranutsi, kandi kubw'ibyo bazazukira mu mugabane w'abakiranutsi.

"*Abapagani badafite amategeko y'Imana, iyo bakoze iby'amategeko ku bwabo baba bihindukiye amategeko nubwo batayafite, bakagaragaza ko umurimo utegetswe n'amategeko wanditswe mu mitima yabo, ugahamywa n'imitima ihana ibabwiriza, igafatanya n'ibitekerezo byabo kubarega cyangwa se kubaregura. Kandi ni na byo Imana izatanga ho umugabo ku munsi izacirira abantu ho iteka muri Yesu Kristo ku byahishwe byabo, nk'uko ubutumwa bwiza nahawe buri*" (Abaroma 2:14-16).

Iyi myaka 1000 yo kubumbura ibitabo kandi nanone izagaragaza impamvu ki abenshi mu bari bitezwe kuba bari mu ijuru bazasangwa badahari. Izi nyandiko zizagaragaza ko benshi biyitaga Abakristo babivugaga mu magambo gusa ariko bi tari mu bikorwa.

Ibitabo bizabumburwa muri iki gihe cyo mu ijuri bizatujyana mu mateka yose y'isi si. bizagaragaza kujyaho no guhanguka kw'ubwami butandukanye, imikorere y'agahembe gato, no kwaduka kw'amadini y'ibinyoma, nk'abahakanamana nabizera ihindagurika. Ibi bitabo kandi ninabyo bizagaragaza ugusubizwaho kw'ubutumwa bwiza bw'ubuturo bwera n'akarengane k'abera. Izi nyandiko zizatugeza ku gihe gikomeye cyo kugaruka kwa Kristo.

Ibyanditswe bivuga ku banyabyaha nabyo bizasubirwamo. Ibi bitabo bizagaragaza ko Imana yakoze ibishoboka byose, mu kugira ngo ibahindure, bayigarukire. Ibi bitabo bizagaragaza uko abinangiye imitima bahisemo kwanga ibimenyetso by'ubuhanuzi maze bagakitamo kutizera. Ibihamya bizagaragaza uko banze kwemera ibimenyetso byerekaniwe muri siyansi, mu binyabuzima, ndetse n'amateka yasobanuraga neza ko Imana ariyo muremyi. Ahubwo bo bahisemo kubaho imibereho yabo uko bishakiye. Ibitabo byo mu ijuru bizasobanura neza inyigisho z'ubuyobe za Satani, ko umuntu ashobora kubaho atunganye atemera Imana cyangwa se atumviye amategeko ya Yo. Satani yashakaga kuyobora ijuru mu buryo bwe. Yahawe amahirwe yo kugaragariza isi uko ubwami bwe bwagombaga kumera iyo aza kuba ari we "Mwami w'abami".

Mu gihe abacamanza bazaba barangije umurimo wabo, nta bibazo bizaba bisigaye mu mitima y'abacunguwe. Buri kibazo cyose cyerekeranye n'ubutabera bw'Imana cyose kizaba cyasubijwe. Ibirego byose biregwa Imana bizaba byakuweho. Imyaka igihumbi izashira. Icyo kizaba ari igihe noneho cyo kugira ngo abantu b'Imana basubire ku isi. Kizaba ari igihe cyo gucirwaho iteka ku banyabyaha.

"*Henoki uwa karindwi uhereye kuri Adamu yahanuye ibyabo ati, Dore Uwiteka yazanye n'inzovu nyinshi z'abera be, kugira ngo agirire bose ibihura n'amateka baciriwe ho, no kwemeza abatubaha Imana bose ukuri kw'imirimo yose yo kutubaha Imana bakoze batubaha Imana, n'amagambo yose akomeye abanyabyaha batubaha Imana bayitutse*" (Yuda 14,15).

Abera n'Umurwa Wera bamanuka ku isi. "Mbona ururembo rwera Yerusalemu nshya rumanuka ruva mu ijuru ku Mana, rwiteguwe nk'uko umugeni arimbishirizwa umugabo we" (Ibyahishuwe 21:2). Mu gihe ibi bizaba bibaho, ku isi naho hari ikindi kizaba kirikubaho "iyo

myaka igihumbi nishira, Satani azabohorwa ave aho yari abohewe. Azasohoka ajye kuyobya amahanga yo mu mfuruka enye z'isi, Gogi na Magogi kugira ngo ayakoranirize intambara, umubare wabo ni nk'umusenyi wo ku nyanja" (Ibyahishuwe 20:7,8).

Satani "arabohorwa" akurwa mu buroko bwe kuko abanyabyaha bari barapfuye bazaba bamaze kuzurwa. Azaba afite abantu bo kwongera kuyobya. Azagenda abakoranyirize hamwe abakuye ku isi yose. Abanyabyaha bo mu bisekuruza byose bazaba bahari baturutse mu "mfuruka enye" z'isi yose. Gogi na Magogi ni amazina ashushanya abanyabyaha bo mu isi yose muri icyo gihe. Abakiranirwa bazitegereza umurwa wera, ari wo "hema" ry'abera, umanuka uva mu ijuru maze bagerageze kuwutera. "bazakwira isi yose, bagote amahema y'ingabo z'abera n'umurwa ukundwa. Umuriro uzamanuka uva mu ijuru, ubatwike" (Ibyahishuwe 20:9). Yohana aratwereka ikizabaho mbere y'uko umuriro umanuka. Iki ni igihe giheruka cyo kubumbura ibitabo:

> "*Mbona intebe y'ubwami nini yera mbona n'Iyicayeho, isi n'ijuru bihunga mu maso hayo, ahabyo ntihaba hakiboneka. Mbona abapfuye, abakomeye n'aboroheje bahagaze imbere y'iyo ntebe, nuko ibitabo birabumburwa. Kandi n'ikindi gitabo kirabumburwa, ari cyo gitabo cy'ubugigno. Abapfuye bacirwa imanza z'ibyanditswe muri ibyo bitabo zikwiriye ibyo bakoze. Inyanja igarura abapfuye bo muri yo, Urupfu n'Ikuzimu bigarura abapfuye bo muri byo, bacirwa imanza zikwiriye ibyo umuntu wese yakoze. Urupfu n'Ikuzimu bijugunywa muri ya Nyanja yaka umuriro. Iyo Nyanja yaka umuriro ni yo rupfu rwa kabiri. Kandi umuntu wese utabonetse ko yanditswe muri cya gitabo cy'ubugingo, ajugunywa muri iyo Nyanja yaka umuriro*" (Ibyahishuwe 20:11-15).

Iki gihe isi yose izaba ihagaze imbere y'intebe y'ubwami y'Imana. Yesu yavuze ko, "Nanjye nimanikwa hejuru y'isi, nzireherezaho abantu bose" (Yohana 12:32). Urupfu yapfuye ubwo yazamurwaga ku musarabarwe rwa shushanyaga nanone kwireherezeho abantu bose. Umusaraba wari inzira yo kugera kuri buri wese, nk'uko igicaniro cy'ibitambo cyo mu rugo cyari ahantu buri wese yari yemerewe kugera, ariko abenshi baracyanze. Nk'uko abatambyi gusa babaga biyejeje ku gikarabiro cyo mu rugo bashoboraga kwinjira ahera kugira ngo bakore umurimo w'ubucamanza, ni ko n'abantu bonyine bazaba barejerejwe mu rugo ari bo bazinjira mu rusengero rwo mu ijuru, kugira ngo bakore umurimo w'ubutambyi mu myaka 1,000. Iki gihe abantu bose bazaba bazanywe imbere y'Intebe y'ubucamanza y'Imana muri uru rubanza ruheruka. Ariko abanyabyaha ntibazaba bariteguriye guhagarara imbere y'Imana, imbere y'intebe y'ihongerero y'Imana.

Iki gihe, uru rubanza ruzaba rugeze ku banyabyaha. Mbere y'uko barimburwa n'umuriro, nabo bazabanza basobanukirwe n'ibyo banze. Nabo bazahabwa amahirwe yo kureba ukuntu bayobejwe na Satani. Satani ubwe azasobanukirwa n'ubutabera bw'Imana. Iki gihe isi izaba ari "filimi" isi yose itigeze ibona, kuko buri muntu wese w'igeze kubaho azaba ahari. Mu kuri ni *Filimi iheruka amateka y'isi!*

Iki gihe, inyokomuntu yose, umuntu wese wigeze kubaho mubihe bitandukanye, bose bazaba bateraniye ahantu hamwe. Uzaba uriyo, wowe n'umuryango wawe, n'inshuti zawe, ndetse n'abanzi bawe. Buri muntu wese azaba yiotegereza n'amaso ye ibizabera aho. Bamwe bazaba baratekereje ko uyu munsi utazigera ubaho, kandi ko batazigera bahagarara aho hantu bazaba bahahagaze. Abantu bose bazaba bareba mu mutuzo mu gihe amashusho azaba abatambuka imbere – iyi izaba ari "filimi" buri wese atigeze abonaho. Aha hazaba hari amatsinda abiri, itsinda ry'abakiranutsi n'itsinda ry'abanyabyaha, itsinda ry'abagumye mu nzira y'Imana kugeza bageze ku ntebe y'ubwami bwa Yo n'itsinda ry'abanze inzira y'Imana. Abanyabyaha nta jambo na rimwe bazigera bavuga ryo kwiregura. Impamvu zose zizaba zakuweho. Igihe bazaba berekwa amategeko ubwo ni bwo ibyo Pawulo yanditse bizasohora, "Tuzi yuko ibyo amategeko avuga byose abibwira abatwarwa nayo, kugira ngo akanwa kose kazibwe, kandi abari mu isi bose batsindirwe n'urubanza imbere y'Imana" (Abaroma 3:19).

Igihe ibitabo bizabumburwa, buri wese azabona intambara ikomeye yose iri hagati ya Kristo na Satani uko yatangiriye mu ijuru kugeza ku munsi w'imperuka. Abanyabyaha bazabona uruhare rwabo bayigizemo. Bizagaragazwa neza ko bahisemo uku gukiranirwa. Iki gihe, amagambo ya Pawulo azasohora:

> "*Ariko ni iki gituma ucira mwene So urubanza? Kandi nawe ni iki gituma uhinyura mwene So? Twese tuzahagarara imbere y'intebe y'imanza y'Imana, kuko byanditswe ngo: 'Uwiteka aravuga ati, Ndirahiye, amavi yose azampfukamira, kandi indimi zose zizavuga ishimwe ry'Imana'. Nuko rero umuntu wese muri twe azimurikira ibyo yakoze imbere y'Imana*" (Abaroma 14:10-12).

Icyo gihe Satani, abamarayika yayobeje n'abanyabyaha byose mu ijwi rimwe, ndetse n'abamarayika batunganye hamwe n'abantu b'abakiranutsi bose bazavuga ngo, "Mwami Imana Ishoborabyose, imirimo yawe irakomeye kandi iratangaje. Mugabe w'amahanga, inzira zawe ni izo gukiranuka n'ukuri" (Ibyahishuwe 15:3). Buri muntu wese wigeze kubaho, yaba ari umukiranutsi cyangwa se umunyabyaha, bose bazabona ubutabera bw'Imana ndetse banahamye Imico ya Yo. Ni ukuri kudakuka. Iki gihe, ndetse iki gihe gusa, nibwo urubanza rwa Satani n'abanyabyaha basigaye ruzashyirirwa mu bikorwa. Iyi azaba ari intambwe iheruka mu kurandurwa kw'icyaha. Bibiliya iyita "igikorwa cy'inzaduka" cy'Imana.

> "*Uwiteka azahaguruka nk'uko yahagurutse ku musozi Perasimu, azarakara nk'uko yarakariye mu kibaya cy'i Gibeyoni ngo akore umurimo we, ari wo murimo we w'inzaduka, uwo murimo we w'inzaduka azawusohoza*" (Yesaya 28:21).

Uwiteka arabaza ati, "Muragira ngo nishimara ko umunyabyaha apfa?... ikiruta si uko yahindukira akava mu nzira ye mbi, akabaho?" filimi irarangiye. Iki ni igihe cy'ishusho iheruka, iherezo…. N'itangiriro rishya.

*Iherezo ry'ishusho ya 10.*

**Ishusho ya 11:**

## Igikorwa giheruka

Waba warigeze ureba filimi aho umuntu ku bushake bwe yinjira mu muriro kugira ngo arokore umwana uba uriguhira mo imbere? N'abarwanya inkongi z'umuriro nubwo baba bafite ibikoresho byinshi byabugenewe, ntabwo bashobora kumara umwanya munini mu muriro. Nta muntu utatwikwa n'umuriro. Egereza urutoki rwawe ku muriro mu masegonda make uraza biributse ko utari ukwiriye gukina n'umuriro. Ese ntibyaba byiza tubayeho tudatekereza ko tuzatwikwa n'umuriro ukundi? Iki ni igihe cyo kureba kuri uku kuri gutangaje kwerekeranye n'umuriro muri iki gice giheruka *Filimi iheruka amateka y'isi.*

Ijuru ni ahantu h'umuriro. Imana ubwayo ni umuriro ukongora (Abaheburayo 12:29). Abamarayika ba Yo ni "ibirimi by'umuriro" (Abaheburayo 1:7). Inyanja y'ibirahure bivanze n'umuriro imurikira imbere y'Intebe y'Imana (Ibyahishuwe 15:2). Abakiranutsi bagaragaye bahagaze kuri iyi Nyanja. Intebe y'ubwami y'Imana igizwe n'umuriro (Daniyeli 7:9). Ibi byose biragaragaza ko umuntu wese wiringiye kuzajya mu ijuru akwiriye kuba adashobora gukongorwa n'umuriro. Bitandukanye n'ibyo abantu bizera, Imana ntabwo yigeze yigaragaza nk'umuriro kugira ngo itere abantu ubwoba. Indirimbo ya Salomo itugaragaza uko Imana iteye.

> "*Unshyire mu gituza cyawe mbe ikimenyetso, mbe no ku kuboko kwawe. Kuko urukundo rukomeye nk'urupfu, kandi ifuha ntirigondeka ni nk'imva, ibirimi byarwo ni nk'iby'umuriro, ni umuriro rwose w'Uwiteka. Amazi menshi ntiyazimya urukundo, n'inzuzi zuzuye ntizarurenga hejuru. Umuntu watanga ibyo afite mu rugo rwe byose kugira ngo agure urukundo yagawa rwose*" (Indirimbo ya Salomo 8:6,7).

Umuriro muri Bibiliya ni ikimenyetso cy'urukundo. Kuko Imana ari urukundo, biraza kumvikana kuba Yigaragaza nk'umuriro. Mu kuri, iyo umugabo n'umugore bari mu rukundo, bakunda gukoresha amagambo ngo "urukundo ruratwika" kugira ngo basobanure ibyiyumviro bitabasha gusobanurwa n'amagambo. Urukundo rw'Imana idukunda narwo ni ko rumeze, ni urukundo rugurumana rwo kubona umuntu yahitamo ubugingo aho guhitamo urupfu.

Igihe Imana yaremaga Adamu na Eva, bakiriye ubwiza burabagirana w'Imana. Bashoboraga guhagarara mu bwiza bw'Imana ntibarimburwe n'umuriro. Bari batunganye. Ariko ubwo icyaha cyazaga, ubwiza burabagirana bw'Imana bwahindutsemo ubwoba. Maze "Adamu n'umugore we bihisha hagati y'ibiti byo muri iyo ngobyi amaso y'Uwiteka Imana" (Itangiriro 3:8).

Kuva icyo gihe, ubwiza bw'Imana bwagiye busobanurwa nabi ko ari ikintu ukwiriye kugendera kure. Inama y'agakiza, GPS twamaze kuvugaho, yateguriwe kuyobora abantu

gusubira mu bwiza bw'Imana. Ubu buturo bwera bwari ubwo kuyobora inyokomuntu kugira ngo abantu b'Imana igihe kimwe bazahagarare imbere y'Imana ntibazashye.

Buri gikoresho cyose cyo mu buturo bwera cyari kiremewe gushyira umuntu ku muriro, kugira ngo atunganyirizwe kwinjira ahera cyane hari ubwiza bukongora bw'Imana. Igitambo cyo ku **gicaniro** cy'ibitambo bikongorwa (Kuva 30:28), gishushanya igitambo cya Kristo, cyari gishyiriweho kugira ngo gishyire urukundo rwo kwitanga mu mutima w'umuntu. **Igikarabiro** uretse gushushanya umubatizo w'amazi, nk'uko Yohana Umubatiza yabivuze, Kristo yagombaga kubatirisha Umwuka Wera n'Umuriro (Matayo 3:11). Ijambo ry'Imana, rishushanywa n'**imitsima yo kumurikwa,** ryagombaga kumera nk'umuriro ugurumanira mu magufwa (Yeremiya 20:9). Umwotsi **w'igicaniro cy'imibavu** (Kuva 30:1), washushanyaga amasengesho, waremaga mu mutima urukundo rugurumana rwo kuvugana na Data wo mu Ijuru. **Igitero cy'amatabaza arindwi**, kigaragaza ko Yesu ari Umucyo w'isi (Matayo 5:14), cyagombaga kutumurikira kugira ngo tugaragarize abandi ubwiza nk'abahamya ba Yesu. Kandi amategeko yo **mu isanduku y'isezerano** yari ashyiriweho kugaragaza umuriro wo gukiranuka mu buzima bwacu (Gutegeka kwa kabiri 33:2).

Ibi byose byari bibereyeho kugira ngo bidutegurire kwinjira mu bwiza bukongora bw'Imana, imbere y'intebe y'ubwami bw'Imana, yashushanyagwa n'ubwiza bwa Shekina bwari hejuru y'intebe y'ihongerero yabaga Ahera Cyane. Buri kintu cyose cyo mu muri iyi nzira y'Imana cyari kibereyeho gushyira umuriro mu muntu kugeza ubwo yongera kuba ikiremwa gishya gifite ishusho y'Imana, kugira ngo azashobore guhagarara imbere y'ubwiza bw'Imana bukongora.

Abakiranutsi, kuko bazaba barakurikiye igishushanyo mbonera, bazaba badashobora gukongorwa n'umuriro. Ariko si ko bizaba bimeze ku banyabyaha. Abanyabyaha bo ntibazaba bafite ubwo bushobozi bwo kudakongorwa n'umuriro kandi nta nubwo bazaba bariteguye kwinjira mu Murwa Wera w'umuriro.

Imibereho ya Mose ibigaragaza neza mu Kuva 3. Ubwo Imana yibwiraga Mose, Imana yigaragarije mu gihuru cyaka *ariko ntigikongoke*. Ibi Mose yabonye byashushanyaga iby'inama y'agakiza. Igihe kimwe, abantu b'Imana bazashobora kuzahagarara imbere y'Imana maze ntibakongoke.

Iki gitekerezo kandi gishimangirwa n'abasore batatu b'abaheburayo banze gupfukamira ikigirwamana cyo Nebukadinezari yari yarubatse (Reba Daniyeli 3). Hashyizweho itegeko ryo kwicwa ku muntu wese utazakiramya. Saduraka, Meshaki na Abedinego, abayobotse Imana by'ukuri, banze kukiramya maze bajugunywa mu itanura ry'umuriro. Bibiliya mu buryo bw'igitangaza isobanura neza ko "Umwana w'umuntu" yari hagati muri uwo muriro ari hamwe n'abo basore maze ntibashya (umurongo wa 25). Ku rundi ruhande, abagabo bajugunye abo basore mu muriro bo bahise batwikwa n'ibirimi by'uwo muriro. Uwo muriro watwitse abo bagabo ni nawo muriro utaratwitse iryo tsinda ry'abo basore. Ni nako bizagenda ku bantu bose

bazanga gupfukamira ikimenyetso cyashyizweho na Babuloni yo mu minsi y'imperuka bazaba badakongorwa n'umuriro!

Umugambi w'Imana ni ukudutegurira kuzabaho iteka mu bwiza bwa Yo. Ibi bisobanuye ko Imana ikwiriye kuzatugira abadakongorwa n'umuriro. Igihe umuriro w'urukundo rw'Imana ugurumanira mu mitima yacu, biba bidutegurira kuzahagarara mu bwizwa bwa Yo bukongora ubwo Yesu azaba agarutse. Abantu bose banga umuriro w'ubwiza bw'Imana mu mitima yabo bazihisha ubwiza bukongora bwa Kristo ubwo Azaba agarutse.

> "*Abami bo mu isi n'abatware bakomeye, n'abatunzi… n'imbata zose n'ab'umudendezo bose bihisha mu mavumo no mu bitare byo ku misozi, babwira imisozi n'ibitare bati, Nimutugweho, muduhishe amaso y'Iyicaye kuri iriya ntebe n'umujinya w'Umwana w'intama, kuko umunsi ukomeye w'umujinya wabo usohoye kandi ni nde ubasha guhagarara adatsinzwe?*" (Ibyahishuwe 6:15-17).

Muri iki gikorwa giheruka cy'urubanza, Imana Izarimbura abanyabyaha. Kubera iki? Kubera ko isi izaba isa naho igiye kuba ihuriro rishya ry'ijuru! Yerusalemu nshya izamanukira ku isi (Ibyahishuwe 21:2). Ariko abanyabyaha bazaba bakiri mu isi yose. Imana Izi ko abanyabyaha baramutse bemerewe kujya mu ijuru, kwaba ari ukubarenganya by'iteka ryose, ni yo mpamvu Imana Izabarimbura kuko Ibakunda cyane kugira ngo Ibakize uwo mubabaro wabo w'iteka ryose. Ntibashobora guhagarara imbere y'ubwiza bw'Imana badakongotse. Kuko batejejwe n'igishushanyo mbonera cy'agakiza, no gukiranuka kwa Kristo, ibyaha byabo ibyo bihambiriyeho, bizabarimbura. Bizababaza Uwiteka. Kandi Uwiteka arabaza ati, "Muragira ngo nishimira ko umunyabyaha apfa?... ikiruta si uko yahindukira akava mu nzira ye mbi, akabaho?" (Ezekiyeli 18:23).

Ushingiye kuri Bibiliya, abakiranutsi nibo bazatura mu muriro w'urukundo rw'iteka si abanyabyaha

> "*Abanyabyaha b'i Siyoni baratinya, guhinda umushyitsi gutunguye abatubaha Imana. Muri twe ni nde uzabasha guturana n'inkongi y'iteka ryose? Kandi muri twe ni nde uzashobora guturana no gutwika kw'iteka? Ugendana gukiranuka akavuga ibitunganye, akagaya indamu iva mu gahato, agashwishuriza imponganο bamuha, akipfuka mu matwi ngo atumva inama yo kuvusha amaraso, agahumiriza amaso ngo atareba ibibi, uwo ni we uzatura aharengeye yikingire igihome cyo ku rutare, azahabwa ibyokurya bimutunga n'amazi yo kunywa ntazayabura. Amaso yawe azareba Umwami ufite ubwiza bwe, uzayarambura mu gihugu ugeze kure*" (Yesaya 33:14-17).

Kuko abanyabyaha bagundiriye ibyaha byabo, bazaba bakongorwa n'umuriro. Ubwo Imana Izarimbura ibyaha byose, nabo bazakongoka bamere nk'ivu! Bazarimburwa n'umuriro w'iteka (Yuda 7), "n'umuriro utazima" (Matayo 25:41), kuko Imana ubwayo ari umuriro. Abanyabyaha ntabwo bashobora kubaho iteka ryose kugira ngo bazashye by' iteka ryose. Kuko

bazaba badafite ubugingo buhoraho, kandi bakaba batarakiriye impano yo kudapfa, umuriro uzabakongora.

> "*Dore hazaba umunsi utwika nk'itanura ry'umuriro, abibona bose n'inkozi z'ibibi zose bazaba ibishingwe, maze habe umunsi uzabatwika bashire, ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga, ntuzabasigira umuzi cyangwa ishami. Ariko mwebweho abubaha izina ryanjye, Izuba ryo gukiranuka rizabarasira rifite gukiza mu mababa yaryo, maze muzasohoka mukinagire nk'inyana zo mu kiraro. Kandi muzaribatira abanyabyaha hasi, bazaba ivu munsi y'ibirenge byanyu ku munsi nzabikoreraho. Ni uko Uwiteka Nyiringabo avuga*" (Malaki 3:19-21).

> "*Ariko abanyabyaha bazarimbuka, kandi abanzi b'Uwiteka bazashira nk'ubwiza bw'urwuri, bazarimbuka, barazimbukira mu mwotsi*" (Zaburi 37:20).

Nyuma y'uko abanyabyaha barimburiwe mu muriro ku bw'ibyaha byabo nta kindi kintu bazaba basigaje, bazaba ari ivu bacumba umwotsi. Abanyabyaha ntabwo bazashya iteka ryose. Ahubwo, "umwotsi" wo kubabazwa kwabo niwo ucumba iteka ryose (Ibyahishuwe 14:11). Ntibaruhuka ku manywa na nijoro kugeza ubwo uwo mwotsi uzakongoka by'iteka ryose. Nk'uko Umunyezaburi yabyanditse ati: "Kuko hazabaho igihe gito umunyabyaha ntabeho, ni koko uzitegereza ahe umubure. Ariko abagwaneza bazaragwa igihugu, bazishimira amahoro menshi" (Zaburi 37:10,11).

Satani nawe ubwe azakongorwa n'umuriro. "kandi Satani… ajugunywe muri ya Nyanja yaka umuriro n'amazuku, irimo ya nyamaswa na wa muhanuzi w'ibinyoma. Bazababazwa ku manywa na nijoro iteka ryose" (Ibyahishuwe 20:10). Aha aya magambo "ku manywa na nijoro iteka ryose" abereyeho gusa gusobanuro iteka ryose. Urebye neza uburyo ijambo "iteka" rikoreshwa muri Bibiliya usanga riba risobanuye "gukomeza kubaho kugeza igihe ikintu kirangira".

Urugero, Pasika yagombaga kubaho "iteka". Gusa Kristo "Pasika" yacu yaratambwe ku bwacu, nta bwo tugikeneye gukomeza uwo munsi mukuru. Muri iri somo, "iteka" bisobanuye "gukomeza kubaho kugeza igihe Yesu yagombaga kubambwa kubwacu". Nk'uko byanditswe mu Kuva 21:6, igihe umucakara yahitagamo kuguma kuba umucakara wa shebuje, yapfumuragwa ugutwi kwe maze akamukorera by'iteka; ibyo bisobanuye ko yamukoreraga kugeza apfuye. Mu Balewi 6:18,22, Abahungu ba Aroni bari barahawe inshingano runaka bagombaga gukora by'iteka. Ariko kuva Kristo yapfa, ubutambyi bwa Aroni ntabwo bukiriho. Umurongo wa 6 w'iki gice haravuga ngo, "umuriro wake ku gicaniro urudaca, ntugasinzire". Umuriro wo ku gicaniro cy'ibitambo wagombaga guhora waka, bivuzeko *mu gihe cyose* ubuturo bwera bwo mu isezerano rya kera bwagombaga kuba bukiriho. Igihe Kristo yapfaga, umwenda wo mu buturo bwera Imana yawutabuyemo kabiri, ari byo byashyize iherezo kuri uko kwaka kw'uwo muriro wahoraga waka. Aha rero, Kuko Satani n'abanyabyaha bazashya kugeza ubwo

igihano cyabo kizuzurizwa. Maze bazarekera kubaho. Ntikizasigara keretse gusa umwotsi n'ivu. Reba neza uko Bibiliya isobanura uko Satani azarimburwa:

> "*Ububi bwawe bwinshi no gukiranirwa kuva mu bugenza bwawe byatumye wanduza ubuturo bwawe bwera, ni cyo cyanteye gukongeza umuriro ukuvuyemo uragukongora, maze nguhindurira ivu imbere y'abakureba bose. Abakunzi bose bo mu mahanga bazagutangarira, wahindutse igishishana kandi ntabwo uzongera kubaho ukundi*" (Ezekiyeli 28:18,19).

Satani azareka kubaho by'*iteka!* Iki gihe rero kizaba kigeze muri *filimi iheruka amateka y'isi* ubwo abanyabyaha bazarimburwa. Nyuma y'uko abanyabyaha bazaba bamaze guhamya ko Imana Itabera, urubanza rushyira mu bikorwa ruzahita rutangira. Ubwiza bw'Uwiteka buzahita bugaragara. Imana yarabivuze mbere ko umunsi umwe Ubwiza bwayo buzuzura mu isi yose – "ariko ni ukuri ndahiye guhoraho kwanjye n'uko isi yose izuzura icyubahiro cy'Uwiteka". "kuko isi izakwirwa no kumenya ubwiza bw'Uwiteka, nk'uko inyanja y'amazi isendera" (Habakuki 2:14).

Icyo gihe kizaba cyageze. Ubwiza bukongora bw'Uwiteka buzamanukira abanyabyaha, ariko uzaba ari umuriro w'urukundo. Imana izahobera abanyabyaha buheruka. Mu kwanga igitambo cya Kristo cyo ku gicaniro cy'ibitambo bikongorwa, nabo ubwabo bazaba bagomba gushyirwa kuri icyo gicaniro. Nk'uko igitambo kuri icyo gicaniro cyakongorwagwa n'umuriro kugeza kibaye ivu nk'uko byashushanyaga ibihembo by'ibyaha, ni ko n'abanyabyaha mu kwanga igitambo cya Kristo kubwabo bazahinduka ivu. Isi yose izahinduka inyanja yaka umuriro. "urupfu n'ikuzimu bijugunwa muri ya Nyanja yaka umuriro. Iyo Nyanja yaka umuriro ni yo rupfu rwa kabiri" (Ibyahishuwe 20:14).

Ushingiye kuri Bibiliya, abanyabyaha ntabwo bazajugunywa mu nyanja yaka umuriro mu rupfu rwa "mbere". Mu rupfu rwa mbere, bazaba basinziriye gusa mu bituro byabo, bategereje urubanza ruheruka. Mu rupfu rwa kabiri nibwo bazahamagarirwa kuva mu bituro byabo nyuma y'imyaka 1000 maze bajugunywe mu Nyanja yaka umuriro.

Abakoze ibyaha bito bito bazarimburwa vuba vuba; abandi bakoze ibyaha bikomeye bazatinda mu muriro – buri muntu wese azahanwa "ibihwanye n'ibyo yakoze" (Ibyahishuwe 20:13). Satani n'abamarayika be bazababazwa bitinde. Maze iyo Nyanja yaka umuriro izakama. "mbona ijuru rishya n'isi nshya, kuko ijuru rya mbere n'isi ya mbere byari byashize, n'inyanja yari itakiriho" (Ibyahishuwe 21:1).

Abanyabyaha ntibazaba bakiriho ukundi. Icyaha n'abanyabyaha bizaba bikuweho by'iteka. Nta hantu na hamwe ku isi hazaba hakirangwa icyaha cyo kurwanya Imana kiyobowe na Satani. Kuko abanyabyaha ndetse na Satani ubwe bose bazaba bahamije ko inzira z'Imana zitunganye kandi ko ari ukuri, nta kibazo kizongera kubaho cyibaza ku butabera bw'Imana. "ntabwo umubabaro uzahagaruka ubwa kabiri" (Nahumu 1:9).

Imana izongera kurema isi nk’uko yahozeho mu itangiriro. Maze Imana Ishyireho umunsi udasanzwe.

> “*Nk’uko ijuru rishya n’isi nshya nzarema bizahoraho imbere yanjye, ni ko urubyaro rwawe n’izina ryawe bizahoraho. Ni ko Uwiteka avuga. Igihe kizaza uhereye mu mboneko z’ukwezi ukageza mu mboneko z’ukundi, no guhera ku isabato ukageza ku yindi, abantu bose bazajya baza gusenga imbere yanjye. Ni ko Uwiteka avuga*” (Yesaya 66:22,23).

Kuva ku isabato imwe kugeza ku yindi, isi yose izajya ihurira ku ntebe y’ubwami y’Imana kugira ngo baYiramye. Hagati aho nyuma yo gusura miliyoni nyinshi z’imibumbe igize isanzure ndetse no gusabana kw’abacunguwe n’abamarayika bose bazajya bava ku isabato imwe bageze ku yindi kugira ngo bahurire imbere y’intebe y’ubwami y’Imana, mu buturo bwera bwo mu ijuru, ari ryo shingiro ry’igishushanyo mbonera cy’inama y’agakiza y’Imana, baramye badafite icyaha, umubabaro cyangwa agahinda.

Iherezo ry’ishusho ya 11 – *Maze hatangire Itangiriro Rishya*

**Umuhamagaro**:

## Gahunda y'Igishushanyo mbonera

Mu myaka ya za 1800, amagari y'umwotsi agendera mu butaka yatwaraga abacakara abaha ukwishyira ukizana. Abayayoboraga bagendaga hose mu majyepfo no mu majyaruguru bajyana abo bahoze ari abakacara bakabashyira aho bagenewe kugeza babonye umudendezo. Uyu munsi, Imana ikeneye intwari z'abayobozi zizafasha mu guhamagara abantu b'Imana kuva muri Babuloni maze babayobore ahabugenewe, ngo bemere Kristo kandi bakomeze amategeko Ye. Buri kintu cyose muri bitandatu byari bigize ubuturo bwera ni nk'ahantu hatandatu hagenewe kuyobora abantu ku nama y'agakiza. Niba warabonye umudendezo muri iki gitabo, ubwo Imana iraguhamagararira kuyobora abandi ahabugenewe kugeza ubwo nabo bazabona amahoro "mu gicucu cy'Ishoborabyose".

Uyu ni umuhamagaro kuri wowe uguhamagarira kwiyunga n'itorero ryasigaye ry'Imana maze ufatanye na ryo kuyobora abandi bantu ubakura mu mwijima ubashyira mu mucyo w'Imana. Ku bwo kwemera, kwiga, ndetse no gutanga ubu butumwa, cyangwa se kubwo gutanga iki gitabo ukagiha umuntu runaka, waba ugize uruhare mu kwamamaza iki gishushanyo mbonera (*Ubu Buturo Bwera)*


*www.operationblueprint.com*

*Operation Blueprint*

*PO Box 4272*

*Paso Robles CA 93447*

*Cyangwa se*

*www.preciouspresenttruth.org*

IGISHUSHANYO MBONERA CYA KERA

GIHISHURA UKURI GUTANGAJE KW'IBIHE BYOSE.

INGINGO ESHESHATU, ZUZUZANYA MU KUGARAGAZA UKURI KUZUYE.

Ese ujya wibaza iby'ahazaza *hawe?* Ese ujya wibaza ibibazo bikomeye nko kwibaza, aho iyi si igana? Ibizaba ku muryango wawe? Ese haba hari impamvu isi dutuye imeze uko iri ubu? … cyangwa se ukavuga uti ibintu byose niba bipfa kubaho ku bw'amahirwe?

Iyo wamaze kubona ko winjiye mu buzima bufite umugambi w'ahazaza biguha umucyo n'ibyiriringiro. Ese waba uzi ko hari undi mugambi ukomeye waguteguriwe, Ese waba uzi ko uwo mugambi waguye uri kwizingurira imbere yawe? kandi uwo mugambi ushobora ku wugiramo uruhare, waba uzi kandi ko uwo mugambi uzaguha ibyiringiro n'umunezero?

Umubwiriza mpuzamahanga akaba n'umwanditsi Ivor Myers yacukumbuye ibyerekeyeranye n'igishushanyo mbonera cya kera maze ahishura amwe mu mayobera akomeye yo muri iki gihe cyacu. Ingingo esheshatu arizo bimenyetso bikomeye bifite icyo bitwigisha muri Bibiliya ni zo ngingo nyamukuru zo gusobanukirwa ahazaza hawe ndetse n'ahazaza h'iyi si muri rusange. Buri ngingo uretse kuba iduhishurira aho tugana, izanagufasha gutegura ahazaza hawe maze ubeho ufite icyizere.